Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato
By'Abakuze



# *Ubumenyi buri mu gitabo cya* Yesaya

Vol. 91 No. 4
Ukwakira – Ukuboza 2015

# Ibirimo

1. Ibihe bikomeye mu ijuru / 5

2. Ijwi r'urangururira u butayu / 10

3. kwakira Messia / 15

4. Ihumure no kwitaho by'umureyi / 20

5. Kwitegereza uwana w'intama / 25

6. Gusangira n'abaturanyi bacu / 31

7. Intambara z'abasigaye / 36

8. Gukorana neza n'ijuru / 41

9. Twahamagariwe kuba abahamya / 46

10. kujya gushaka imitima) / 52

11. Ababwiria butumwa bihangana / 57

12. Kunesha guheranije / 62

13. Iminsi y'ihereo ry'isi / 67

14. Agashusho k'ibiabaho / 72

**Ibyigisho bya Bibiliya mu ishuri ryo ku isabato**, Ni porogarame y' ibyigisho bya buri munsi.

**Ibi byigisho by' ishuri ryo ku isabato** bishingiye kuri Bibiliya n' umwuka w' ubuhanuzi gusa. Kwiga byimbitse muri iki gihe bigomba gushishikariza buri wese witegura kugaruka k' umukiza wacu Yesu.

**IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO“**
Bitegurwa n'inteko y'ubuyobozi bukuru bw'itorero ry'abadivantisite b'Umunsi wa 7 Bavugurura

**GENERAL CONFERENCE**

5240. Hollins Road
Roanoke - Virginia
24019 5048 USA
Internet: www.sdarm.org
E-mail: gc@sdarm.org

*Byahinduwe mu Kinyarwanda na* **“RWANDA MISSION“** *y'Abadivantisite b'Umunsi wa Karindwi Bavugura*

**Ibi byigisho by' Ishuri ryo kw'Isabato** binaboneka mu kinyarwanda kuri iyi website: **www.sdarm.org/sbl**

# Ijambo ry'Ibanze

Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato by'igihembwe gitaha bizaba Igice cya 2 gitanga umusozo ku cyigisho cy'Ibiboneka mu gitabo cya Yesaya. Nk'uko twabibonye mu gihembwe gishize, ku muhanuzi Yesaya hari ibintu byamuhishuriwe kandi dukeneye kubisobanukirwa uyu munsi. Byinshi muri byo biganisha mu buryo butaziguye ku minsi y'imperuka y'amateka y'uyu mubumbe – nuko ibindi bikaba bihera mu gihe cya mbere y'uko isi yaremwaga bikageza ku gihe cya nyuma cyo kongera gutunganywa kwayo. Iyo shusho rero ngari kandi irambuye cyane ishobora kugaragara neza kubwo kwiga inyandiko z'uyu muhanuzi w'ingenzi!

Urugero, ''mu gice cya mirongo ine na rimwe kugeza ku cya mirongo ine na gatanu cya Yesaya, Imana ihishurira byuzuye umugambi wayo abantu bayo, kandi ibi bice bikwiye kwiganwa amasengesho menshi. Imana ntabwo aha yigisha abantu bayo gutera umugongo ubwenge bwayo maze bakareba ku muntu upfa ngo abahe ubwenge. – *Ibihamya ku Bagabura* p. 480.

"Nategetswe kuyobora intekerezo z'abizera bacu ku gice cya mirongo itanu na bitandatu cya Yesaya. Iki gice kirimo ibyigisho by'ingenzi cyane ku bantu barwanira ku ruhande rw'Umwami mu ntambara iri hagati y'icyiza n'ikibi.'' – *Urwibutso n'Integuza,* 23 Kamena, 1904.

''[Yesaya 59:13-17] Uko isi yariho mbere yo kuza kwa mbere kwa Kristo ni ishusho y'uko isi izaba iriho mbere yo kugaruka kwe. Gukiranirwa kumwe gukomeza kubaho, Satani akomeza kugaragaza imbaraga irimbura imwe ku ntekerezo z'abantu. Ariho arashyira abakozi be batojwe neza ku murimo, kandi akomeza kubimurira ahantu hagutse kurutaho ku murimo. Ariho arategurira ingabo ze z'abantu kujya mu ntambara iheruka hagati ye n'Umwami w'ubugingo, guhirika amategeko y'Imana, ari nayo rufatiro w'ubwami bwe. Satani azakora mu buryo bw'ibitangaza bikomeye kugirango yemeze abantu kwizera ko ibyo avuga aribyo – ko ariwe mutware w'iyi si, kandi yuko intsinzi ari iye. Azateza ingabo ze abantu bakiranukira Imana, ariko n'ubwo ashobora guteza ububabare, agahinda, n'ubwihebe bwinshi ku muntu, ntabwo ashobora kwanduza umutima. Ashobora guteza imibabaro ku bantu b'Imana nk'uko yabigenje kuri Kristo, ariko ntabwo ashobora gutuma n'umuto mu bantu ba Kristo arimbuka. Abantu b'Imana muri iyi minsi y'imperuka bagomba kwitega ko bagiye kujya mu ntambara ikomeye.'' *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi [*Ellen G. White Comments], vol. 4, p. 1153.

Byasabye Yesaya gutanga ubugingo bwe kugirango ashobore gusohoza umurimo we wa gihanuzi neza. Ari muri ba bagorozi bacye biringirwa "bicishwaga amabuye…. Abo bose n'ubwo bamaze guhamywa neza kubwo kwizera kwabo nyamara ntibahabwa ibyasezeranijwe kuko Imana yatugambiriye ikirushaho kuba cyiza kugirango abo badatunganywa (rwose tutari kumwe. *(Abaheburayo 11:37-40).*

"Abahanuzi bahanuye mu izina ry'Umwami Imana mubakureho icyitegererezo cyo kurenganywa no kwihangana. (Yakobo 5:10). Utekereje ku mubabaro ukomeye byatumye ubaho kugirango ubu buhanuzi bushobore kuzigamwa kubwo agakiza kacu kugeza kuri iyi saha ya nyuma, bikwiye gutuma twishimira agaciro kabwo ndetse tukanabushimangira ku mutima byimazeyo!

*Icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato muri Conference General*

## Amaturo y' Isabato ya Mbere azagenerwa Vankuva, muri Kanada




Kanada ni igihugu giherereye mu gace k'Amajyaruguru ya Amerika. Abaturage bayo bagera kuri miliyoni 35 batataniye mu ntara icumi n'ibice by'igihugu bitatu. Ingabano za Kanada zirambuye kuva kuri Atalantika kugeza kuri Pasifika ndetse zikerekeza mu majyaruguru zigana ku Nyanja ya Alikitika, zikaba zizengurutse ibirometero kare miliyoni 9,98 (ibyo bikaba ari mayilo kare miliyoni 3.85), bikayihesha kuba igihugu cya kabiri mu biruta ibindi ubunini ku isi ku buso ndetse kikaba icya kane mu bifite ubutaka bwumutse bunini cyane ku isi.

Kolombiye y'Abongereza ni intara yacyo iri ku nkengero z'iburengerazuba. Ikaba ari yo mujyi munini kuruta iyindi muri Vankuva, ikaba n'umujyi wa gatatu mugari mu mijyi y'ubucuruzi muri Kanada.

Kimwe rero n'ahasigaye ha Kolombiye y'Abongereza, Vankuva ifite umubare muke w'abitabira insengero ugereranije n'ahasigaye ho kuri uwo mugabane; abaturage benshi ntabwo bitabira iby'idini. Icyegeranyo by'iby'amadini muri icyo gihugu kigaragaza ko 48.8% batagira idini na rimwe bihuje naryo, abatitaye ku Mana, abatizera ko ibaho, n'abakora iby'ubumuntu gusa; 36.2% ni Abakristo babarirwa mu Bapentekoti, Abaporotesitanti, n'Abagaturika b'i Roma; 5.7% ni Ababudisiti 2.8% Abasiki, 2.2% Abisilamu, 1.8% Abayuda, na 1.4% ni Abahindu.

Ubwisanzure bw'idini icyo gihugu gitanga bworohereza bikomeye ubutumwa bwacu kujya mbere. Turashima Imana cyane ko itorero ryacu ryemewe na leta ndetse ubu rikaba ryanditswe byemewe n'amategeko. Turashaka gukomeza umucyo w'ukuri dusohoyemo ngo ukomeze kumurika aha hantu.

Nyuma y'umushinga w'ivugabutumwa hano muri Vankuva muri 2012, ubushake bw'imitima myinshi bwarakanguwe ndetse n'abashyitsi benshi cyane baje muri gahunda zacu n'amateraniro. Kuva muri Gicurasi 2013, twakomeje gukodesha urusengero rw'Abaruteriyani aho dukorera amateraniro yacu yo ku Isabato nan'ubu n'amasengesho ya buri cyumweru ndetse no gutanga ibyigisho bya Bibiliya, no gukora ibikorwa bijyanye no gutanga inama zitandukanye. Ndetse dutanga amasomo y'ibijyanye n'iby'umuze mucye, ibyo guteka rusange n'amasomo, ndetse tugasohora ibitabo kubijyanye niby'Ubukristo n'ibyigisho by'iby'umuze mucye.

Ubukene bwacu bukomeye ubu ni inzu yo gusengeramo n'ahantu h'ibiro by'icyicaro gikuru. Aha kandi hakazaba ahantu h'ihuriro ho gukorera ibikorwa byo gukwirakwiza inyandiko zacu. Ubukode ubu burahenze cyane kandi aho dukura naho haracyari hasi. Biri mu masengesho yacu avuye ku mutima ko Uwiteka akwiye gutera imitima yanyu gutekereza ku bukene buri hano I Vankuva nk'agace kamwe mu tugize uruzabibu rwe. Turabinginze nimutangane umutima ukunze mu gihe cyo kwegeranya iby'amaturo yo ku Isabato ya Mbere, kugirango icyumba cy'amasengesho kibashe guhagarara hano i Vankuva kubw'icyubahiro cy'Imana muri kano gace ka Kanada. Murakoze, kandi Uwiteka nahire bikomeye buri mpano n'uyitanga.

*Beneso na bashiki banyu bo muri Vankuva*

# Ibihe Bikomeye mu Ijuru

**"Nzahana ab'isi mbahora ibyo bakoze bibi, nzamaraho ubwibone bw'abibone, n'agasuzuguro k'abanyagitinyiro nzagacisha bugufi" (Yesaya 13:11).**

"Ibihome bya Satani ntabwo bizigera binesha. Intsinzi izajya ku ruhande rw'ubutumwa bwa malayika wa gatatu. Nk'uko Umuyobozi w'ingabo z'Uwiteka yashenye inkuta z'i Yeriko, niko n'abakomeza amategeko y'Uwiteka bazanesha, n'abayarwanya bose bakaneshwa." – *Ibihamya ku Bagabura,* p. 410.

**Igitabo Cyifashishijwe: Abakurambere n'Abahanuzi, pp. 33-43.**

## *Kuwa Mbere* *25 Nzeri*

**1. MU BY'UKURI YESU NI NDE,?**

**a. Ni iki tugomba gusobanukirwa ku ruhare rwa Yesu Kristo mu iremwa ry'isanzure n'ibiririho? Yohana 1:1-3; Abakolosayi 1:16; Abaheburayo 1:1, 2.**

---

---

---

"Data wa twese yakoranye n'Umwana we mu iremwa ry'ibiremwa byose byo mu ijuru." - *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 34.

**b. Ni irihe tandukaniro riri hagati y'ibyaremwe byose na Kristo, we ku bw'itegeko, wagomba kuba Umukiza wacu? Abaheburayo 1:6-8, 13, 14; Luka 1:30-35.**

---

---

---

"Muri Yesu niho ubugingo bwacu bwacunguriwe. Muri we niho ubugingo bw'umwimerere, butari ubutirano, ubuzima butagabanije buri. Muri we harimo isoko y'ubugingo." – *Urwibutso n'Integuza,* 6 Kanama, 1914

"Mu kuvuga ku kuba yarabanje kubaho mbere kwe, Kristo asubiza ibitekerezo bye kure cyane mu gihe kidashobora kubarwa. Atwizeza ko hatariho igihe yabayeho adafitanye imishyikirano ya bugufi n'Imana ihoraho." – *Urwibutso n'Integuza,* Kanama 29, 1900.

## 2. UBUTEGETSI BWO MU IJURU

**a. Ni ibihe muri bimwe biboneka mu butegetsi Umuremyi yahoze akoresha mu gutegeka isanzure? Zaburi 89:14; Abaroma 7:12.**

---

"Amategeko y'Imana yabayeho mbere y'uko umuntu aremwa. Yari yarashyiriweho kugenga ibiremwa byera; ndetse n'abamalayika bayobowe nayo." – *Ibimenyetso by'Ibihe* 15, 1886.

"Kuba amategeko y'Imana ariyo rufatiro rw'ubutegetsi bw'Imana, umunezero w'ibizima byose bifite ubwenge ushingira ku guhuza n'amahame yo gukiranuka kwabyo. Imana yifuza ibikorwa by'urukundo ku biremwa byayo byose – ibyo bikorwa bikaba bituruka mu kunezererwa imico yayo. Ntabwo inezezwa no kuyumvira ku gahato; ndetse kuri bose itanga uburenganzira bwo kwihitiramo, kugirango babashe kuyiha ibikorwa bivuye mu bushake bwabo.

"Igihe cyose ibizima byose byaremwaga byasobanukirwaga icyo kwiyegurira urukundo aricyo, habayeho guhuza kunoze mu isanzure ry'Imana ryose. Byari mu munezero w'ingabo zo mu ijuru gukora ibihuje n'umugambi w'Umuremyi wazo. Banezezwaga no kugaragaza icyubahiro cye n'ishimwe. Ndetse mu gihe urukundo bakunda Imana ruhanitse, urukundo bakundana ubwabo rwagendaga rwuzura ubucuti no kutikunda. Nta kintu na kimwe cyashoboraga gutuma habaho kwanduza ubumwe bwo mu ijuru." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* pp. 34, 35.

**b. Ni iyihe mibereho yahoraga iranga abamalayika bera bataguye, ku bijyanye na Kristo? Ibyahishuwe 5:11, 12. Ni iki se kandi Data wa twese, ari nawe Mwami w'Isanzure, yavuze kuri Kristo? Abaheburayo 1:3-6.**

---

"Umwana w'Imana yarasangiye na Se intebe y'ubwami ye, ndetse n'icyubahiro cy'iteka, n'icyo kubaho by'iteka cyabazengurutse bombi. . . . Mbere y'uko ibyaremwe byo mu ijuru biterana uwo Mwami yavuze ko nta n'umwe, uretse Kristo, washoboraga kwinjira mu migambi ye, ndetse aba ari nawe uhabwa ubutware bwo gushyira mu bikorwa inama z'ubushake bwe. Umwana w'Imana yashyize mu bikorwa ubushake bwa Se mu iremwa ry'ingabo zo mu ijuru; kandi kuri we, kimwe n'uko biri kuri Se, kuramywa n'izo ngabo bikaba byari itegeko. Kristo yari akigomba gukoresha ububasha bwe bw'ijuru, mu iremwa ry'isi n'ibiyituye. Ariko muri ibi byose ntabwo yagombaga gushaka uburyo bwo kwishyira hejuru we ubwe mu buryo bunyuranye n'umugambi w'Imana, ahubwo yagombaga gushyira hejuru icyubahiro cya Se kandi agashyira mu bikorwa imigambi ye y'impuhwe n'urukundo. Ibid., p. 36.

## 3. AMAHITAMO Y'UMUKERUBI WASIZWE

**a. Mu kigereranyo cy'umwami w'i Tiro, ni iki dushobora kwiga kuri Lusiferi, umukerubi wari warasizwe,ari nawe waje guhinduka Satani, umwanzi? Ezekeli 28:11-15.**

"Satani yigeze kuba malayika wubashywe mu ijuru, akurikira Yesu Kristo. Uruhanga rwe rwari rutuje, rugaragaza umunezero nk'urw'abandi bamalayika. Uruhanga rwe rwari ruhanitse ndetse ari rugari, kandi rwagaragazaga ubwenge bukomeye. Ishusho ye yari itunganye. Yari ateye gipfura atamirijwe ubutware." – *Impano z'Ubuhanuzi,* vol. 1, p. 17.

"Satani niwe wari uyoboye umutwe w'abaririmbyi mu ijuru. Niwe watangizaga ijwi rya mbere maze izindi ngabo zo mu ijuru zikirizanya nawe, maze amajwi meza atangaje agasaba mu ijuru ryose asingiza icyubahiro cy'Imana n'Umwana wayo Ikunda cyane. - *Umwuka w'Ubuhanuzi*, vol. 1, p. 28.

**b. Ni iki cyatumye habaho kugwa kwa Lusiferi? Ezekeli 28:17 (ahabanza)**

"Buhoro buhoro Lusiferi yaje kwirundurira ku cyifuzo cyo kwishyira hejuru ubwe. . . . N'ubwo icyubahiro cye cyose yagikuraga ku Mana, uyu mumalayika ukomeye yaje kubona ibyo nk'aho ari ibye ubwe. Ntiyanezezwa n'umwanya yariho, n'ubwo yari yubashywe hejuru y'ingabo z'ijuru, yashatse guhabwa icyubahiro cyari kigenewe Umuremyi gusa. Mu cyimbo cyo gushaka uko yatuma Imana Isumbabyose mu gukundwa no kuramywa mu biremwa byose byaremwe, umurimo we wabaye gushaka uko byamukorera ndetse bikamuyoboka ubwe. Ndetse kubwo kwifuza icyubahiro Data uhoraho yari yarahaye Umwana we, uyu mutware w'abamalayika yashatse kwiha ububasha bwari bugenewe Kristo wenyine." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 35.

**c. Ni gute umwuka w'urwango n'ishyari biba bigoye kugengwa? Imigani 27:4; 6:34. Byagenze bite ubwo Data, Umwana, n'abamalayika bageragezaga kugira Lusiferi inama?**

"Igitekerezo cya Lusiferi cyo kwikorera ubwe mu cyimbo cyo gukorera Umuremyi cyabyukije impungenge mu ntekerezo igihe cyabonwaga n'abatekerezaga ko icyubahiro cy'Imana gikwiye kuba indashyikirwa. . . . Ariko umuburo, watanzwe mu rukundo n'imbabazi z'iteka, wateje umwuka wo kuganda gusa. Lusiferi yemereye ishyari yagiriraga Kristo kugumaho, maze arushaho kwiyemeza." - Ibid., pp. 35, 36.

## 4. UBURYARYA BUKOMEYE MU GUSHUKANA

**a. Ni iki Yesaya yeretswe ku bijyanye n'imyitwarire idasanzwe Lusiferi yadukanye? Yesaya 14:12-14.**

---

---

"Abamalayika bemeye gukomera kwa Kristo banezerewe, maze baramwunamira, basohora amajwi yabo y'urukundo baramuramya. Lusiferi nawe yubamanye nabo, ariko mu mutima we harimo intambara idasanzwe kandi y'ubukana bwinshi. Ukuri, ubutabera, no kuganduka byarwanaga n'urwango n'ishyari. . . . ibyubahiro bihanitse byari byarahawe Lusiferi ntabwo yabifataga nk'impano zidasanzwe z'Imana, maze bityo ntibyatuma agira ishimwe ku Muremyi we. Yiheshaga icyubahiro kubwo kurabagirana kwe no kwishyira hejuru ndetse yiyumvamo kuba uri ku rugero rumwe n'Imana." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* pp. 36, 37.

**b. Ni gute imyitwarire ya Lusiferi yateje amakimbirane mu ijuru? Yakobo 3:16.**

---

"Gushyirwa hejuru k'Umwana w'Imana nk'ungana na Se byagaragariye Lusiferi nk' akarengane kuri we, wagaragaraga nawe ko agomba kumvirwa no kubahwa. Iyo iki gikomangoma cy'abamalayika kiza kugera ku mwanya wacyo wa nyawo wo hejuru, ibyiza bikomeye byari kugera ku ngabo zose zo mu ijuru; kuko byari mu mugambi we kugeza umudendezo kuri bose. Ariko noneho ubu n'ubwisanzure bari bafite igihe kirekire bwari bumaze kugera ku iherezo; kubera ko Umutegetsi wo mu rwego rwo hejuru yari amaze kubashyiririrwaho, kandi bose bakaba baragombaga kuramya ubutware bwe. Icyo nicyo kinyoma cy'uburyarya Lusiferi yariho akoresha amayeri akomeye kugirango abashe kugira icyo acyungukaho ku rurembo rwo mu ijuru.

"Nta cyahindutse ku mwanya cyangwa ku butware bwa Kristo. . . . benshi mu bamalayika, nyamara, bahumishijwe n'ibinyoma bya Lusiferi.

"Afatirana icyizere cyuje urukundo n'ubudahemuka bw'abamalayika yari ashinzwe, yakoresheje amayeri akomeye mu kubashyiramo intekerezo kutizera kwe no kubura ibyishimo ku buryo umugambi we batabashije kuwusobanukirwa. Lusiferi yari yagaragaje umugambi w'Imana mu mucyo utariwo – awusobanura nabi ndetse awugoreka kugirango abone uko ateza kutanyurwa no gushidikanya. Yakoresheje amayeri mu gukurura abamwumva ngo babashe kugaragaza ibitekerezo byabo; nuko ibyo bigasubirwamo nawe igihe cyose abonye ko bishobora kugira icyo bimugezaho mu mugambi we, nk'igihamya ko abamalayika bose atari ko bemeranyaga n'ubutegetsi bw'Imana. . . . Mu gihe yariho ahanga ubugambanyi n'ubwigomeke mu ibanga, akoresheje ubuhanga buhanitse yateje ko ibyo bigaragara nk'umugambi we wo gutuma habaho ubutungane no kubungabunga ubumwe n'amahoro.

"Nuko umwuka wo kutanyurwa uba ukongejwe gutyo." - Ibid., pp. 37, 38.

## *Kuwa Gatanu* — *29 Nzeri*

### 5. INGARUKA Z'UBWIGOMEKE

**a. Igihe umushukanyi mukuru yatezaga ubwigomeke bweruye mu ijuru, ni izihe zabaye ingaruka? Ibyahishuwe 12:7-9. Ni irihe rizaba iherezo rye rya nyuma? Yesaya 14:15-17.**

---

---

**b. Ni ikihe kintu nyakuri cyari gihungabanye cyateje intambara mu ijuru? Zaburi 119:126.**

---

---

"[Lusiferi ariwe wari ubyihishe inyuma] ashidikanya ku bijyanye n'amategeko agenga ibiremwa byo mu ijuru, avuga ko n'ubwo amategeko ashobora kuba ari ingenzi ku batuye amasi, abamalayika ku kuba ari ibiremwa bihanitse batari bakeneye kubangamirwa bigeze aho, kubera ko ubwenge bwabo bwari buhagije ngo bubayobore." – *Abakurambere n'Abahanuzi,* p. 37.

**c. Ni iki cyagaragaje ubwenge bw'Imana mu gukemura iki kibazo? Yuda 6; 1 Abakorinto 6:3 (ahabanza); Abafilipi 2:10, 11.**

---

"Iyo Satani ahita akurwaho, bamwe bari gukorera Imana babitewe n'ubwoba mu cyimbo cyo kubiterwa n'urukundo. Imbaraga y'umushukanyi ntabwo yari kurimburwa byuzuye, nta n'ubwo umwuka w'ubwigomeke wari kumarwaho byimazeyo. Kubw'inyungu z'isanzure ryose ry'ibihe byose, agomba gutunganya byuzuye amahame ye, kugirango ibirego arega ubutegetsi bwo mu ijuru bibashe kugaragara mu mucyo wabyo nyakuri bibonwa n'ibyaremwe byose, kandi kugirango ubutabera n'imbabazi z'Imana n'ubudashyikirwa bw'amategeko yayo bushobore gushyirwa by'iteka aharenga ikibazo cyose." Ibid., p. 42.

## *Kuwa Gatandatu* — *30 Nzeri*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

**1. Ni gute dushobora gusubiza imyumvire rusange ipfuye ku bijyanye n'uwo Kristo ari we?**

**2. Ni kuki dushobora kuvuga ko ubutegetsi bw'Imana butunganye kandi bukiranuka?**

**3. Ni uwuhe wari umuzi w'ikibazo cya Lusiferi?**

**4. Garagaza intambwe yateye zangije ubumwe bw'ijuru.**

**5. Ni kuki Imana itahise ikuraho Satani ako kanya ngo ntakomeze kubaho?**

# Ijwi ry'Urangururira mu Butayu

**"Nimwumve ijwi ry'urangurura ngo: Nimutunganirize Uwiteka inzira mu butayu, mugororere Imana yacu inzira nyabagendwa mu kidaturwa" (Yesaya 40:3).**

"Umurimo wacu wo guteguriza kugaruka kwa Kristo usa neza neza n'uwa Yohana Umubatiza, uwateguriraga kuza kwa Kristo kwa mbere. Tugomba gutangariza isi ubutumwa bugira buti, ''Umunsi ukomeye w'Uwiteka uri bugufi.' 'Itegure gusanganira Imana yawe.' Tugomba gukora ibirenze ibyo tumaze gukora.'' - *Reflecting Christ,* p. 201.

**Igitabo Cyifashishijwe: Ibihamya, vol. 8, pp. 9-13.**

## *Kuwa Mbere* *2 Ukwakira*

### 1. IBYIRINGIRO MU GIHE CYO GUCIKA INTEGE

**a. Ni ubuhe butumwa bumwe bw'igikundiro mu bwo Yesaya yabwirijwe kwandika? Yesaya 40:1, 2.**

---

---

"Isezerano ry'imbabazi z'Imana niryo ryayiteye kujya ku ruhande rw'ubwoko bwayo Abisiraeli mbere y'ibihano bikomeye yagiye ibaha imbere y'abanzi babo. Isiraeli yari yarahisemo kugendera ku bwenge bwabo no gukiranuka kwabo mu cyimbo cy'ubwenge no gukiranuka kw'Imana, nuko ibyo bigira ingaruka zo gusenyuka kw'ishyanga ryabo. Imana yemeye ko bababara mu bubata bw'inkubwe ebyiri, kugirango bacishwe bugufi bihane. Ariko mu gutatanywa kwabo n'ijyanwabunyago, Abayuda ntabwo barekewe mu mibereho y'ubwihebe. Baterwaga umwete, kubera ko kubw'uku gucishwa bugufi bagombaga gushaka Uwiteka. Imana yahaye Yesaya ubutumwa kuri ubu bwoko: [Yesaya 40:1, 2]

"Igihe Abayuda batatanywaga bava i Yerusalemu, hariho muri bo abasore n'abagore bamwe bari bakomeye nk'urutare ku bijyanye n'amahame, abagabo n'abagore batari baragendeye mu nzira zagombaga gutuma Uwiteka agira isoni zo kubita ubwoko bwe. Aba bari bababaye mu mitima yabo kubwo gusubira inyuma batabashije guhagarika. Izi nzirakarengane zigomba kubabarana na ba gatozi; ariko Imana yari kubaha imbaraga zihagije ku munsi wabo. Ni ukubera abongabo kuba ubutumwa bwo guterwa umwete bwoherezwaga. Ibyiringiro by'ishyanga byari bishingiye muri abo basore n'abo baja babungabungaga ubudahemuka bwabo." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi [E.G.White Comments],* vol. 4, p. 1144.

## 2. INTUMWA YAHANUWE

**a. Akoresheje iyo shusho se, Yesaya yaba yarahanuye ibya Yohana Umubatiza? Yesaya 40:3; Luka 3:2-4. None se ni mu buhe buryo Yohana yagombaga kuba ijwi ry'urangururira mu butayu?**

---

---

"Hariho umurimo ukomeye washyiriweho umuhanuzi Yohana, ariko nta shuri na rimwe ryariho ku isi yakwihuza naryo. Ibyigwa bye byagombaga kuboneka ari uko yitaruye imigi, mu butayu." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi[E. G. White Comments]* vol. 5, p. 1115.

**b. Ni iki cyabashishije Yohana, nka Eliya na Yesaya bamubanjirije, guhagarara nta bwoba imbere y'abantu agashyira mu bikorwa inshingano ze? Yesaya 33:17; 6:5.**

---

"Yohana ntabwo yigeze yumva ko afite imbaraga zihagije zo guhangana n'ibigeragezo yagombaga guhura nabyo mu bantu. Yatinyaga ko imico ye yashoboraga gufata ishusho isa n'imihango yari iriho icyo gihe mu Bayuda, maze ahitamo ubutayu nk'ishuri rye, ariho intekerezo ze zagombaga kwigishwa neza ndetse zigahabwa umurongo uvuye mu gitabo gikomeye cy'Imana cy'ibyaremwe. Mu butayu niho Yohana yagombaga kuba yiteguye neza kwiyanga no gushyira ipfa rye kuri gahunda, ndetse akambara akurikije kwiyoroshya kw'ibyaremwe. Kandi nta kintu cyariho mu butayu cyagombaga kumukura ku gutekereza ku Mana no gusenga. Satani yashoboraga kugera kuri Yohana, ndetse na nyuma yo kuba yafunze buri cyuho yashoboraga kwinjiriramo. Ariko imico ye yari itunganye cyane kandi yoroheje ku buryo byari bimworoheye cyane gutahura umwanzi, kandi yari afite imbaraga z'umwuka n'imyanzuro y'imiterere byamufasha guhangana nawe. Ibid.

"Munsi y'ubuyobozi bw'Umwuka Wera, [Yohana] yize imizingo y'abahanuzi. Ku manywa na nijoro, Kristo niwe wari icyigisho cye, icyo intekerezo ze zibwira, kugeza ubwo ubwenge n'umutima n'ubugingo byuzuye iyerekwa ry'icyubahiro.

"Yitegereje Umwami mu bwiza bwe, maze atakaza inarijye. Yitegereje umwami wo kwera, maze amenya ko we atihagije ndetse adakwiye. Ubutumwa bw'Imana nibwo yagombaga gutangaza. Yagombaga guhagarara mu mbaraga z'Imana no gukiranuka kwayo. Yari yiteguye gutangira gukora nk'intumwa y'ijuru, adatangazwa n'abantu, kuko yari yararebye ku Uwijuru. Yagombaga guhagarara adatinya imbere y'abami bo ku isi, kuko yari yarubamiye Umwami w'Abami, atengurwa cyane." – *Abakozi b'Abavugabutumwa,* p. 54.

## 3. GUTUNGANYA INZIRA NYABAGENDWA

**a. Ni gute umunyabwenge mu mateka atanga incamake y'imibereho y'ikiremwamuntu cyaguye? Umubwiriza 1:15. Nonese, ni ubuhe butumwa bw'ibyiringiro Yohana Umubatiza yagombaga kuzana, bukaba buhuje n'ubuhanuzi bwa Yesaya? Yesaya 40:4; Luka 3:5.**

---

"Ibintu byose Imana yakoze yabikoreraga umuntu. Buri cyifuzo cyose cyashyiriweho agateganyo; amagorwa yose, ibihe by'ubutabazi byose, byarateganirijwe. Ahantu hameze nabi haragorowe, ahadatunganye harorohejwe, bityo nta muntu n'umwe uzabona icyo yireguza ku munsi w'urubanza, mu gihe yaba yarishishikarije kutizera ndetse akaba yaragandiye imikorere y'Umwuka Wera." - *Fundamentals of Christian Education,* p. 251.

**b. Mu minsi y'imperuka se, ni gute tugomba kwemerera Umwuka Wera kudukoreramo mu buryo tutigeze tunatekereza mbere ko bushoboka? Yesaya 40:5, Luka 3:6.**

---

"Uwiteka yahaye [Yohana Umubatiza] ubutumwa bwe. Mbese yaba yarasanze abatambyi n'abategetsi ngo abasabe uburenganzira bwo kwamamaza ubu butumwa? – Oya, Imana yamushyize kure yabo kugirango atagerwaho n'ingaruka z'umwuka wabo n'inyigisho zabo. Niwe wari ijwi ry'urangururira mu butayu [Yesaya 40:3-5]. Ubu nibwo butumwa bugomba guhabwa abantu bacu; twegereje iherezo ry'ibihe, kandi ubutumwa ni ubu ngo, nimutunganye inzira y'Umwami; nimukureho amabuye; nimushyirireho abantu umurongo ngenderwaho. Abantu bagomba gukangurwa. Ubu sicyo gihe cyo kuvuga ngo ni amahoro n'amahoro." – *Ubutumwa bwatoranijwe, bk. 1, p. 410.*

"Abafite ubushobozi budasanzwe, nibakorere abatizera mu myanya ihanitse ndetse no mu myanya yoroheje y'ubuzima. Nibashakane imbaraga imitima irimbuka. . . .

"Ni mureke umucyo wanyu umurike imirasire isobanutse, itajegajega, ku buryo nta muntu ushobora guhagarara mu rubanza ngo avuge ati, 'Ni kuki mutambwiye kuri uku kuri? Kuki mutitaye ku bugingo bwanjye?'

"Nuko rero nitugira ubushishozi mu gukwirakwiza ibitabo byacu byateguranywe ubwitonzi bigenewe abatari abo mu itorero ryacu. Nimureke dukore uko dushoboye kose mu kureshya intekerezo z'abatizera. Nimureke dushyire igitabo muri buri kiganza gishaka kucyakira. Nimureke twiyegurire itangazwa ry'ubutumwa bugira buti, 'Nimutunganirize Uwiteka inzira mu butayu, mugororere Imana yanyu inzira nyabagendwa mu kidaturwa (Yesaya 40:3)! . . . . Iki nicyo gihe cy'amahirwe ku nshingano zacu." – *Inama ku Busonga,* p. 190.

## 4. KWICISHA BUGUFI KUDAKWIYE KWIRENGAGIZWA

**a. Ni ayahe mahame atagira igihe agarukiraho agaragaza ko Imana ishobora kwambika ikamba umuhati uwariwo wose w'abashaka guteza imbere umurimo wayo n'ubwo waba ari muto cyane? Zekariya 4:9, 10**

---

---

"Inzira y'isi itangirwa n'ubwirasi no kwiyemera. Inzira y'Imana itangirwa no gutuma umunsi w'ibintu byoroheje uba itangiriro ry'icyubahiro no kunesha k'ukuri no gukiranuka. Rimwe na rimwe itoza abakozi bayo ikoresheje kubazanira itenguhwa no kugaragara nko gutsindwa. Biri mu mugambi we ko bagomba kwiga guhangana n'ibirushya. . . . . .

"Baramutse bashyigikiye itangiriro ry'ibyiringiro byabo kugeza ku iherezo ntirijegajege, Imana izatamurura inzira. Intsinzi izabasanga mu gihe barwana n'ibirushya. Mbere y'umwuka wo kwishimisha no kwizera gushikamye kwa Zerubabeli, imisozi miremire izahinduka ikibaya; kandi uwashyizeho urufatiro, n'amabokoye niyo azarusoza.' Azazana n'ibuye risumba ayandi, barangurure bati. "Nirihabwe umugisha! Nirihabwe umugisha!(Zekariya 4:9, 7)." – *Abahanuzi n'Abami,* p. 595.

**b. Ni mu buhe buryo twakorana n'Imana mu kumurikira abatuye uyu mubumbe ucuze umwijima? Zekariya 4:6.**

---

"Uwiteka azakora muri uyu murimo uheruka mu buryo butandukanye cyane n'uburyo ibintu bisanzwe bigenda, kandi mu buryo butandukanye cyane n'imigambi ya kimuntu. Hazahoraho muri twe abantu bashaka kugenga umurimo w'Imana, bashaka gutegeka uko ibikorwa bigomba kugenda mu murimo igihe umurimo ukomeza kujya mbere uyobowe na malayika wifatanya na malayika wa gatatu mu butumwa bugomba gushyikirizwa isi. Imana izakoresha uburyo buzatuma bigaragara ko ari yo iyoboye. Abakozi bazatangazwa cyane n'uburyo bworoheje izakoresha kugirango isohoze kandi itunganye umurimo wayo wo gukiranuka." – *Ibihamya ku Bagabura,* p. 300.

**c. Ni gute ubutumwa duhamagarirwa gutwara bugaragaramo igice cya mbere cy'ubutumwa bwa Yohana Umubatiza? Matayo 3:2; Luka 3:8-14.**

---

---

"[Matayo 3:2] Ubu butumwa nyine, binyuze mu bitabo byo mu macapiro yacu, nibwo bugomba guhabwa isi uyu munsi." - *Ibihamya, vol. 7,* p. 139.

## *Kuwa Gatanu* — *6 Ukwakira*

### 5. NTA UKOMEYE KURUTA YOHANA UMUBATIZA

**a. Sobanura intego y'icyigisho cya Yohana. Matayo 3:4-12.**

---

"Kristo nawe yaratwaye ubutumwa nk'ubwo Yohana yaratwaye. [Matayo 4:17.] Ariko igihe Yohana yabwirizaga mu butayu, umurimo wa Kristo wo wariho ukorwa mu bantu. Kugirango abashe kugera ku banyabyaha aho baherereye, maze azengurutse kuri ubwo bwoko ukuboko kwe kurekure kwa kimuntu, mugihe ukuboko we k'ubumana kwari gufashe ku ntebe y'ubwami y'Uwiteka, ahuza umuntu upfa n'Imana idapfa, ngo kandi anahuze isi n'ijuru.'' – *Urwibutso n'Integuza,* 15 Kanama, 1899.

**b. Ni irihe tegeko Yohana yashyize imbere ya Herodi, kandi ibyo byagize izihe ngaruka? Mariko 6:17-29. Ni iki Yesu yavuze kuri Yohana? Luka 7:28.**

---

"Herodi byamugizeho ingaruka ubwo yategaga amatwi ubuhamya bwa Yohana bukomeye kandi bufite imbaraga, maze ashishikaye cyane abaza icyo akwiye gukora ngo amubere umwigishwa. Yohana yababajwe no kuba yari agiye kurongora umugore wa murumuna we, kandi umugabo we akiriho, maze mu budahemuka abwira Herodi ko ibyo bitari byemewe n'amategeko. Herodi ntabushake yari afite bwo gutanga igitambo icyaricyo cyose. Yarongoye umugore wa mwenese, maze binyuze kuri we afata Yohana amushyira mu nzu y'imbohe, nyamara ariko yiringira kumurekura. . . . . Bidatinze Yohana yaciwe umutwe, na none bitewe n'umugore wa Herodi. Nabonye ko abigishwa baciye bugufi cyane bakurikiye Yesu, biboneye ibitangaza bye, ndetse biyumvira amagambo ye yo guhumuriza yamuvaga mu kanwa, abo bari bakomeye kuruta Yohana Umubatiza; ibyo ni ukuvuga ko bari bashyizwe hejuru cyane kandi bubashywe, kandi bari bafite umunezero mwinshi mu mibereho yabo." – *Inyandiko za Kera,* pp. 154, 155.

## *Kuwa Gatandatu* — *7 Ukwakira*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

1. **Ni ibihe byiringiro Uwiteka aha abiyegurira inkoni ye iyobora?**
2. **Ni iki dukwiye kwigira ku makenga ya Yohana ku bijyanye n'ibimuzengurutse?**
3. **Ni gute ibitabo byacu bishobora kuba ingirakamaro mu gihe turimo?**
4. **Ni gute Imana izadutungura ku buryo bwayo bwo kumurikira isi?**
5. **Ni ibihe bintu dushobora kwigira ku mibereho n'umurimo wa Yohana Umubatiza?**

# KWAKIRA Messiya

**Izaragira umukumbi wayo nk'umushumba, izateraniriza abana b'intama mu ma maboko ibaterurire mu gituza, kandi izonsa izazigenza neza" (Yesaya 40:11).**

"Yesu ni umwungeri mwiza. Yita ku ntama ze zitentebutse, zirwaye kandi zahabye. Zose azizi amazina. Ahangayikira buri ntama ye ndetse na buri mwana w'intama wo mu mukumbi we umukora ku mutima wuzuye urukundo, kandi gutaka gutabaza kumugera mu matwi.'' - *Ibihamya, vol. 5,* p. 346

**Igitabo Cyifashishijwe: Ibihamya, vol. 5, pp. 629-635.**

## *Kuwa Mbere* *9 Ukwakira*

### 1. IMBARAGA Z'IMANA N'INTEGE NKE ZACU ZIPFA

**a. Uko tugenda dutekereza ku migambi yacu y'ahazaza, ni iki dukwiye kwibuka? Yesaya 40:6-8. Ni ayahe mashusho agaragaza neza gukomera kw'Imana ndetse, muri ako kanya, bikanagira aho bihurira n'iby'ubuhanga mu by'ubwenge? Umurongo 22 (ahabanza)**

---

---

"Muri iki gihe, mbere y'ibihe bya nyuma bikomeye, kimwe nk'uko byagenze mbere y'irimbuka ry'isi ya mbere, abantu ubu bahugijwe n'ibinezeza no gukurikirana ibintu. Bazengurutswe n'ibigaragara ndetse n'ibyihuta cyane, batakaje ishusho y'ibitaboneka n'iby'iteka. Bariho bariyegurira ibintu bikoreshwa bibora bakabigurana ubutunzi butabora. Intekerezo zabo zikeneye kuzamurwa ndetse n'imirebere yabo ikagurwa. Bakeneye gukurwa mu bunebwe bushingiye ku kurota ibyo mu isi.

"Bakeneye kwigira ku guhaguruka kw'amahanga no kurimbuka kwayo nk'uko byagaragajwe neza mu mpapuro z'Ibyanditswe Byera, ukuntu kutagira umumaro n'icyubahiro cyo mu isi ari ubuyobe gusa. Babuloni no gukomera kwayo kose n'ubwiza bwayo, bitagira uko bisa mu byo iyi si yaba yarabonye – ububasha n'ubwiza byagaragaririraga abantu b'icyo gihe nk'ibishikamye kandi bidashobora kuzarimbuka – mbega ukuntu yavuyeho burundu! Nk'uko bigendekera 'indabo z'ibyatsi' niko yarimbutse. Ni nako kandi bigendekera ibintu byose bidafite Imana nk'urufatiro. Ibifatanijwe gusa n'umugambi wayo nk'umurunga nibyo biramba. Amahame yayo niyo kintu gishikamye gusa iyi si yigeze kumenya." - *Uburezi,* p. 183.

## 2. IMANA IMWE RUKUMBI Y'UKURI

**a. Igihe Yesaya yahanuraga kwinjira i Yerusalemu mu kunesha kwa Yesu, ni iki yahishuye ku murimo wa Mesiya? Yesaya 40:9-11.**

---

---

"Ukuri k'ubutumwa bwa malayika wa gatatu kwagaragajwe na bamwe nk'ibisobanuro byumagaye; ariko muri ubu butumwa niho Kristo agomba gutangarizwa nk'uriho. Agomba guhishurwa nk'uwa mbere akaba n'uw'iherezo, nka NDIHO, igishyitsi cy'urubyaro rwose rwa Dawidi, akaba inyenyeri irabagirana kandi yo mu ruturuturu. Binyuze muri ubu butumwa imico y'Imana iri muri Kristo igomba kugaragarizwa isi." - *Ibihamya,* vol. 6, p. 20.

"Muri Kristo harimo impuhwe nk'iz'umwungeri, urukundo rwa kibyeyi, n'ubuntu butagira ikibwanduza bw'Umukiza ugira ibambe. Imigisha ye ayigaragaza mu buryo bunoze. Ntabwo ashimishwa no kumenyekanisha imigisha ye gusa; ahubwo ayitanga mu buryo bureshya abantu, kugirango abashe gukongeza icyifuzo cyo gukomeza kuyitunga. Bityo niko abagaragu be bagomba kugira umwete wo kwerekana muri ubwo buryo ubutunzi bw'icyubahiro cy'impano itavugwa. Urukundo ruhebuje rwa Kristo ruzagira umurimo wo gutera inyota no gutsinda imitima, mu gihe gusubiramo amahame by'imigenzo gusa bitagira akamaro. . . . . Bwira abantu ibye ko ari inyamibwa iruta abantu inzovu, kandi n'ukuri ni mwiza bihebuje (Indirimbo 5:10, 16). Amagambo yonyine ntabwo ashobora kubisobanura. Nibigaragarire mu mico yacu ndetse binaboneke mu mibereho. . . . Haboneke muri buri wese urukundo rwihangana rwa Kristo, kwera kwe, ubugwaneza, imbabazi, n'ukuri bigomba kugaragarizwa isi." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* pp. 826, 827.

**b. Ni he dukwiye gushakira agakiza, kandi se ni ukubera iki? Yesaya 45:21, 22.**

---

---

"Zana umutima wawe wose kuri Yesu. Ihane ibyaha byawe, waturira Imana, wange gukiranirwa kose, maze ube witunganirije amasezerano ye yose." – *Ibihamya,* vol. 5, p. 634.

"Mbese abizera bacu ntabwo bazahoza amaso yabo ku Mukiza wabambwe akanazuka, uwo muriwe ariho ibyiringiro byabo by'ubugingo bw'iteka buhurira? Ubu nibwo butumwa bwacu, ibitekerezo byacu, imyizerere yacu, umuburo wacu ku batihana, gutera inkunga kwacu ku bafite agahinda, ibyiringiro kuri buri mwizera. Dushoboye kubyaza ubushake mu bantu bubatera guhanga amaso kuri Kristo, dushobora kuva mu nzira, maze tukabasaba gusa gukomeza guhanga amaso ku Mwana w'Intama w'Imana. Bityo bakaba babonye icyigisho cyabo." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantisti b'Umunsi wa Karindwi [E. G. White Comments],* vol. 6, p. 1113.

## 3. UBUMWE BUHORAHO

**a. Ni gute Umwami avuga urukundo rugira neza afitiye abana be? Yesaya 49:15, 16; Matayo 12:50; Abagalatiya 3:29. Ni gute twakwizera ko turi muri abo bana?**

---

---

"Abifatanya na Kristo mu mibabaro n'agahinda icyo gihe bazanasangira ku cyubahiro cye hirya y'ibihe. Ntabwo aterwa isoni no kubita benese (Abaheburayo 2:11). Abamalayika be barabakorera. Kugaruka kwe kuzaba nk'uk'Umwana w'Umuntu, bityo mu cyubahiro cye yimenyekanishe afite ubumuntu. Ku bazaba barihuje nawe, Arababwira ati: 'N'ubwo umubyeyi yashobora kwibagirwa umwana we ariko jye sinzakwibagirwa "Dore nguciye mu biganza byanjye nk'uca imanzi "(Yesaya 49:16). 'kandi inkike zawe ziri imbere yanjye iteka'…..

"Kugirana ubumwe na Kristo kubwo kwizera kuzima buraramba; ubundi bumwe ubwaribwo bwose bugomba kurimbuka. Kristo yabanje kuduhitamo, yishyura igiciro kitavugwa kubwo gucungurwa kwacu; kandi abizera nyakuri bahitamo Kristo nk'uwa mbere n'uw'iherezo ndetse n'uruta byose muri byose. Ariko ubu bumwe budusaba ikintu runaka. Ni ubumwe bwo kumwishingikirizaho bivuye ku mutima, bugomba kwinjirwamo n'ufite ishema. Abahanga ubu bumwe bose bagomba kwiyumvamo ko bakeneye amaraso ahongerera ya Kristo. Bagomba kugira ihinduka ry'umutima. Bagomba kwegurira ubushake bwabo ubushake bw'Imana. Hazabaho intambara hagati y'inzitizi z'inyuma n'iz'imbere. Hagomba kubaho umurimo uryana wo kwihambura kimwe n'uwo kwihambira. Ubwibone, kwikanyiza, kugendana n'ibigezweho, kuba uwisi – icyaha mu ishusho yacyo yose – bigomba kuneshwa niba dushaka kujya mu bumwe na Kristo. Impamvu bamwe babona imibereho ya Gikristo ari ingorabahizi, impamvu bagenda bahindagurika, nti bagume hamwe ni ukubera ko bashaka kwihambira kuri Kristo batarabanza kwihambura kuri ibi bigirwamana bakunda." - *Ibihamya, vol. 5,* pp. 230, 231.

**b. Uko turundurira imibebereho yacu yose mu buyobozi bw'Umwungeri mwiza, ni ubuhe bwishingizi duhabwa? Zaburi 36:7; 34:22.**

---

"Uwiyambitse ubumuntu azi ukuntu yaririra imibabaro abantu bahura nayo. Ntabwo Kristo azi buri mutima gusa, n'ibyo uwo mutima ukeneye n'ibigeragezo byawo by'umwihariko, ahubwo anazi buri mibereho yose igora ndetse ikabangamira umwuka. Amaboko ye aramburanye impuhwe kuri buri mwana ufite imibabaro. Abababara cyane ni nabo babona impuhwe n'imbabazi ze kurutaho. Akorwa ku mutima n'icyiyumvo cy'ubumuga bwacu, kandi yifuza ko twashyira ibirushya n'akaga kacu ku birenge bye maze tukabirekerayo." – *Umurimo wo Gukiza,* p. 249.

## 4. GUHA AGACIRO AMATEGEKO

### a. Ni uwuhe murimo Yesu ashaka ko dukorera imitima iri mu mwijima? Yesaya 42:5-7.

---

"Nk'ubwoko tugomba kongera tugahinduka, imibereho yacu ikezwa ngo itangaze ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Mu murimo wo gukwirakwiza ibitabo byacu, tugomba kuvuga ku rukundo rw'Umukiza tubikuye mu mutima ufite ubushyuhe kandi ubabaye. Imana yonyine niyo ifite ububasha bwo kubabarira ibyaha; ubu butumwa nitutabubwira abatarahinduka, kutita ku bintu kwacu gushobora kuzana kurimbuka. Ukuri kwa Bibiliya gufite umugisha kandi gukiza imitima kwandikwa mu mpapuro zacu. Hariho benshi bashobora gufasha mu bitabo byacu bya buri gihembwe. Umwami aduhamagarira twese gushaka uko twakiza imitima irimbuka. Satani ari ku murimo ngo abe yayobya n'intore, ubu rero nicyo gihe cyacu cyo gukorana ubushishozi. Ibitabo byacu bigomba gushyirwa aho abantu babibona; ubutumwa bwiza bw'ukuri dusohoyemo bugomba kugezwa mu mijyi yacu nta gutindiganya. None se ntabwo dukwiye guhaguruka ngo dukore inshingano zacu?

"Nitugira inyigisho n'imibereho ya Yesu ibyigisho byacu, buri kintu kibayeho kizatubera icyigwa cy'ijambo rishishikaje. Ni muri ubwo buryo Umukiza yabwirije ubutumwa bwiza mu nzira nyabagendwa no mu tuyira duto; kandi uko yagendaga avuga, agatsiko gato kamutegaga amatwi nyuma kakaza guhindukamo igiterane gikomeye." - *Ibihamya, vol. 9, p. 63.*

### b. Imana ibona ite amategeko yayo? Yesaya 42:21. Ibi se twabyigiraho iki?

---

"Tugomba guhatanira guhagurutsa abizera b'itorero, n'abatagira aho babogamiye, ngo babone kandi biyitirire amategeko y'ijuru. Tugomba kuvuga cyane aya mategeko ndetse tukanayubahisha. – *Ubutumwa Bwatoranijwe,* bk. 2, p. 403.

"Uwavuze kera mu binyejana byinshi byahise wavuze amategeko y'Imana ku musozi Sinayi, ubu noneho yaje kuyavuga cyane no kuyubahiriza. Mu kibwirizwa cye cyo ku musozi yasobanuye amategeko, agaragaza icyo buri tegeko rimenyekanisha. Kwikunda yabisobanuye ko ari ugusenga ibigirwamana, irari rikaba ubusambanyi, n'umujinya ukaba ubwicanyi. Yatumye ihuriro ry'umwuka n'amategeko kugaragara, kandi agaragaza ko agera kuri buri gice cyose cy'ubuzima.

"Mbere y'isanzure ry'ijuru, mbere y'abamalayika baguye, mbere y'abo yaje gukiza, Kristo yabayeho akurikiza amategeko y'Imana. Kubwo kumvira ibyo asaba kwe guheranije, yayashyize hejuru maze arayakomeza. . . .

"Nk'uko Kristo yabayeho akomeza amategeko mu bumuntu, niko natwe tuzabigenza niba dushaka gushyigikirwa n'umunyambaraga ngo tugire imbaraga." – *Ibimenyetso by'Ibihe,* Werurwe 4, 1897.

## *Kuwa Gatanu* *13 Ukwakira*

### 5. KURINDA AMASO N'AMATWI BYACU

**a. Ni iki Umwami ashaka ko dukoresha amaso yacu n'amatwi? Yesaya 42:19, 20. Kubera iki?**

"Imana ntabwo ishaka ko twumva ibigomba kumvikana byose, cyangwa kubona ibigaragara byose. Ni umugisha ukomeye cyane gufunga amatwi, kugirango tutumva, no gufunga amaso, ngo tutabona. Imihangayiko yacu ikomeye ikwiriye kuba kwifuza kugira amaso areba kure kugirango dushobore gusobanukirwa nibishobora kutugeraho, n'ugutwi kwihuta cyane gusama gucyahwa gukenewe n'impanuro, kugirango kuba ba ntibindeba no kutita ku bintu kwacu bitatujyana ahanyerera maze tukaba abantu bibagirwa badakora umurimo." - *Ibihamya, vol. 1*, pp. 707, 708.

"Ibyo tugaburira intekerezo zacu bigira ikintu bihindura kinini. Dushobora kureka intekerezo zacu zikibera mu bishimishije no kubaka ibitabashwa, ariko se ibyo bishobora kutumarira iki? Bizaturimbura gusa, umutima n'umubiri. . . . Dukeneye kugira ububasha budushoboza gufunga amaso ngo tutareba ibintu bitagira aho bitugeza, bitari iby'ubupfura, bitazadutunganya cyangwa ngo bitweze; ndetse no gufunga amatwi yacu ngo tutumva icyaricyo cyose kibuzanijwe mu Ijambo ry'Imana. Itubuza kwibaza ku bibi, kuvuga ibibi ndetse no gutekereza ibibi." - *Our High Calling, p. 334.*

**b. Ni iki Imana ishaka ko twitegereza? Abaheburayo 12:1, 2.**

"Nimureke turebe kuri Yesu maze twibaze ku bwiza bw'imico ye, maze kubwo kwitegereza tuzahinduka tumere gutyo. Ibid.

## *Kuwa Gatandatu* *14 Ukwakira*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

1. **Ni gute igitekerezo ku kudapfa kiduha ishusho nziza ku bugingo?**
2. **Ni mu buhe buryo dushobora kubwira abandi ibya Yesu n'urukundo rwe?**
3. **Sobanura ubwimbike bw'ubumwe nyakuri na Kristo**
4. **Ni mu buhe buryo Kristo yakomeje amategeko mu byigisho bye n'icyitegererezo?**
5. **Ni ibihe bintu dukwiye gufungira amaso n'amatwi yacu?**

# Ihumure no Kwitaho by'Umuremyi

**"[Umugaragu w'Imana] Ntazacogora, ntazakuka umutima kugeza aho azasohoreza gukiranuka mu isi, n'ibirwa bizategereza amategeko ye (Yesaya 42:4).**

"Kubwo kwiga ijambo ry'Imana tuzabona ko tutaretswe ngo tugume mu ntege nke zacu, mu gushidikanya kwacu, kandi ko nta mpamvu zatuma tuzimirira mu gucika intege. Tuvuge mu kwizera, dukorere mu kwizera. Twishishikarize kwizera gukorera mu rukundo kugatunganya umutima." – *Urwibutso n'Integuza*, 19 Gicurasi, 1896.

**Igitabo Cyifashishijwe: Umurimo wo Gukiza, pp. 29-43.**

## *Kuwa Mbere* *16 Ukwakira*

### 1. UMURONGO DUKWIYE KUGENDERAHO

**a. Ni hehe Imana Data ishaka ko twese tureba – kandi se ni ukubera iki? Yesaya 42:1.**

---

---

"Yesu yari isoko y'imbabazi zikiza kub'isi; kandi mu gihe cy'iyo myaka yose yamaze ari wenyine i Nazareti, imibereho ye yatembanaga impuhwe no kwiyoroshya. Abashaje, abababaye n'abaremerewe n'ibyaha, abana bakina n'umunezero uzira igicumuro, ibiremwa bito byo mu gasozi, inyamaswa zihanganira uburemere – byose byari binejejwe no kuhaba kwe. We wari ufite ijambo ry'ububasha ryashimangiye amasi yarunamaga agafasha akanyoni kakomeretse. Nta kintu na kimwe ku isi atabonaga, kandi nta kintu na kimwe yirengagizaga gukorera.

"Bityo uko yakomezaga gukura mu bwenge n'igihagararo, Yesu yongereye impuhwe z'Imana mu bantu. . . . . Ikirere cy'ibyiringiro n'umwete cyari kimuzengurutse cyamuhinduraga umugisha muri buri rugo.

"Yari abereyeho gushimisha, kubaha no guhesha icyubahiro Se mu bintu bisanzwe by'ubuzima. Umurimo we watangiye yiyegurira umurimo woroheje w'ubukorikori urushya kugirango abashe kubona umutsima wa buri munsi. Yabaga ari gukorera Imana haba igihe yabaga ari ku ntebe y'umubaji cyangwa ari gukora ibitangaza mu kivunge cy'abantu benshi. Kandi buri musore wese ukurikiza urugero rwa Yesu imuhira iwabo horoheje mu kuba indahemuka no kumvira, nawe ashobora kwiringira amagambo yavuzwe na Yesu, . . . . 'Dore umugaragu wanjye ndamiye, uwo natoranije umutima wanjye ukamwishimira (Yesaya 42:1)." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p. 74.

## 2. UMWIGISHA MUKURU UMWE RUKUMBI

**a. Ni iki ubuhanuzi bwa Yesaya bwashakaga kuvuga ku ijwi rya Yesu? Yesaya 42:2.**

---

"Ntabwo ijwi rya Kristo ryumvikaniye mu birorero, mu buryo bwumvikana nk'urusaku ku bataremeranyaga n'inyigisho ze. Ntan'ubwo ijwi rye ryumvikaniye mu mayira asenga Se, ngo byumvwe n'abantu. Ijwi rye ntabwo ryumvikanye mu bitwenge by'umunezero. Ntabwo ijwi rye ryazamuriwe kwishyira hejuru, ngo wenda yunguke kwishimirwa no kubeshywabeshywa n'abantu. Iyo yabaga agiye mu gikorwa cyo kwigisha, yakuraga gahunda ye ahantu h'urusaku rw'imigi maze akagana ahantu hatuje ho kuruhukira hashobora kugirana ubumwe burenzeho n'ibyigisho bye byo kwicisha bugufi, impuhwe, n'agaciro, ibyo yashakaga gutera mu ntekerezo z'abantu. Yihunzaga gushimwa n'abantu maze akihitiramo ahantu hihereyeye h'ikiruhuko cyuje amahoro kuruta urusaku n'akayubi byo mu mibereho ipfa. Ijwi rye ryakundaga kumvikanira mu guhuza na Se mu buryo bushikamye kandi buhozaho; kandi na none muri ibyo bikorwa agahitamo umusozi witaruye indi, ndetse kenshi akamara amajoro ari mu masengesho kugirango bibashe kumushyigikira aneshe ibigeragezo yagombaga guhura nabyo, no gusohoza umurimo w'ingenzi yaje gukora kubw'agakiza k'abantu. Kwinginga kwe kwabaga gukomeje kandi kuminjiriyemo indirimbo imiborogo n'amarira. Kandi ariko hamwe n'imiruho yaruhiraga imitima mu gihe cya nijoro, ntabwo yarekeragaho imirimo ye ku manywa. Mu gitondo yongeraga gutangira umurimo we w'imbabazi n'impuhwe zitagira icyo zisubiza inyuma." – *Umwuka w'Ubuhanuzi,* vol. 2, pp. 30, 31.

"Umukiza yagombaga kwitwara ku bantu ubwe mu buryo bunyuranye n'ubwo abigisha bariho icyo gihe. Mu mibereho ye nta rusaku rwo guhangana, nta gusenga kuvanze n'ubwirasi, nta gikorwa cyo gukurura kurangarirwa, cyagombaga kubaho. Mesiya yagombaga kuba ahishwe mu Mana, kandi Imana yagombaga kugaragarira mu mico y'Umwana wayo." – *Abahanuzi n'Abami,* p. 693.

**b. Ni iki abumvise amagambo ya Yesu bavuze ku miterere yo kuvuga kwe? Yohana 7:46.**

---

"Yesu niwe rugero rwacu. Ijwi rye ryari riryoheye amatwi, kandi ntabwo ryazamurwaga hejuru n'urusaku, yavugaga ashize ubwoba igihe yabaga ariho avugana n'abantu. Ntabwo yavugaga yihuta cyane ku buryo amagambo ye yabaga anigana mu buryo bwatuma bigorana kumwumva. Yasobanuraga buri jambo mu buryo bwihariye." – *Urwibutso n'Integuza,* 5 Werurwe, 1895.

"[Abigishwa mu cyumba cyo hejuru] bitegereje ibirenge n'ibiganza byangijwe n'imisumari y'ubugome. Bahise bamenya ijwi rye, ritameze nk'irindi baba barumvise ryose." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p. 803.

## 3. KUGERA KU BANDI

**a. Ni iki kindi Yesaya yahanuye ku byerekeye Yesu? Yesaya 42:3. N'iki kindi cyari gikubiye mu murimo w'Umwami? Yohana 10:16; Matayo 12:20, 21.**

"Itorero ntabwo ryigeze ryigishwa gukorera hirya y'abizera baryo. Abantu benshi bo hanze y'itorero bashobora kumurikirwa, n'umucyo mwinshi wazanywe mu itorero, Iyaba buri mwizera w'itorero muri buri gihugu, uvuga ko afite umucyo w'ukuri wateye imbere yarakoranye umutima we wose n'ubugingo bwe kugirango azane imitima ku kuri. Iyo bakorera hamwe bose umurimo n'ubwo waba ari muto cyane ugakorwa n'abizera b'itorero kubwo abantu bakeneye umucyo, bari hanze y'itorero ry'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi . . . Umwami yadushyiriyeho inshingano kuri buri mutima. Mu rubanza nta muntu uzagira urwitwazo rwo kwerekana ku kuba atarakoze inshingano ye." – *Ibihamya ku Bagabura,* pp. 127, 128.

"Mu mutima wa Kristo ingorane zose zamubagaho wari umuhamagaro w'ubufasha. Abakene, abarwaye, n'abihebye, abirengagijwe, abacitse intege, n'abacogoye, bamubonagamo Umukiza w'umunyampuhwe, Umukiza w'umunyambaraga. . . . . Kristo yahuzaga ubushake bwe n'ubushake bw'abantu bababara, kandi atubwira ko ibyo dukora byose kugirango dufashe umutima ubabara tuba tubimukorera." - *Medical Ministry,* p. 121.

**b. Mbese Kristo yaje muri iyi si kubera uwuhe mugambi? Yohana 3:17. Ni iki kigaragaza kwihangana kwe kubwo abanyabyaha?**

"Igihe Yuda yifatanyaga n'abigishwa, ntabwo ubwiza bw'imico ya Kristo bwamuhishwe. Yakururwaga n'imbaraga y'ubushobozi bw'Imana burehereza imitima ku Mukiza. Utaravunaga urubingo rusadutse kandi ntazimye urumuri rucumba ntabwo yari kwigizayo uwo muntu igihe cyose yari akigaragaza kugira agacyo gato yishimira. Umukiza yasomaga umutima wa Yuda. Yarebaga umworera w'ibyaha yajyaga kurohamamo, abaye atarokowe n'ubuntu bw'Imana. Mu kwihuza n'uyu muntu, yari amushyize ahantu yashoboraga kubonera urukundo rutikunda rumutemberaho buri munsi,. Iyo aza gukingurira Kristo umutima we, ubuntu bw'ijuru bwari kwirukana dayimoni w'inarijye mu mutima we, ndetse Yuda yari kuba umuragwa w'ijuru." - *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p. 294.

"Yesu yari yifuzaga cyane gukiza umutima wa Yuda. Yari amufitiye impuhwe nk'izo yagaragaje kuri Yerusalemu ubwo yaririraga uwo murwa waciriweho iteka. Umutima we warufite agahinda ati nakureka ngo ugubweho n'ishyano? Yuda yumvaga imbaraga z'urwo rukundo zimuhata." - Ibid., p. 645.

## 4. UMUFASHA UTANESHWA

**a. Imyitwarire ya Yesu ku bihe bigoranye yari iyihe, kandi ni gute uru gugero rushobora kudufasha? Yesaya 42:4.**

---

"Yesu yageraga ku bwimbike bw'imibabaro n'akaga umuntu ahura nabyo, kugirango abashe gufata umuntu nk'uko amusanze, ndetse no kuba yandujwe no kwangirika, ateshejwe agaciro no kuba inkozi y'ibibi, akabuzwa imigisha n'ibyaha, ndetse akihuza na Satani mu buhakanyi, akamuzamura ku ntebe y'ubwami kwicarana nawe. Ariko byari byaranditswe kuri we ko atazigera agwa cyangwa ngo acike intege, kandi yagendeye mu nzira yo kwiyanga no kwitanga, aduha urugero kugirango tubashe gutera ikirenge mu cye. Dukwiye gukora nk'uko Yesu yakoraga, tukava mu binezeza byacu bwite, tugatera umugongo ibihendo bya Satani, tugasuzugura ibyoroshye, ndetse tukajya kure y'inarijye, kugirango tubashe gukiza icyazimiye, tuvana imitima mu mwijima tukayiganisha mu mucyo, mu mirasire y'izuba ry'urukundo rw'Imana. Twahawe inshingano zo kugenda tukabwiriza ubutumwa bwiza kuri buri kiremwa. Tugomba kugeza ku bazimira amakuru meza y'uko Kristo ashobora kubabarira ibyaha, ashobora kuvugurura kamere, ashobora kwambika umutima umwambaro wo gukiranuka kwe, kugeza umutima ku ntekerezo ze zitunganye, maze akamwigisha ndetse akamugeza ku rugero rw'umukozi ukorana n'Imana." - *Fundamentals of Christian Education*, p. 199.

**b. Ni ubuhe bwishingizi buza ku bantu bose bashaka gukorera Imana mu ruhande rwabo? Yesaya 40:30, 31.**

---

"Ibintu bitangaje birashoboka biri imbere y'abasore byo gushyikira ubwishingizi buboneka mu Ijambo ry'Imana. Ni gake cyane ubwenge bwa kimuntu bushobora gusobanukirwa imikorere y'umwuka ishobora kugerwaho gusa n'abantu mu gihe babaye abifatanya na kamere y'ijuru. Kubwo guhora bakosora amakosa yabo buri munsi bahinduka abagabo n'abagore b'abanyabwenge kandi bakomeye muri Kristo. . . .

"Umuntu utegereza Uwiteka aba akomeye mu mbaraga ze, akaba akomeye bihagije bishobora gutuma ashikama mu mage. Kandi aba yoroshye gukorerwa ibijyanye n'imbabazi n'impuhwe, ari narwo ruhande rwa Kristo. Umutima wiyegurira Imana uba witeguye gukora ubushake bw'Imana; ukoresha ubushishozi kugirango umenye ubwo bushake. Wemera kugira gahunda kandi ugatinya kugenda ukurikije imirebere yawo igira iherezo. Ugendana n'Imana, kandi ibiganiro byawo byose biba mu ijuru.

"Kubwo kwihuza n'Uwiteka, umuntu agira uruhare ku kamero k'ijuru. Kuri we ntabwo imyambi y'umubi nta bushobozi imugiraho; kuko aba yambaye ubwiza bwo gukiranuka kwa Kristo." - *My Life Today,* p. 277.

## *Kuwa Gatanu* *20 Ukwakira*

### 5. MBEGA UKUNTU IMANA DUKORERA IKOMEYE!

**a. Ni iki Yesaya atubwira ku bijyanye n'ububasha bw'Imana? Yesaya 40:26-29.**

---

---

t"Mu ndirimbo z'inyoni, mu guhungabana kw'ibiti, no mu guhorera kw'inyanja, dukomeza kuhumvira ijwi ry'Uwashyikiranaga na Adamu muri Edeni mu mafu ya ni mugoroba. Kandi uko tureba imbaraga ze mu byaremwe, tuhabonera ihumure, kuko Jambo waremye ibintu byose asezeranya imitima yacu ubugingo. Uwategetse umucyo kumurika uvuye mu mwijima, yamurikiye mu mitima yacu, ngo aduhe umucyo wo kumenya icyubahiro cy'Imana mu maso ya Kristo Yesu' (2 Abakorinto 4:6)." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* pp. 281, 282.

"Inyenyeri nazo zifite ubutumwa bw'ihumure ryiza kuri buri kiremwa muntu. Kuri ya masaha azira buri wese, igihe umutima urabye ndetse n'ibigeragezo bikisukiranya; igihe inzitizi ziba zisa n'aho zitarengwa, intego z'ubuzima zigasa n'aho zidashoboka, amasezerano yumvikana nk'imbuto z'i Sodoma; aho; icyo gihe, mbese umuhati nk'uwo no gushikama bishobora kuboneka nka bya bindi Imana yatubwiye kwigira mu migendere y'inyenyeri ihora ku murongo?" - *Education,* p. 115.

**b. Igihe dutekereza ku gukomera kw'Imana, ni iki bizadusunikira gukora? 1 Samweli 12:24; Mariko 5:19; Zaburi 31:19.**

---

"Igiti cyo mu butayu ni ishusho y'imibereho y'abana Bayo hano mu isi uko ikwiye kumera. Bagomba kuyobora imitima iremerewe, yuzuye kunanirwa, kandi yiteguye kuzimirira mu butayu bw'ibyaha, bakayiganisha ku isoko y'amazi y'ubugingo. Ibid., p. 116.

## *Kuwa Gatandatu* *21 Ukwakira*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

1. **Ni gute Abakristo – habariwemo n'abasore – bashobora gusohoza Yesaya 42:1 mu mibereho yabo ya buri munsi?**
2. **Ni iki cyatumye imikorere ya Kristo ihinduka imyigishirize yihariye muri iyi si?**
3. **Ni gute dushobora gukurikiza urugero rwa Kristo mu gufasha abari hanze y'itorero ryacu?**
4. **Uko tugenda dukura mu bwenge, ni iki tuzahora dukora buri munsi?**
5. **Ni icyihe cyigisho dushobora kwigira ku nyenyeri?**

# Kwitegereza Umwana w'Intama

**"Nyamara ibicumuro byacu nibyo yacumitiwe yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye niyo adukirisha (Yesaya 53:5).**

"Nimurebe, yemwe nimurebe ku musaraba w'i Kaluvari; murebe inzirakarengane y'ibwami ibabazwa kubwacu.' -' That I may Know Him, p. 65.

Igitabo Cyifashishijwe: Ibihamya, vol. 2, pp. 200-215.

## *Kuwa Mbere* *23 Ukwakira*

### 1. URURIMI RW'UMWIGISHA

**a. Ni gute dushobora kuvugisha abandi nk'uko Kristo yabigenzaga? Yesaya 50:4, 5.**

---

---

---

"Ubusanzwe twe twirebaho kandi tukumva ko twihagije. Ariko iyo twize ibyigisho Kristo ashaka kutwigisha, dufatanya nawe akamero ke; guhera ubwo tugatangira kubaho imibereho ye. Urugero rwiza cyane rwa Kristo, rutagira akagero ndetse rwiyoroshya urwo yakoresheje ngo abashe kwinjira mu marangamutima y'abandi, akarirana n'abarira, akishimana n'abishimaga, rushobora kugira imbaraga ikomeye ku bamukurikira bose babyitayeho. . . .

"Ahatuzengurutse hari imitima iri mu kaga. Hirya no hino, ahantu hose, dushobora kubabona. Nimureke dushakishe iyi mitima ibabara maze tuvuge ijambo mu gihe gikwiye kugirango tubashe guhumuriza imitima yabo. Nimureke tube imiyoboro izatemberamo amazi y'impuhwe amara inyota.

"Mubo duhura nabo bose dukwiye kwibuka ko muri buri bunararibonye bw'abandi haba harimo ibice bifunguriwe kureba ku ruhande rudapfa. Ku mapaji y'ubwenge bwibuka haba handitse amateka y'imibabaro bitabonwa n'amaso y'amatsiko. Aho handitsweho ibintu by'igihe kirekire, intambara zikomeye zirimo ibigeragezo, wenda akaga k'imibereho yo mu rugo, ihora buri munsi ica intege umuhati, ibyiringiro, no kwizera. Abarwana intambara y'imibereho bashobora guhumurizwa no kwitabwaho koroheje gusaba gusa umuhati usunitswe n'urukundo. Ku bantu bameze batyo, guhabwa ikiganza kivuye ku nshuti nyakuri byaba byiza kuruta ifeza n'izahabu. Amagambo y'ubugwaneza aba ameze nko kwakira kumwenyura kwa malayika." – *Umurimo wo Gukiza,* pp. 157, 158.

## 2. IBINTU BIKWIRIYE GUHANGWA AMASO

**a. Ni ibihe bimwe mu bintu Kristo yahuye nabyo kubwacu? Kubera iki yabikoze? Yesaya 50:6; 52:13-15.**

---

"Umunyacyubahiro Umwana w'Imana. . . . yihanganiye gutukwa, gukobwa, no kugirirwa nabi biteye isoni, kugeza ubwo ishusho ye yangijwe cyane kuruta iy'undi muntu wese, ishusho ye igatandukana n'iy'abandi bana b'abantu. (Yesaya 52:14).

"Ni nde ushobora gusobanukirwa urukundo yagaragaje! Ingabo z'abamalayika zitegerezanije gutangara kwinshi n'agahinda zireba uwari Umunyacyubahiro w'ijuru, kandi wari warambaye ikamba ry'icyubahiro, noneho yambaye ikamba ry'amahwa, inzirakarengane yariho iva amaraso kubw'umujinya w'ikivunge cy'abantu, barekuriweho umujinya wa Satani ukabatera ubusazi. Zitegereza uwababazwaga yihanganye ababazwa ku mutwe n'ikamba ry'amahwa. Amaraso y'ubugingo bwe atemba ava muri buri mutsi. Ibi byose bitewe n'icyaha! Nta kindi kintu cyashoboraga gutuma Kristo asiga icyubahiro n'ubutware bwe bw'ijuru, ngo aze muri iyi si yuzuye ibyaha, guteshwa agaciro, gusuzugurwa, no kwangwa n'abo yari yaje gukiza, ngo hanyuma aze kubabarizwa ku musaraba, uretse urukundo rw'iteka, kandi rucungura, ruzakomeza kuba ibanga rikomeye." - *Ibihamya,* vol. 2, p. 207.

"Ubwibone no kwihimbaza ntibishobora kuba mu mutima uhora wibuka ibyabereye i Kaluvari." – *Uwifuzwa Ibihe Byose* p. 661.

**b. Sobanura kuboneka kwa Yesu nk'uko kwari kwarahanuwe n'umuhanuzi Yesaya. Yesaya 53:2. Ni kuki bamwe basubijwe inyuma n'imigaragarire ye?**

---

"Kwihuza n'isi bireshya kandi bigahumisha intekerezo, ku buryo kwera gutinya Imana, no kuba indahemuka biba bitakigira imbaraga zo gutuma abantu bashikama. Imibereho yoroheje ndetse idakebakeba ya Kristo igasa n'aho nta mbaraga ifite. Kuri benshi bavuga ko ari abahungu n'abakobwa b'Imana, Yesu Igikomangoma cy'ijuru, ameze nk'igishyitsi cyumburira mu butaka bwumye: nta shusho cyangwa ubwiza bwatuma yifuzwa." – *Urugo rwa Kidivantisiti*, p. 461.

"Ubuhanuzi bwahanuye ko Kristo yari kuboneka nk'igishyitsi cyumburira mu butaka bwumye. [Yesaya 53:2, 3] Iki gice gikwiye kwigwa. Kigaragaza Kristo nk'Umwana w'Intama w'Imana. Abashyirwa hejuru n'ubwibone, bafite imitima yuzuye ubwirasi, bakwiye kureba kuri iyi shusho y'Umucunguzi wabo, maze bakicishiriza bugufi mu mukungugu. Icyo gice cyose gikwiye gufatwa mu mutwe. Imbaraga zacyo zizoroshya ndetse zicishe bugufi umutima wangijwe n'icyaha no kwishyira hejuru." – *Umwigisha w'Abasore,* 20 Ukuboza, 1900.

## 3. UWASUZUGUWE AKANANGWA

**a. Ni gute benshi bitwara ku rukundo rwa Yesu? Yesaya 53:3. Ni iki yihanganiye kubwacu? Imirongo 4, 5.**

---

"Byanyuze mu kwitanga guheranije no mu mibabaro itavugwa ngo Umucunguzi ashyire agakiza aho tugashyikira. Hano mu isi ntabwo yari azwi kandi ntiyari yubashywe, kuburyo, binyuze mu kwicisha bugufi kwe gutangaje, yagombaga gutuma umuntu agera ku rugero rwo guhabwa icyubahiro cy'iteka n'umunezero udashira mu ijuru. Mu gihe cy'imyaka mirongo itatu y'imibereho yamaze ku isi, umutima we wari wuzuye agahinda gakomeye. Inzira iva mu muvure ikagera i Kaluvari yari yijimishijwe n'umubabaro n'agahinda. Yari umunyamibabaro, kandi wamenyereye intimba, yihanganira iyo ntimba ku buryo nta rurimi rw'umuntu rwabisobanura. Yashoboraga kuvuga mu kuri ati, 'Nimwitegereze murebe ko hari umubabaro uhwanye n'uwanjye' (Amaganya 1:12). Nubwo yangaga icyaha by'ukuri, ariko kandi yarundanije ku mutima we ibyaha by'abari mu isi bose. Nta cyaha yari afite ariko yihanganiye igihano cy'abanyabyaha. Yari inzirakarengane, ariko yitanga nk'ingurane y'abanyabyaha. Igihano cya buri cyaha cyatsikamiye umutima w'ubumana w'Umucunguzi w'abari mu isi. Ibitekerezo bibi, amagambo mabi, ibikorwa bibi bya buri muhungu n'umukobwa wa Adamu, byamuzaniye igihano kuko yari yabaye incungu y'umuntu. N'ubwo icyaha kitari icye, umutima we wari washenjaguwe kandi wakomerekejwe n'igicumuro cy'abantu, maze we utari azi icyaha ahinduka icyaha kubwacu, kugirango tubashe guhinduka gukiranuka kw'Imana muri we." – *Ubutumwa Bwatoranijwe*, bk. 1, p. 322.

"Mbega ukuntu ari bake gusa bafite igitekerezo ku mubabaro wageze ku mutima w'Umwana w'Imana mu gihe cy'imyaka mirongo itatu yamaze hano ku isi." - *That I May Know Him,* p. 66.

"Umwana w'Imana yarasuzuguwe ndetse arangwa kubera twe. Mbese ushobora kurebesha amaso y'umutima ku musaraba maze ukabona umubabaro wa Kristo, maze ukubahuka kuvuga inkuru zawe z'amahano wagushije, inkuru zawe z'ibigeragezo? Mbese washobora kurera mu mutima wawe kwihorera ku banzi bawe, mu gihe isengesho rya Kristo ryavaga mu minwa ihinda umushitsi, asabira abamwicaga bamushinyaguria agira ati – Data, ubababarire kuko batazi ibyo bakora (Luka 23:34)? . . .

"Ntitugomba kwihebeshwa n'ubwimbike bw'agasuzuguro kageze ku Mwana w'Imana kugirango atuzamure adukure mu guteshwa agaciro n'ububata bw'icyaha atwicaze iburyo bwe. . . . Igihe ni iki ngo dutange amasaha yacu y'igiciro mu kumesa imyenda yacu y'imico tuyihindure umweru mu maraso y'Umwana w'Intama, kugirango tubashe kuba muri ba bantu bambaye imyenda yera bazaba bazengurutse intebe y'ubwami ikomeye yera. Ibid., p. 65.

## 4. INZIRAKARENGANE ITIVOVOTA

**a. Ni iki twakwigira ku kuntu Yesu yitwaye ku karengane kamugezeho mu gihe cyo kubambwa? Yesaya 53:6-9; 1 Petero 2:19-24.**

---

"Tugomba kujya ahantu hacu hatunganye mu kwicisha bugufi no kwihana ku birenge by'umusaraba. Dushobora kwiga icyigwa cyo kwicisha bugufi no kwiyoroshya mu ntekerezo uko tugenda tuzamuka umusozi w' i Kaluvari, maze, kubwo kureba ku musaraba, tukabona Umukiza wacu ababara, Umwana w'Imana apfa, ukiranuka mu cyimbo cy'ukiranirwa. Tukabona we washoboraga guhamagaza umutwe w'ingabo z'abamalayika zikaza kumufasha akoresheje ijambo rimwe gusa, yahinduwe urwamenyo n'igikinisho, uwo gutukwa no kwangwa. Yaritanze ngo abe igitambo cy'ibyaha. Ubwo yatukwaga, ntacyo yakangishije; ubwo yashinjwaga ibinyoma, ntabwo yabumbuye akanwa ke. Yasengeye ku musaraba asabira abamwicaga. Yariho abapfira. Yariho atanga igiciro cy'iteka kuri buri wese muri bo. Ntiyashakaga kugira n'umwe atakaza muri abo yaguze igiciro gikomeye. Yaritanze ngo akubitwe anashinyagurirwe ntiyijujuta. Kandi iyi nzirakarengane itaritotombaga yari Umwana w'Imana. Intebe ye y'ubwami ihera mu bihe bidashira ndetse n'ubwami bwe ntibuzahanguka." – *Kugirango Mumenye,* p. 65.

"Mu kwicisha bugufi kwe, Kristo yageragereshejwe ibishuko bikomeye, afite imbaraga zo kwihangana zikomeye cyane kurenza iz'umuntu uwariwe wese igihe ageragezwa n'umubi, kuko nyine n'akamero ke kari karenze ak'umuntu. Uku ni ukuri kw'ibanga rikomeye, kuba Kristo yarihuje n'umuntu afite impuhwe nyinshi. Imirimo mibi, ibitekerezo bibi, amagambo mabi ya buri mukobwa n'umuhungu wa Adamu byamutsikamiraga umutima we w'ijuru. Ibyaha by'abantu byamuzaniye igihano, kuko yari yabaye inshungu y'umuntu, maze akikorera ibyaha by'abari mu isi." - Ibid., p. 66.

**b. Umugambi w'ijuru wari uwuhe mu kohereza Kristo ku isi? Yesaya 53:10.**

---

"Umunyacyubahiro ukomeye wo mu ijuru ntabwo yihimbazaga. Ibyo yakoze byose byari bihuje n'agakiza k'umuntu. Inarijye y'uburyo bwose yaracyahwaga mu maso ye. Yakiriye akamero kacu kugirango abone uko ababazwa ku bwacu, ahindura ubugingo bwe igitambo cy'ibyaha. Yakubiswe n'Imana ndetse arababazwa kugirango akize umuntu igihano yari akwiriye kubwo gucumura amategeko y'Imana kwe. Kubw'umucyo umurikira ku musaraba, Kristo yasabye kwireherezaho abantu bose. Umutima we wa kimuntu wari usonzeye cyane iyo nyoko. Amaboko ye yari aramburiwe kubakira, maze ahamagarira bose kumusanga. Imibereho ye hano ku isi yari igikorwa gikomeza cyo kwiyanga no kwiyoroshya." - *Ibihamya,* vol. 4, p. 418.

## *Kuwa Gatanu* *27 Ukwakira*

### 5. IBYOKURYA BY'IBITEKEREZO

**a. Ni iki cyatumye Kristo yemera gupfa urupfu rubi gutyo? Yesaya 53:11, 12.**

---

---

"Umucunguzi mwiza cyane. . . . ntabwo yapfuye nk'intwari mu maso y'ab'isi, yuzujweho imidari, n'abantu bari ku rugamba. Yapfuye nk'umunyabyaha wakatiwe, amanikwa hagati y'isi n'ijuru – yapfuye urupfu rw'isoni, atejwe agasuzuguro no gutukwa n'nteko y'abantu buzuye ibyaha bikabije. . . .

"Uku gusuzugurwa kose k'Umutware w'ijuru kwari uk'umuntu w'umunyacyaha kandi waciriweho iteka. Yagiye ajya hasi cyane mu gusuzugurwa kwe, kugeza ubwo nta handi hasi yagombaga kujya, kugirango rero akure umuntu mu kwandura kwe kw'intekerezo. Ibi byose byari kubera wowe." – *Kugirango Mumenye,* p. 68.

**b. Ni iki uku kwicisha bugufi gutangaje gushobora kudutera gutekereza? Abaheburayo 2:3, 14, 15.**

---

"Uko waba umunyabyaha kose, uko wacumura kose, urahamagarwa, waratoranijwe. 'Nimwegere Imana nayo izabegera' (Yakobo 4:8). Nta muntu n'umwe uzahatirwa kuza kuri Kristo atabishaka. Umutware w'ijuru, Umwana wenyine w'ikinege w'Imana nzima y'ukuri, yagufunguriye inzira ngo umusange, kubwo gutanga ubugingo bwe nk'igitambo ku musaraba w'i Kaluvari. Ariko mu gihe yababajwe ibi byose kubwawe, we aratunganye, arakiranuka, ntashobora kubona gukiranirwa. Ariko kandi ibi ntabwo bigomba kukujyana kure ye; kuko aravuga ati; 'Sinaje guhamagara abakiranutsi, ahubwo naje guhamagarira abanyabyaha kwihana.' (Mariko 2:17)." - *Fundamentals of Christian Education,* pp. 251, 252.

## *Kuwa Gatandatu* *28 Ukwakira*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

1. **Ni iki dukwiye kwiga kugirango tubashe gukomeza kuba umugisha ku bandi?**
2. **Bizatwungura iki nidufata mu mutwe Yesaya 53?**
3. **Nidukomeza kwiyibutsa imibabaro ya Yesu ku musaraba ni iki tutazashobora gukora?**
4. **Ni kuki Kristo yakomeje kwicecekera ari ku musaraba uretse gusa asengera abanzi be?**
5. **Ni gute dushobora kugaragaza ishimwe ku byo Yesu yadukoreye?**

*KU ISABATO, 5 UGUSHYINGO, 2016*

## Amaturo y'Isabato ya Mbere azagenerwa Ibitabo byo gufasha za Mission Fields



Mu kinyejana cya 21, mu gihe interineti, ibitabo byo kuri mudasobwa, n'ibindi bitangazamakuru ari bwo buryo bugezweho bwo gukwirakwiza ubutumwa, haracyariho ubundi buryo bunoze ibindi bitangazamakuru bidashobora gusimbura: amapaji yanditseho nibwo buryo bwiza cyane bushobora gufasha ubutumwa bwiza kugera n'ahantu hari kure cyane y'amajyambere ku isi – hatagira amashanyarazi. Muri ubu buryo inkuru nziza iriho iracengera ahahoze ari ah'Abakominisiti, Abateyisiti, n'ibihugu by'Abayisilamu kandi bukabasha gusangirwa buherewe hasi. Umugaragu w'Umwami yaravuze at: "Nimureke ibitabo bifitemo ukuri kwa Bibiliya binyanyagire nk'amababi yo ku mpeshyi'' (In Heavenly Places, p. 323). "Ibitabo byacu bikwiye kugera buri hantu. Nibyandikwe mu ndimi nyinshi. Ubutumwa bwa malayika wa gatatu bukwiye gutangwa muri ubu buryo ndetse binyuze no mu mwigisha muzima. Mwe mwizera ukuri kw'iki gihe, nimukanguke. Ni inshingano zanyu guha ubufasha bushoboka abumva kandi bagasobanukirwa ukuri kugirango babashe kukwamamaza. (*Ibihamya,* vol. 9, p. 62).

"Nimwandike, muhimbaze, kandi muvuge muti, Oh! Uwiteka, kiza ubwoko bwawe, bw'Abisiraeli barokotse (Yeremiya 31:7). Ubwoko bw'Imana, Absiraeli barokotse bagomba kwandika iby'inkuru nziza y'agakiza. Mugihe tugifite uburyo bwo kubona Bibiliya, ibitabo, n'udutabo tw'ivuga butumwa mu bihugu byinshi, kandi haracyariho abantu benshi badafite ayo mahirwe. Ni inshingano zacu gushyigikira ikwirakwizwa ry'ibitabo mu bice bitandukanye by'isi. Bibiliya yahinduwe mu ndimi nyinshi n'imvugo, ariko kandi ibitabo by'ingenzi nko Kugana Yesu n'Intambara ikomeye ntabwo biboneka ku bantu babarirwa muri za miliyoni. None se ni kuki tutasangiza ibyigisho bya Bibiliya abantu bari gushakisha ukuri dusohoyemo uyu munsi?

Nimutekereze ku birwa bya Pasifika ndetse n'ibihugu bya Afurika aho ubutumwa bw'ubugorozi butari bwinjira. Nitwibuke isezerano ryo mu Mubwiriza 11:1, 'Nyanyagiza imbuto yawe ku mazi kuko igihe nigisohora uzayibona hashize iminsi myinshi.' Tugomba gukwirakwiza Ijambo ry'Imana amazi atarenga inkombe. Hari ubwo tutahita tubona ingaruka zabyo ako kanya, ariko ntibizatinda ngo tubone umusaruro ukomeye ubwo imvura y'itumba izagwa byuzuye. Nimureke tube ibisonga bifite ubwenge bibika ubutunzi mu ijuru – atari hano ku isi.

Turashima cyane kubyo benedata bose na bashiki bacu ndetse n'inshuti bakoze mu bihe byahise – ariko noneho ubukene ni bwinshi kuruta mbere. Bityo rero nimureke dutangane umutima ukunda muri uyu murimo!

*Icyiciro cy'Icapiro cya General Conference*

# Gusangira n'Abaturanyi Bacu

**"Mwe kugira ubwoba ngo mutinye. Kera sinabikubwiye nkabigaragaza? Namwe muri abagabo bo kumpamya. Hariho indi mana ibaho itari jye? Ni koko nta kindi gitare, ubwanjye sinkizi(Yesaya 44:8).**

"Dukwiye kumenya twe ubwacu ndetse tukanabwira abandi ko buri sezerano ry'Imana ari ukuri. Binyuze mu buhamya burashe dutanga mu magambo n'ibikorwa niho tubarwa nk'abahamya nyakuri ba Kristo." – *Urwibutso n'Integuza*, 7 Nyakanga, 1903.

**Igitabo Cyifashishijwe: Abahanuzi n'Abami, pp. 367-368.**

## *Kuwa Mbere* *30 Ukwakira*

### 1. KUGERA AHATARAGERWA

**a. Garagaza umugambi w'Umwami ku ntama ze ziri hanze y'umukumbi. Ezekeli 34:12-14. Ni iki intumwa yo mu gihe cy'ubu yabwiwe kuvuga kuri ubu bukene?**

---

---

"Igihe nagendaga nyura mu Majyepfo ngana muri Conference, nabonye imigi myinshi itarakorwamo umurimo. Ikibazo se ni ikihe? Abagabura bigumira mu matorero yabo gusa, kandi yo azi ukuri, mugihe abantu ibihumbi biri kurimbuka kubwo kubura Kristo. Haramutse hatanzwe amabwiriza ya nyayo, haramutse hakurikijwe uburyo bukwiye, buri mwizera w'itorero yakora inshingano ye nk'urugingo rw'umubiri. Yakora umurimo w'ivugabutumwa rya Gikristo. Ariko amatorero ariho arapfa, kandi akeneye umugabura wo kuyabwiriza. Bakwiye kwigishwa gutanga icyacumi cy'Imana, kugirango Ibakomeze kandi ibahe umugisha. Bakwiye gushyirwa ku murongo mwiza w'imikorere, kugirango impumeko y'Imana ibagereho. Bakwiye kwigishwa ko uretse guhagarara bonyine, nta mugabura, bakeneye guhinduka bushya, bakabatizwa bushya. Kandi ko bakeneye kubyarwa ubwa kabiri." - *The Ellen G. White 1888 Materias,* p. 1750.

"Isi igomba kuburirwa. Abagabura bakwiye gukorana umwete kandi bitanga, bagahanga amafiridi mashya binjiye mu murimo bwite wo gukiza imitima, mu cyimbo cyo kwisinzirira mu matorero yamaze kugira umucyo ukomeye n'amahirwe menshi." - *Ibihamya,* vol. 7, p. 255.

## 2. GUKOMEZWA N'UMURIMO

**a. Ni uwuhe mucyo ukiza ugomba guhabwa buri mutima uri ku isi? Yesaya 42:6; Mariko 16:15. Ni gute twe umuntu ku giti cye twagiye twirengagiza iyi nshingano – by'umwihariko mu gihe duteraniye mu biterane bigari?**

---

"Umurimo wa Kristo ugomba gukorwa kugeza ku ndunduro. Ubwoko bw'Imana bugomba kuyegurira ubutunzi bwabwo n'ubushobozi. Ingabo z'umusaraba wa Kristo zigomba kujya mbere nta gukambika zibyiyumvamo maze zikanyura mu nzira yo kwiyanga yanyuzwemo n'Umucunguzi.

Abagabura bisinziririye mu matorero, bagakomeza kubwiriza abamaze kumenya ukuri, bakagombye kujya mu turere tukiri mu mwijima. Ibyo rero bidakozwe, bo ubwabo n'amateraniro yabo bazonda. Idini yacu yamaze gucika intege ndetse irarwara kubera ko abizera bacu baretse urukundo rwabo rwa mbere. Bashobora kuba abagabo n'abagore bakomeye baramutse bumviye ubuyobozi bwa Kristo. . . .

'Isi iri mu kurimbukira mu byaha. Uzageza ryari gukomeza kwiyemerera kubuzwa kujya mu ruzabibu rukomeye kandi rukennye, mu gihe amateka y'iyi si ari bugufi kugera ku iherezo ryayo? – *Urwibutso n'Integuza,* 9 Gashyantare, 1905.

'Hariho abizera benshi b'amatorero yacu magari usanga ntacyo bakora ugereranije, kandi bashobora gusohoza umurimo ukomeye, baramutse, mucyimbo cyo kwirundaniriza hamwe, batataniye mu turere tutigeze twinjirwamo n'ukuri. Ibid., *Ugushyingo 26, 1914.*

**b. Ni iki buri mugabura na buri mukorera bushake bakwiye guhoza ku mutima?**

---

'Ubwoko bw'Imana bwahoranye umucyo n'ubumenyi ntabwo bwashyize mu bikorwa umugambi uhanitse kandi wera w'Imana. Ntabwo bateye imbere bava mu kunesha bajya mu kundi, bongera uturere, bazamura amahame mu mijyi no mu birorero byayo. Ubuhumyi bwo muby'Umwuka bwagaragajwe n'abo Umwami yamurikishije umucyo mwinshi, ariko ntibatere imbere ngo bave mu mucyo mwinshi bagana mu mwinshi kurenzaho. Abizera b'itorero ntabwo bigeze baterwa umwete gukoresha imitsi yumva y'iby'umwuka n'imbaraga zabo mu murimo wo kujya mbere. . . .

'Muri buri torero abasore n'inkumi bagomba gutoranywa kugirango bahabwe inshingano. Nimureke bitunganirize gufasha abatazi ukuri. Imana ihamagara abakozi bakorana umutima wabo wose. Abicisha bugufi kandi bafite imitima imenetse bazigishwa n'ubunararibonye bwabo bwite ko nibaramuka bashyize Imana kuruhande nta mukiza bazaba.bafite.' - *Ibihamya,* vol. 9, p. 139.

## 3. KONGERA INTEGE KU BAFITE INYOTA

**a. Ni iki Imana isezeranya ku bashaka gukora ubushake bwayo n'umutima wose? Yesaya 44:3, 4.**

---

'Twigishwa mu ijambo ry'Imana ko iki aricyo gihe, kurenza ibindi, dukeneye kureba ku mucyo uvuye mu ijuru. Nonaha nibwo dukeneye kwitega igihozamutima kivuye ku kuhaba k'Umwami. Dukwiye kureba ku migendere y'amahirwe atangwa n'Imana nk'uko ingabo za Isiraeli zacunganaga n'ijwi ryumvikaniraga hejuru y'imitugunguru (2 Samweli 5:24) – icyo kikaba cyari ikimenyetso ijuru ryagombaga gukoresha mu mikoranire yaryo nazo.

'Imana ntabwo ishobora guhesha izina ryayo icyubahiro inyujije mu bwoko bwayo mu gihe buri kwigira ku bantu ndetse bugahanga ingabo zishingiye mu mubiri. Imibereho burimo y'intege nke uyu munsi izakomeza kugeza igihe Kristo wenyine ariwe ushyizwe hejuru; kugeza ubwo, hamwe na Yohana Umubatiza, bazavugana umutima ucishije bugufi kandi wejejwe bati: 'Uwo akwiriye gukuzwa naho jye nkwiriye kwicisha bugufi (Yohana 3:30). Hari amagambo nahawe ngo nyabwire ubwoko bw'Imana, 'Nimumushyire hejuru, uwo muntu w'i Kaluvari. Abantu nibigireyo maze babashe kumwitegereza uwo ibyiringiro n'ubugingo bwabo bw'iteka buhuriraho. . . .

'Isoko y'amazi amara inyota ifunguriwe gusa umutima ufite inyota. . . . [Yesaya 43:3.] Imitima ishakana umwete umucyo kandi ikemere buri murasire umurika uvuye mu ijambo rye ryera, iyo niyo yonyine izahabwa umucyo. Binyuze muri iyo mitima gusa niho Imana izerekana ko umucyo w'icyubahiro cyayo n'imbaraga bizamurikira isi yose.' *Ibihamya,* vol. 5, pp. 728, 729.

**b. Garagaza ubupfu bw'ab'isi mu kwiringira ibigirwamana byabo. Yesaya 44:9, 14-17; 46:5-8. Ni ayahe makuru yongera imbaraga aba basenga ibigirwamana bakeneye kumva? Yesaya 44:22; Zaburi 103:11-13.**

---

---

'Imana yifuza guhumekera mu bantu bacitse intege umwuka w'ubugingo. Kandi ntabwo izatenguha umutima uwariwo wose ufite inyota yo kugera ku kintu gitunganye kandi cyera kuruta icyaricyo cyose isi ishobora gutanga. Ubudasiba ihora yohereza abamalayika ngo basange babandi, kenshi bazengurutswe n'imibereho y'uruca ntege, ariko bagasenga cyane basaba ko imbaraga ibarenzeho yaza ikabigarurira maze ikabahesha amahoro no gutabarwa. Mu buryo butandukanye Imana izabigaragariza kandi izabashyikiriza amahirwe yo gushyira ibyiringiro byabo mu Uwitangiye kuba impongano ya bose, 'Kugirango babashe gushyira ibyiringiro byabo mu Mana, kandi ntibibagirwe imirimo y'Imana, ahubwo bakomeze amategeko yayo.' – *Abahanuzi n'Abami,* pp. 377, 378.

## 4. KWAGURA INGABANO ZACU

**a. Ni iki Imana ishaka ko abasigaye bayo b'insuzugurwa kandi banzwe bakora? Zaburi 5:11; Yesaya 54:1.**

---

"Igice cyose cya mirongo itanu na kane cya Yesaya gifite umumaro ku bwoko bw'Imana, kandi buri kimwe mu buhanuzi kizasohora." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi, [Ellen G. White Comments],* vol. 4, p. 1148.

**b. Sobanura ubwishingizi buhabwa abakingurira imitima n'ingo zabo abandi? Yesaya 54:2, 3; Abaheburayo 13:1, 2.**

---

"Imana yampaye ubutumwa ku bwoko bwayo. Bugomba gukanguka, bukabamba amahema, maze bukagura ingabano zabwo. Benedata na bashiki banjye, mwaguzwe igiciro, kandi ibyo mufite byose n'ibyo muri byo bigomba gukoreshwa mu guhesha Imana icyubahiro ndetse no kubw'inyungu za bagenzi banyu b'abantu. Kristo yapfiriye ku musaraba ngo akize abantu kurimbukira mu byaha. Arabasaba gukorana namwe muri uyu murimo. Mugomba kumubera ikiganza gifasha. Mugomba gushaka uko mukiza abazimira mukoresheje umwete n'umuhati udatezuka. Mwibuke ko ibyaha byanyu aribyo byatumye umusaraba uba ngombwa. Igihe mwemeraga Kristo nk'Umukiza wanyu mwari mwiyemeje gufatanya nawe kwikorera umusaraba. Kubw'ubugingo n'urupfu muhambiriwe kuri we, n'igice cy'umugambi ukomeye wo gucungura.

"Imbaraga itunganya y'ubuntu bwa Kristo icura umuntu ushaka kwiyegurira umurimo w'Imana. Aminjiriweho Umwuka w'Umucunguzi, aba yiteguye kwiyanga ubwe, yiteguye kwikorera umusaraba, yiteguye gutanga igitambo icyaricyo cyose kubwa Shebuja. Ntabwo aba agishobora kwirengagiza imitima iri kurimbukira iruhande rwe. Aba yazamuwe akarenga kwigaburira gusa. Aba yaremwemo icyaremwe gishya muri Kristo, ndetse ibyo kwihaza ubwe nta mwanya biba bigifite mu bugingo bwe." - *Ibihamya,* vol. 7, pp. 9, 10.

**c. Ni ayahe masezerano meza cyane ahurizwa hamwe n'uyu murimo w'ivugabutumwa? Yesaya 54:4, 5, 10, 17.**

---

"Ukuboko guhoraho kw'Imana kuzenguruka buri muntu uyisanze ngo imufashe, uko uwo mutima waba unegekaye kose. Ibintu by'igiciro by'imisozi bizarimbuka; ariko umutima ubeshwaho n'Imana, utanyeganyezwa n'abawugaya, udateshwa umurongo n'abawushima, niwo uzahorana nayo." - Ibid., vol. 4, p. 328.

## *Kuwa Gatanu* — *3 Ugushyingo*

### 5. AHAZAZA HEZA HARI IMBERE

**a. Ni iki Imana ishaka ko dukorera abatuzengurutse, kandi se ni ubuhe bwishingizi buhabwa abakora uyu murimo? 2 Ngoma 16:9; Yesaya 11:10-13; 57:13, 14.**

---

"Amatsinda y'ababwirizabutumwa mu bihugu by'abapani bakunzwe kugereranywa n'abahanuzi bashyiriweho kuyobora abashaka umucyo w'ukuri...

"Umunsi wo gutabarwa uri bugufi. . . . Mu mahanga yose, amoko yose n'indimi, habonekamo abagabo n'abagore basengera kubona umucyo n'ubumenyi. Imitima yabo ntabwo inyuzwe; bamaze igihe kirekire barya ivu. Reba Yesaya 44:20. Umwanzi wo gukiranuka kose yabashyize ku ruhande, maze bagenda bakabakaba nk'impumyi. Ariko ni indahemuka mu mitima yabo kandi bifuza kumenya inzira nziza. N'ubwo bari mu mworera w'ubupagani, bakaba bazi amategeko y'Imana gusa batazi Umwana wayo Yesu Kristo, bahishuye uburyo bw'imikorere y'imbaraga y'ijuru ku ntekerezo n'imico mu buryo runaka.

"Rimwe na rimwe abadafite ubumenyi ku Mana bitandukanya n'ibyo bamenye ku bijyanye n'ukuntu ubuntu bw'Imana yagiye ibukoresha mu kugirira neza abagaragu bayo, ibarinda ingaruka z'imibereho yabo bwite. Umwuka Wera uri mu gutera ubuntu bwa Kristo mu mitima y'abashakana umwete ukuri, ukihutisha impuhwe ze mu buryo bunyuranye n'akamero kabo, ndetse no mu buryo bunyuranye n'uburere bahoranye." – *Abahanuzi n'Abami*, pp. 375 – 377.

"Umwami yohereje ubutumwa bugira buti, 'Nimukure ibisitaza mu nzira y'ubwoko bwanjye.' Hagomba gushyirwaho umwete ngo hakurweho inzitizi zagiye zizitira ubutumwa bw'iki gihe. Hariho umurimo uvuye ku mutima ugomba gukorwa mu gahe gato cyane." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Aabadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi* [Ellen G. White Comments], vol. 4, p. 1148.

## *Kuwa gatandatu* — *4 Ugushyingo*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

1. **Mu gihe duhindutse by'ukuri, ni iki dukwiye kuba dufitiye ubushake bwo gukora mu matorero yacu?**
2. **Sobanura ibihombo by'amateraniro manini.**
3. **Ni bande bazahabwa umucyo bonyine, kandi ni iki bazakoresha uwo mucyo?**
4. **Ni mu buhe buryo nshobora kwagura ihema ryanjye kubw'Umwami?**
5. **Ni ubuhe bufasha dushobora guha abakabakaba ngo bawubone?**

# Intambara z'Abasigaye

**"Nimunyumve yemwe abazi gukiranuka, ishyanga rifite amategeko yanjye mu mitima yabo, ntimugatinye gutukwa n'abantu kandi ntimugaharikwe imitima n'ibitutsi byabo" (Yesaya 51:7).**

"Amategeko y'Imana azahagarara ahorewe byuzuye. Bizagaragara ko ibikorwa byose by'Imana byagiye bikorwa kubw'inyungu z'iteka ku bwoko bwayo, ndetse no kubw'inyungu z'amasi yaremye." – Abakurambere n'Abahanuzi, pp. 338, 339.

**Igitabo Cyifashishijwe: Ibitekerezo byo ku Musozi w'Imigisha, pp. 117-119. Ubutumwa Bwatoranijwe, bk. 1, pp. 121-143.**

## *Kuwa Mbere* *6 Ugushyingo*

### 1. IBIHE BY'IBIGERAGEZO KU BAKIRANUTSI

**a. Mu gihe cya Yesaya ni irihe terambere ryabayeho mu Buyuda mu gihe cy'ingoma y'umwami Manase? 2 Abami 21:16; 2 Ingoma 33:9-11.**

"Ubwami bwa Yuda . . . . bwari bwarakandamijwe bikomeye mu gihe cy'ubwami burebure bwa Manase bwo gukiranirwa, igihe ubupagani bwabyutswaga, maze benshi mu bantu bakayoboka ibigirwamana. . . . Umucyo w'icyubahiro w'urubyaro rwari rwarabanje wakurikiwe n'umwijima w'akayubi n'amafuti. Ibibi bikomeye byarisukiranyaga kandi bigashinga imizi – iterabwoba, gukandamiza, urwango rw'icyitwa icyiza cyose. Ubutabera bwaragoretswe; akarengane karakwira.

"Ariko kandi icyo gihe cyose cy'ibibi ntabwo cyari kibuze abahamya b'Imana n'icyiza. Ubunararibonye bubabaje Ubuyuda bwanyuzemo mu gihe cy'ingoma ya Hezekiya bwariyongereye, mu mitima ya benshi, habamo ubutarumikwa bw'imico bwakoraga nk'intwaro yo kurwanya gukiranirwa kwari kwarakwiriye hose. Ibihamya by'ukuri no gukiranuka bitera umujinya Manase na bagenzi be mu butegetsi, biyemeza gukora nabi ngo bacecekeshe ijwi ryose ritemeranya nabo. [2 Abami 21:16]

"Uwabanje kugwa yabaye Yesaya, wari waramaze icya kabiri cy'ikinyejana ahagaze imbere y'Ubuyuda nk'intumwa yashyizweho ya Yehova." – *Abahanuzi n'Abami,* pp. 381, 382.

## 2. UWITEKA UFITE IMBARAGA ZO GUKIZA

**a. Ni iki dushobora kwigira mu kwihana kwa Manase? 2 Ingoma 33:12, 13, 2 Petero 3:9.**

---

---

"Mu kibazo cya Manase Uwiteka aduha urugero ku buryo akoramo imirimo ye. [2 Ingoma 33:9 – 13.]

"Uwiteka yahoze avugana n'ubwoko bwe mu miburo no gucyaha. Yigaragaje nk'umunyembabazi, ugira urukundo, no kugira neza. Ntabwo yaretse ubwoko bwe bwasubiye inyuma ngo bujye mu bushake bw'umwanzi, ahubwo yakomeje kwihanganana nabwo, yemwe no mu gihe cy'ubuhakanyi. Ariko nyuma y'uko kwinginga kwinshi kwakomeje gukorwa ariko bikaba iby'ubusa, ategura inkoni yo guhana. Mbega urukundo rwuzuye impuhwe rwakoreshejwe ku bwoko bw'Imana! Umwami ashobora kuba yarakuye mu byaha abahoraga bakorana n'imigambi itandukanye n'iye, ariko ibyo yarabikoze. Ukuboko kwe kuracyarambuye. Dufite impamvu zo guha Imana ishimwe kubera ko itakuye Umwuka wayo ku banze kugendera mu nzira yayo." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi* [Ellen G. White Comments], vol. 3, p. 1132

**b. Nyuma y'uko Imana ikoresheje Babuloni ngo ihane Isiraeli y'ubuhakanyi, nyuma igakoresha Abamedi n'Abaperesi ngo irimbure Babuloni, ni gute yasezeranije gutabara ishyanga ryayo nyuma y'igihe cyaryo cyo guhanwa? Yesaya 44:24, 28; 45:1-6, 13.**

---

---

"Mu gihe kirenga ikinyejana mbere yo kuvuka kwa Kuro, ibyahumetswe byari byaramuvuze mu izina, kandi byaratumye handikwa umurimo yagombaga gukora mu gufata umugi wa Babuloni, no gutegura irekurwa ry'abana b'abanyagano. Iryo jambo ryavuzwe binyuze muri Yesaya: [Yesaya 45:1-3]." – *Abahanuzi n'Abami,* p. 551.

**c. Ni gute ubuhanuzi bwe bwasohoye? Ezira 1:1-4; 6:3-5. Ni irihe hame uku kuri kwadutera kwibuka? Kubara 11 :23.**

---

'Umwami afite ibikoresho mwimerere. Ukuboko kwayo kuri ku bikoresho byayo. Ubwo igihe cyageraga cyo kongera kubaka urusengero rwayo, Yasanze Kuro nk'umukozi wayo kugirango asobanukirwe ubuhanuzi bumwerekeyeho, no guha ubwoko bw'Abisiraeli umudendezo wabwo.'. – *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi [Ellen G. White Comments]*, vol. 4, p. 1175.

## 3. UBUGOROZI NYAKURI BURAMBA

**a. Ni irihe sana ry'umwuka ryahanuwe ko rizabaho mu minsi yacu rikaba ryarashushanijwe no gusana ko mu minsi ya Nehemiya? Yesaya 61:4; 58:12, 13.**

---

"Isana ry'umwuka iryo umurimo waryo wakozwe mu gihe cya Nehemiya ryari ikimenyetso, risobanuye ku murongo mu magambo ya Yesaya: [Yesaya 61:4; 58:12].

"Uyu muhanuzi hano agaragaza ubwoko, mu gihe rusange cyo kuva mu kuri no gukiranuka, bushaka gusana amahame agize urufatiro rw'ubwami bw'Imana. Bo ni abasannyi b'icyuho cyaciwe mu mategeko y'Imana – ari nayo rukuta yashyize ahazengurutse abo yatoranije kubw'uburinzi bwabo, ndetse no kumvira bigize ingabo y'abafite amategeko y'ubutabera, ukuri, no gutungana.

Mu magambo afite ubusobanuro butibeshya uwo muhanuzi atunga agatoki umurimo urashe w'aba basigaye wo kongera kubaka urwo rukuta. 'Nuhindukira ntukandagire Isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera, ahubwo ukita Isabato umunezero, umunsi wera w'Uwiteka akawita uw'icyubahiro ukawubaha, ntube ikigenge ntiwishakire ibyo kwinezeza, ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe, nuko uzishimira Uwiteka nanjye nzaguha kurambagira mu mpinga z'igihugu, kandi nzagutungisha gakondo ya sogokuruza Yakobo. Akanwa k'Uwiteka niko kabivuze. (Imirongo 13, 14).

"Mu gihe cy'imperuka buri hame ryashyizweho n'ijuru rigomba gusubizwaho. Icyuho cyaciwe mu mategeko y'Imana igihe Isabato yahindurwaga kigomba gusanwa." – *Abahanuzi n'Abami,* pp. 677, 678.

**b. Ni kuki ari ingenzi cyane kugira urufatiro rwiza mu murimo w'ubugorozi? Zaburi 11:3. Ni kuki ibi bigira uruhare cyane mu murimo w'uyu munsi wo kwitegura kugaruka k'Umwami? Matayo 3:9, 10; 17:11.**

---

"Abasigaye b'ubwoko bw'Imana, bahagaze imbere y'ab'isi nk'abagorozi, bagomba kwerekana ko amategeko y'Imana arirwo rufatiro rw'ubugorozi bwose bwihangana kandi ko Isabato yo mu itegeko rya kane igomba guhagarara nk'urwibutso rw'irema, urwibutso ruhoraho rw'imbaraga z'Imana. Mu mirongo isobanutse, y'umwihariko bagomba kugaragaza ukuba ari ingenzi kumvira amategeko yose ari mu gitabo cy'amategeko. Babihatiwe n'urukundo rwa Kristo, bagomba gukorana nawe neza mu kubaka ahasenyutse. Bagomba kwica ibyuho, n'abasibura inzira zijya mu ngo inzira." Ibid., p. 678.

## 4. GUHATANIRA KUJYA MBERE

**a. Ni gute tugomba kwicisha bugufi mu murimo wacu dukorera abandi? Luka 17:10; Abagalatiya 6:1; Yesaya 51:1.**

"Tugomba gukomeza kuyobora abantu mu kwihangana kandi buhoro buhoro, tugahora twibuka urwobo natwe twacukuwemo." - *Ibihamya,* vol. 3, p. 21.

**b. Ni irihe sezerano rigenewe abana ba Aburahamu b'umwuka ari naryo ryacu uyu munsi? Yesaya 51:2, 3; Abagalatiya 3:28, 29.**

"Ubwoko bw'Imana bufite umurimo ukomeye uri imbere yabo, umurimo ugomba guhora uzamuka ukagera ku rugero rukomeye cyane. Umuhati wacu mu murimo w'ivugabutumwa ugomba kwaguka bikomeye. . . .

"Uruzabibu runabarirwamo isi yose, kandi buri gace kayo kose kagomba gukorwamo. Hariho ahantu ubu habarwa nk'ubutayu bwo mu ntekerezo, kandi aho hantu hagomba kuba ubusitani bw'Umwami. Ibidaturwa byo mu isi bigomba guhingwa, kugirango bimere kandi byere nk'indabo zihumura neza. Uturere dushya tugomba gukorwa n'abantu bahumekewe n'Umwuka Wera. Amatorero mashya agomba guhangwa, amateraniro mashya agashyirwa mu murongo. Muri kino gihe hagomba kubaho abahagarariye ukuri dusohoyemo muri buri mujyi ndetse no mu duce turi kure y'amajyambere mu isi. Isi yose igomba kumurikirwa n'umucyo w'ukuri kw'Imana. Umucyo ugomba kumurikira ibihugu byose n'abantu bose. Kandi ugomba kumurika uturutse mu bawakiriye. Inyenyeri yo mu ruturuturu yaraturasiye, kandi tugomba kumurika umucyo wayo mu nzira y'abari mu mwijima.

"Ibihe bikomeye biratwegereye. Tugomba noneho gutangaza ukuri kw'iyi minsi y'imperuka twifashishije imbaraga z'Umwuka Wera. Ntabwo bizatinda ngo buri wese yumve umuburo kandi afate umwanzuro we. Maze imperuka ihereko ize.

"Biri mu bigize ibikorwa byiza gukora igikwiye mu gihe gikwiye. Imana ni umukozi mukuru ukomeye, kandi kubw'ubuntu bwayo itegurira umurimo wayo uburyo bwo gusohozwamo. Itanga amahirwe, igafungura imirongo n'inzira z'imikorere. Mu gihe ubwoko bwayo bwitegereje ibimenyetso by'amahirwe itanga ndetse bukitegura gukorana nayo neza, bazabona umurimo ukomeye usohora. . . . Umurimo wacu ni uwo kugorora, kandi biri mu mugambi w'Imana ko ubwiza bw'uwo murimo mu bice byose bubera abantu icyigisho." - Ibid., vol. 6, pp. 23-25.

## *Kuwa Gatanu* **10 Ugushyingo**

### 5. KUTAYOBYWA

**a. Bigenda bite iyo abantu banze Ijambo ry'Imana kugirango bikurikirire imigambi yabo? Yesaya 50:11; Yohana 12:48; 2 Abatesaloniki 2:11.**

---

"Uwiteka yanyeretse ko abahoze bahumishijwe n'umwanzi mu rugero runaka, kandi bakaba batarigobotoye byuzuye mu mitego ya Satani, bazarimbuka kubera ko badashobora gutandukanya umucyo uvuye mu ijuru, maze bakabogamira mu kwemera ibinyoma. Ibi bizagira ingaruka ku mitekerereze yabo yose, ibyemezo byabo, imyitwarire yabo, n'inama zabo. Ibihamya Imana yatanze kuri bo ntabwo ari ibihamya, kuko bahumishije amaso yabo kubwo kwihitiramo umwijima mu cyimbo cy'umucyo. Bityo bazadukana ikintu bita umucyo, icyo Umwami we yita ibishashi by'umuriro bicaniye, ari nabyo bazayoboramo intambwe zabo. . . .

"Abantu benshi bazanga ijambo Uwiteka yohereje, maze amagambo umuntu ashobora kuvuga abe ariyo ahinduka umucyo n'ukuri. Ubwenge bwa kimuntu buzigiza abantu kure yo kwiyanga, kwitanga, ndetse bizatera byinshi bituma ubutumwa bw'Imana butagira umumaro. Ntitugomba na gato kwishingikiriza ku bantu badafitanye ubumwe bwa hafi n'Imana." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi [Ellen G White Comments],* vol. 4, pp. 1146, 1147.

**b. Ni iyihe ngingo y'ingenzi dukwiye guhoza mu bitekerezo muri uyu murimo? 1 Abakorinto 14:8.**

"Itorero nirihaguruke maze ryihane gusubira inyuma kwaryo imbere y'Imana. Umurinzi nawe nakanguke maze impanda ye ayihe ijwi nyakuri." – *Ubutumwa Bwatoranijwe,* bk. 1, p. 126.

## *Kuwa Gatandatu* **11 Ugushyingo**

1. **Umwami Manase yagejeje he mu kurohama mu rwobo rwo gukiranirwa?**
2. **Vuga mu magambo icyitegererezo kigaragaza kwihangana gukomeye k'Umucunguzi wacu.**
3. **Benshi biyita abagorozi – ariko se ni irihe shingiro ry'Imana ku bugorozi?**
4. **Ni uwuhe murimo w'ingenzi dukwiye kuba dukurikira uyu munsi?**
5. **Vuga ibibazo runaka bituma abantu batana bakava mu kuri.**

# Gukorana Neza n'Ijuru

**"Kuko jyewe Uwiteka Imana yawe nzagufata ukuboko kw'iburyo, nkubwire nti witinya, ndagutabaye".(Yesaya 41:13).**

"Umukiza uba muri twe atuma ububasha bwe buba umutungo wacu. Ukuri kukaba urutundo rwacu. Nta gukiranirwa kuboneka mu mibereho yacu. Dushobozwa kuvuga amagambo ahuje n'igihe kuri ba bandi batazi ukuri. Kuhaba kwa Kristo mu mutima ni imbaraga itera ubugingo, gukomeza impagarike yose." - *Ibihamya,* vol. 7, p. 71.

**Igitabo Cyifashishijwe: Uburezi, pp. 169-184.**

## *Kuwa Mbere* *13 Ugushyingo*

### 1.AMAGAMBO Y'IHUMURE NO GUKIZA

**a. Ni ubuhe butumwa buhumuriza ku Bayuda b'intumva bukomeza gusubirwamo kuri twe uyu munsi mu cyifuzo cyacu cyo kubaho twubaha Imana no guteza imbere umurimo wayo? Yesaya 41:10-14.**

---

---

---

"Uwiteka yirahiye kuzatuma Izina Rye riba iryo guhimbazwa mu isi. Mbega imbaraga azaha abazakorana neza n'ijuru bose! Imbaraga eshatu ziruta izindi mu isanzure ziyemeje gukorana n'abashaka gukiza icyazimiye. Imana ishaka ko abantu biyumvamo ubufasha yasezeranije kubwo gusohoza umurimo wayo mu isi." – *Urwibutso n'Integuza*, 12 Kanama, 1909.

"Nimureke tugire ibyiringiro n'ubutwari. Ubunebwe mu murimo w'Umwami ni icyaha kandi ntibyumvikana. Izi ibyo dukeneye byose. Ifite ububasha bwose. Ishobora gushyikiriza umugaragu wayo urugero rw'ibikenewe n'ibyo bifuza. Urukundo rwayo rutagira akagero n'impuhwe ntibijya binanirwa. Ikoresheje ubutware bwo kubera hose icyarimwe ihuza ubugwaneza n'urukundo rw'umwungeri. Ntidukwiye gutinya ko itazasohoza amasezerano yayo. Niyo kuri kw'iteka. Ntabwo izigera ihindura isezerano yagiranye n'abayikunda. Amasezerano yayo ku itorero ryayo ahora ashikamye iteka. Izarihindura ubwiza bw'iteka, umunezero w'ibihe byinshi.

"Iga igice cya mirongo ine na rimwe cya Yesaya maze wihatire kugisobanukirwa mu busobanuro bwacyo bwose." - *Ibihamya, vol. 8,* pp. 38, 39.

## 2. IKITWONGERA IMBARAGA MU MURIMO WACU

**a. Ni ubuhe bwishingizi dufite ku rukundo rw'Imana n'uburinzi bwayo mu guteza imbere umurimo wayo, ndetse no hagati mu bigeragezo? Yesaya 43:1-6.**

---

"Umuriro w'itanura ntubereyeho kurimbura ahubwo ni ugutunganya, kunoza, kuboneza. Hatariho ibigeragezo ntabwo twakwiyumvamo ubukene bwacu ku Mana n'ubufasha Bwayo; bityo twaba abibone n'abiyumvamo kwihaza. Mu bigeragezo bibageraho mbona mo igihamya cy'uko ijisho ry'Uwiteka riri kuri mwe kandi ko ifite ubushake bwo kubireherezaho. Ntabwo ari abazima ahubwo ni abakomeretse bakenera umuganga; abatsikamiwe cyane kugera ku rugero rwo kwihangana nibo bakenera umufasha. Nimuhindukirire ku birindiro. Mwige ibyigisho by'igiciro cyinshi: 'Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye' (Matayo 11:28-30)." - Ibid., pp. 123, 124.

**b. Ni ikihe cyigisho cy'imikoranire myiza no guterana umwete ndetse no mu basenga ibigirwamana dushobora natwe gukoresha uyu munsi mu murimo w'Imana? Yesaya 41:6, 7.**

---

"Byagirira akamaro urubyiruko, ndetse n'ababyeyi n'abigisha nabo, kwiga ibyigisho by'imikoranire myiza nk'uko byigishijwe mu Byanditswe Byera. Muri byo hatangwa amashusho menshi igiraho inyubako y'ihema ry'ibonaniro – wa mugani w'imyubakire y'imico – iyo muri yo abantu bose bahurijwe, 'Haza umuntu wese utewe umwete n'umutima we, uwemejwe nawo wese' (Kuva 35:21).Soma ukuntu urukuta rw'i Yerusalemu rwongeye kubakwa n'abanyagano bari bagarutse, hagati mu bukene, ibirushya, n'akaga, uwo murimo ukomeye warasohojwe kubera ko abantu bari bafite ubushake bwo gukora (Nehemiya 4:6). Tekereza ku gice abigishwa bakozemo mu gitangaza cya Yesu igihe bahazaga inteko y'abantu. Ibyokurya byiyongerereye mu biganza bya Kristo, ariko abigishwa bo bakiraga imitsima maze bakayihereza inteko y'abantu bari bategereje.

"'Turi ingingo za bagenzi bacu'. Kandi nkuko umuntu wese yahawe impano 'abe ariko muzigaburirana nkuko bikwiriye, ibisonga byiza by'ubuntu bw'Imana bw'uburyo bwinshi' (Abefeso 4:25; 1 Petero 4:10).

"Amagambo yanditswe kubabumbaga ibishushanyo ba kera ashobora kuba meza cyane ndetse agafasha kugira intego nzima. Aramutse afashwe nk'ikitegererezo kububaka imico uyu munsi(Yesaya 41:6)." - *Uburezi*, p.286.

## 3. MU NJYANA Y'UMUREMYI WACU

**a. Ni gute bombi umunyazaburi na Yesaya bavuze ku mwihariko w'Umuremyi wacu? Zaburi 72:18; Yesaya 44:6-8; 45:11, 12. Ni iki ibi byatuma dutekereza?**

---

"Nimureke tugirire Umucunguzi wacu ibyiringiro biruseho. Ntimutere umugongo amazi y'i Lebanoni ngo mujya gushaka ibimaranyota mu bigega bitobotse, bidashobora gufata amazi. Nimugire kwizera Imana. Kwiringira Kristo ntabwo bituma intsinzi ishoboka gusa, ahubwo bituma inaba iyizewe. N'ubwo abantu benshi bari guhatana bagana mu nzira itari yo, n'ubwo ibintu byaba bigaragara nk'urucantege, ariko dushobora kugira icyizere cyuzuye ku Muyobozi wacu; kuko 'Ndi Imana,' aravuga ati, 'kandi nta yindi iriho' (Yesaya 45:22). Araheranije mu mbaraga, kandi afite ububasha bwo gukiza abamusanga bose. Nta wundi dushoba kwiringira byuzuye. " –*Urwibutso n'Integuza,* Kamena 9, 1910.

**b. Mu cyimbo cyo gukorana neza n'Umuremyi wacu mu mugambi adufitiye, ni iki dukunze gukora? Yesaya 45:9, 10. Ni gute umwami w'umupagani, Kuro, yitwaye ku mugambi Imana yari imufiteho? Umurongo 13.**

---

"Twizera muri rusange, ariko turahomba cyane kuko tutiringira byuzuye Imana Umuremyi wacu. Mu gihe dushobora, n'ubwo hariho imibereho idashimishije, kuruhukira mu rukundo Rwayo maze tukikingiraniramo hamwe na Yo, tukaruhukana amahoro mu rukundo Rwayo, igitekerezo cyo kuhaba kwe kizatera kubaho kw'umunezero wimbitse kandi utuje. Ubu bunararibonye buduhesha kwizera kudufasha kutigunga, kudahangayika, ahubwo kwishingikiriza ku mbaraga z'iteka." - *Manuscript Releases,* vol. 9, p. 289.

"Ubwo umwami Kuro yabonaga amagambo yahanuraga, mu myaka irenga ijana mbere y'ivuka rye, ukuntu Babuloni yagombaga gufatwa; ubwo yasomaga ubutumwa bwamwohererejwe n'Umutegetsi w'isanzure [Yesaya 45:5b, 6a], ubwo yiboneraga n'amaso ye imvugo y'Imana ihoraho, 'Kubw'umugaragu wanjye Yakobo Isiraeli natoranije, nguhamagaye mu izina ryawe nguhimbye izina, n'ubwo utigeze kumenya'; ubwo yabonaga ibyahumetswe byanditse "Mpagurukishije Kuro gukiranuka, kandi nzatunganya inzira ze zose. Niwe uzubaka umurwa wanjye kandi niwe uzarekura abantu banjye banyazwe, adahawe ibiguzi cyangwa impongano', umutima we waranyeganyeze cyane, maze yiyemeza kuzuza inshingano z'umurimo yahawe n'ijuru(Umurongo 4,13). Yagombaga guhita areka abanyagano b'Abayuda bakarekurwa; kandi no kubafasha kongera kubaka urusengero rwa Yehova." – *Abahanuzi n'Abami,* pp. 557, 558.

## 4. GUHUZA N'UKURI KW'IJAMBO RY'IMANA

**a. Mu gihe tugize ikigeragezo cyo gushidikanya uguhuza n'ukuri kw'ijambo ry'Imana, ni iki dukwiye kwibuka ku Mana? Yesaya 46:8-10.**

"Ntabwo bishoboka ku ntekerezo zipfa za kimuntu gusobanukirwa byuzuye imiterere cyangwa imirimo y'Udapfa. . . .

"Ubu dushobora gusa gusobanukirwa imikorere ye kuri twe gusa, ndetse n'ikibimutera, kugirango dusobanukirwe urukundo rutagira umupaka n'imbabazi bihujwe n'ububasha butagira iherezo. Dushobora gusobanukirwa cyane ku byerekeye umugambi we kuko bidufitiye akamaro kubimenya; kandi ibirenze ibyo dushobora gukomeza kwiringira imbaraga z'Iberahose icyarimwe, urukundo n'ubwenge bwa Data n'Umutware wa byose. . . . Ariko Imana yaduhaye mu Byanditswe Byera ibihamya bihagije ku mico Yayo y'ijuru, kandi ntidukwiye gushidikanya amagambo Yayo kubera ko tutashoboye gusobanukirwa amabanga yose y'ubwenge bwayo. . . .

"Ibyo Imana yashimye ko bikwiye kumenyekana dukwiye kubyemezwa n'ubutware bw'ijambo ryayo. Imvugo y'ukuri imwe gusa ishobora kuvugwa, nta busobanuro bw'impamvu n'ukuntu; ariko n'ubwo tutashobora kubisobanukirwa dushobora gukomeza kwiringira ko ari ukuri, kubera ko ari Imana iba ibivuze. Kandi ibirushya byose no kunanirwa bishingira ku ntekerezo za kimuntu zifunganye. Ibihamya, vol. 5, pp. 698-700.

"Mu bushyinguranyandiko z'amateka ya kimuntu gukura kw'ibihugu, kubaho no guhanguka k'ubwami, bigaragara nk'ibishingiye ku bushake n'imbaraga z'umuntu. Uko ibintu bigenda bisa n'aho, ku rugero ruhanitse, bugenwa n'imbaraga ze, ibyo agamije, cyangwa imihindagurike. Ariko mu ijambo ry'Imana inyegamo ikurwaho, maze tukirebera, inyuma, hejuru, no mu mukino wose cyangwa isubiranyuma ry'ibyo intekerezo za muntu n'ububasha n'irari, , abakozi b'Uhorana imbabazi, bucece, bakorana kwihangana bagahuza n'inama z'ubushake Bwe bwite. *Education,* p. 173.

**b. Mu mugambi we wo gukoresha Kuro ngo abohore Abayuda muri Babuloni, ni ubuhe butabazi bw'umwuka bwari bwasezeranijwe n'Imana, kandi se byari kunyura muri nde ngo bugerweho? Yesaya 46:11-13.**

"Mu magambo n'ibikorwa Mesiya, mu gihe cy'umurimo we wa hano ku isi, wari uwo kugaragaza icyubahiro cy'Imana Data mu bantu. Buri gikorwa cy'imibereho ye, buri jambo ryavuzwe, buri gitangaza cyakozwe, byabaga bigamije kumenyesha umuntu waguye urukundo rw'Imana." – *Abahanuzi n'Abami*, p. 696.

## *Kuwa Gatanu* *17 Ugushyingo*

### 5. IBIGANZA BIFASHA BY'IMANA

**a. Ni ubuhe bunararibonye tugomba kugira kugirango habeho gukorana neza n'Imana mu murimo w'umugisha wo gukiza imitima? Zaburi 51:10-13; 2 Abakorinto 4:1-7. Kubera iki?**

---

"Buri mwigishwa nyakuri avuka mu bwami bw'Imana nk'umubwirizabutumwa. Unywa wese ku mazi abeshaho ahinduka isoko y'amazi y'ubugingo. Uwakiraga ahinduka utanga. Ubuntu bwa Kristo mu mutima bumera nk'isoko yo mu butayu, itemba ngo ifutse byose, ndetse itume abari bagiye kurimbuka bagira ubushake bwo kunywa ku mazi y'ubugingo." – *Uwifuzwa Ibihe Byose,* p. 195.

"Umuntu wese uhinduka umwana w'Imana agomba guhera ubwo yibonamo umurunga wamanuriwe gukiza isi, ujyana na Kristo mu mugambi we w'imbabazi gukiza icyazimiye." –Umurimo wo Gukiza, p. 105.

"Mbese waba ushima byimbitse igitambo cyatangiwe i Kaluvari ku buryo ushobora guhindura izindi nyungu zikaba iza kabiri ku murimo wo gukiza imitima? Uburemere bwaranze icyifuzo cy'Umukiza cyo gukiza abanyabyaha bwaranze imibereho ye bunaranga imibereho y'abamukurikiye by'ukuri. Umukristo ntabwo agira icyifuzo cyo kubaho kubwe wenyine. Anezezwa no kwegurira ibyo afite n'icyo ari cyo akabiha umurimo wa Shebuja. Asunikwa n'icyifuzo ntagereranywa cyo kugarura imitima kuri Kristo. Abadafite ibi bakagombye guhangayikishwa n'agakiza kabo. Nibasengere umwuka wo gukora. Ibihamya, vol. 7, p. 10.

"Umurimo wacu wasobanuwe na Data wo mu ijuru. Tugomba gufata Bibiliya zacu maze tukajya kuburira isi. Tugomba kuba ibiganza bifasha Imana mu gukiza imitima – imiyoboro igomba gutemberamo urukundo Rwayo buri munsi rugana ku barimbuka." - Ibid., vol. 9, p. 150.

## *Kuwa Gatandatu* *18 Ugushyingo*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

**1. Vuga uburyo runaka umurimo w'Imana wafashwa n'imikoranire myiza yacu.**

**2. Ni iki dukwiye kwibuka mu gihe duhuye n'ibigeragezo bikaze n'ibirushya?**

**3. Nituruhukira mu Mana ndetse tukanayiyegurira byuzuye ni iki tuzunguka?**

**4. Ni kuki ubuhanuzi ari ingenzi cyane mu gusobanura umurimo utuma habaho kwizera Imana?**

**5. Ni kuki umuhati w'ivugabutumwa ari ingingo itabeshya y'ibiganiro bizima?**

# Twahamagariwe Kuba Abahamya

**"Erega ibirenge by'uzanye inkuru nziza ni byiza ku misozi, akamamaza iby'amahoro akazana inkuru z'ibyiza, akamamaza ibyo agakiza akabwira i Siyoni ati "Imana yawe iri ku ngoma!" (Yesaya 52:7).**

"Kubwo kumenyesha abandi ubuntu duhabwa, tuzahindurwa abaragwa b'imigisha ikungahaye y'Imana." – *Urwibutso n'Integuza*, 25 Gashyantare, 1909.

**Igitabo Cyifashishijwe: Ibihamya, vol. 7, pp. 9-24.**

## *Kuwa Mbere* *20 Ugushyingo*

### 1. GUKANGURIRA URUKUNDO RWACU KU KURI

**a. Igihe tugeragereshejwe gupfusha ubusa igihe cyacu mu kwikunda cyangwa mu bitagira umumaro, ni iki dukwiye gutekereza? Yesaya 55:6, 7; Abaheburayo 3:12, 13.**

---

---

---

"Benedata na bashiki banjye, nimushake Uwiteka bigishoboka ko abonwa. Igihe kigiye kugera ubwo abapfushije ubusa igihe cyabo n'uburyo bazifuza kuba baramushatse." - Ibihamya, vol. 9, pp. 106, 107.

**b. Ni kuki ari ingenzi kwiga Ijambo ry'Imana ubu? Amosi 8:11, 12. Kwiga Bibiliya by'umwihariko bizatugiraho ngaruka ki? Yohana 8:31, 32; Yohana 17:17.**

---

---

"Abiga Bibiliya, bakagisha Imana inama, ndetse bakishingikiriza kuri Kristo, bagira ububasha bwo gukora ibintu mu bwenge buri gihe ndetse no mu mibereho yose. Amahame meza agaragarira mu mibereho yabo isanzwe. Nimureke ukuri kw'iki gihe kwakirwe ndetse guhinduke ishingiro ry'imico, kandi bizatera kubaho gushikamye ku mugambi, ibyo bikaba bitandukanye no kwishakira ibinezeza, guhindagurika kw'imico, gusuzugura by'abakunda iby'isi, ndetse n'ibyo umutima ukunda byo gusayisha byose nta mbaraga bigira. Umutimanama ugomba kubanza ukamurikirwa, ubushake bugomba gushyirwa mu kuyoboka. Urukundo rw'ukuri no gukiranuka bigomba gutegeka mu mutima, maze hakabona kubaho imico ishimwa n'ijuru." - Ibid., vol. 5, p. 43.

## 2. GUKANGURIRA URUKUNDO RWACU KUBWA KRISTO N'ABANDI

**a. Ni iki urukundo ruhata rw'Imana ruzatuyobora gukora? 2 Abakorinto 5:14, 15.**

---

---

"Iyo urukundo rw'Imana ruri mu mutima, nta kabuza rugaragarira mu bikorwa by'ubugwaneza ku bandi. Uwiteka aheshwa icyubahiro n'ibikorwa byacu by'imbabazi, no gukoresha ibitekerezo bishyize mu gaciro ku batagira kivurira n'abaheranywe n'agahinda. Abapfakazi n'impfubyi bakeneye ibirenze urukundo rwacu. Bakeneye impuhwe no kwitabwaho, amagambo y'impuhwe, n'ukuboko gufasha ko kubashyira aho badashobora ubwabo. Ibikorwa byose bikorewe abakeneye ubufasha biba bikorewe Kristo. Mu nshingano zacu zo kumenya uko twafasha abatagira kivurira, dukwiye kwiga uburyo Kristo yakoraga. Ntabwo yangaga gukorera abakoraga amakosa; amagambo ye y'imbabazi yakoreshwaga ku bantu b'inzego zose, abakiranuka n'abakiranirwa. Kuko kuri bose kimwe yabakijije indwara ndetse anabaha ibyigisho by'amabwiriza." – *Ibimenyetso by'Ibihe,* 14 Nyakanga, 1909.

**b. Mu gihe ibi bibuze, ni uwuhe muhamagaro wo kwihana dukeneye kwemera – kandi kubera iki? Ibyahishuwe 2:4, 5.**

---

"Mwenedata, mushiki wanjye, ni iki muri gukorera Kristo? Mbese mwaba mushaka uko mwabera abandi umugisha? Mbese iminwa yanyu yaba isohora amagambo y'ubugwaneza, impuhwe, n'urukundo? Mbese mwaba muriho mushyiraho umuhati ukomeye ngo mugarurire abandi Umukiza?

"Ni amayobera kuba nta bantu ijana bariho bakorera ahari gukora umwe. Isanzure ry'ijuru ritangajwe n'ubunebwe, gukonja, ubunenganenzi by'abavuga ko ari abakobwa n'abahungu b'Imana. Hashize imyaka myinshi uwo murimo udushyizwe imbere, ariko benshi bo bari bisinziririye." – *Urwibutso n'Integuza*, 7 Kanama, 1913.

**c. Ni gute gukora umurimo wacu wa mbere mu ivugabutumwa bishobora kunonosora iby'umwuka byacu mu itorero?**

---

"Buri gihe cyose habaye kuva mu muhati w'ivugabutumwa, buri gihe habayeho kunanirwa kwishishikariza umwuka w'ivugabutumwa, byagize ingaruka ku itorero, kandi hanabaheyo kugabanuka k'umwuka. Ariko buri muhati wakozwe mu murimo w'ivugabutumwa wazanye ubuzima bw'iby'umwuka mu itorero, kandi ntabwo wongereye abizera mu itorero gusa, ahubwo wanongereye umuhati waryo wera n'umunezero." – *Ibihamya ku Bagabura*, pp. 205, 206.

## 3. INGARUKA ZISHIMISHIJE

**a. Ni ayahe magambo atera umuhati atanga ishusho y'ibyishimo abumva ubutumwa bazabwira ababuzana? Yesaya 52:7.**

"[Imana] irashaka ko mushyiraho uburyo bwo kubonana n'abatari mu itorero, kugirango abantu bamenye ukuri kw'uyu muburo uheruka. Hariho aho muzakirwa neza, aho imitima izabashimira kuba mwaje kuyifasha. Uwiteka nabafashe gukora uyu murimo kurenza uko mwawukoraga mbere.

"Mureke dutangirire umurimo ku batarigeze bahabwa umucyo. . . . icyo dukeneye ni ukwizera kuzima, kwizera ko kuvugira ku mva ya Yosefu ko dufite Umukiza muzima, uzatujya imbere kandi agakorana natwe. Imana izakora umurimo, nituyiha ibikoresho. Muri twe hakeneye kubaho amasengesho menshi no kutagira kwizera guke. Dukeneye kuzamura amahame hejuru ndetse hejuru cyane y'abantu. Dukeneye kwibuka ko Kristo ahora iburyo bwacu igihe dutangariza abanyagano umudendezo ndetse tugaha imitima ishonje umutsima w'ubugingo. Igihe dushyize imbere y'intekerezo zacu kuba umurimo wacu wihutirwa, agakiza k'Imana kazagaragara mu buryo bugaragara.

"Mana dufashe kwambara ingabo ndetse tunakorane umwete, nk'aho imitima y'abagabo n'abagore ari ingenzi ngo ikizwe. Nimureke dushake guhinduka gushya." - *Ibihamya,* vol. 9, p. 107.

**b. Ni iki gishobora kubaho igihe duhuje amaboko yacu muri uyu murimo? Yesaya 52:8, 15.**

"Uwiteka ariho arahamagarira ubwoko bwe gufata impande zitandukanye z'umurimo w'ivugabutumwa. Abari mu nzira nyabagendwa no mu bihome bagomba kumva ubutumwa bukiza. Abizera b'itorero bagomba gukora umurimo w'ivugabutumwa mu mago y'inshuti zabo n'abaturanyi batigeze babona ibihamya byuzuye ku kuri." - *Reflecting Christ,* p. 202.

"Nitwigisha ukuri nk'uko kuri muri Yesu, tuzaba tukwigishije mu mwuka w'umwigisha nyakuri; kandi ntabwo tuzagira ibitekerezo binyuranye, ngo twitendeke ku bitekerezo byacu n'ubutagondwa, ahubwo tuzaba turebana amaso ku maso." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi [Ellen G White Comments],* vol. 7, p. 914.

## 4. KWUMVIRA UMUHAMAGARO W'IKANGURA

**a. Ni gute intumwa Pawulo arangurura umuhamagaro wa Yesaya ku murimo? Abaroma 10:13-15.**

"Imibereho ya [Kristo] yari iy'umurimo utagira kwikunda, kandi igomba kutubera igitabo cy'ibyigisho.

"Ibiremwa muntu nta mpamvu bifite zo gutekereza ko hariho ingabano z'ibikorwa byo gukiza imitima. Mbese Kristo yaba yaracogoye mu murimo we? Mbese yaba yaracogoye mu kwitanga yigeze yinubira imiruho? Abizera b'itorero bagomba gushyiraho umuhati udacogora kandi wihangana nk'uwo yashyizeho." – Urwibutso n'Integuza, 7 Kanama, 1913.

**b. Mbese twaba dukeneye itegeko rya leta cyangwa umwanzuro wa General Conference ngo dukanguke? Niba rero atari uko bimeze, ni kuki tutabikora? Abaroma 13:11-14; 1 Abatesaloniki 5:4-8.**

"Isi yose igomba kumurikirwa n'icyubahiro cy'ukuri kw'Imana. Uwiteka ntabwo azahagarika igihe cyateganijwe ubutumwa butaratangazwa mu buryo bwumvikana neza. Impanda igomba kugira ijwi itanga. Amategeko y'Imana agomba kumurikwa, ibyo asaba bikagaragazwa mu buryo nyakuri kandi bwera; kugirango abantu babashishwe gufata imyanzuro yemera ukuri cyangwa ikurwanya. . . .

"Mumaze igihe mwiteze ibintu bitunguranye bigomba kubaho mbere gato yo kugaruka kwa Kriso mu bicu byo mu ijuru afite ububasha n'icyubahiro gikomeye. Ubu nimubaze, mbese mwiteguye kuvuza impanda ifite ijwi ry'ukuri? Mbese mwaba muzi ko mufitanye isano n'Imana, kandi muba mu mucyo w'uruhanga rwayo? Ninde wiyumvamo umunsi ku wundi imikoranire myiza kubwo kubaha Kristo akoresheje gukora iby'umugambi we wo gucungura abantu? Uburyo bwiza bwo kugumisha umutima wawe mu rukundo rw'Imana ni uguhinduka umukozi ushishozi mu gakiza k'abandi. . . .

Ijuru ryose, niba nakoresha iyo mvugo, ritegerezanyije amatsiko kubona abantu bakorana neza n'abakozi bo mu ijuru mu murimo w'agakiza k'imitima. [Yesaya 52:7]. Ni nde uzahaguruka akarabagirana kubera ko umucyo umuziye, ndetse n'ubwiza bw'Uwiteka bumurasiye? Ni bande bihuje n'Uwiteka mu isezerano ryera ryo kuba imiyoboro inyurwamo n'umucyo n'ubuntu bigana ku isi yacu?" – *General Conference Daily Bulletin*, Mutarama 28, 1893.

## *Kuwa Gatanu* — *24 Ugushyingo*

### 5. KWATURA KUZIMA

**a. Ni ukuhe kwatura dukwiye gukora mu gihe igihe cy'imbabazi kikirhoi? Yesaya 45:23; Abaroma 14:11; 10:9, 10.**

---

"Witakaza igihe, atura Kristo nta gutindiganya. Umwuka Wera, Umuhumuriza, Umwuka w'ukuri niwo uhamya Kristo. Yesu yaravuze ati, 'Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka Wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya no kugeza kumpera y'isi" (Ibyakozwe 1:8). Kubabaza Umwuka Wera uzakugira umuhamya wa Kristo ni icyaha gikomeye. Ntabwo uzi igihe ushobora kubabariza Umwuka Wera ku nshuro ya nyuma. Ntabwo Umwuka Wera akora ku mutima w'umuntu kugirango atume wiyegurira Kristo, ngo aguhatire kwemeranya n'umutimanama: ahubwo [Umwuka Wera] amurika mu byumba by'intekerezo mu buryo bukwemeza icyaha, no kuguhanira gukiranuka. Niba utatuye Kristo ubu, igihe kizagera ubwo, uzakoresha imbaraga zawe nyinshi wibaza ibintu byinshi wahombye, uzicuza. Ariko se ni kuki utatura Kristo ubu mu gihe ijwi ry'imbabazi rikurarika?" – *Umwigisha w'Abasore*, 1 Kanama, 1895.

**b. Igihe twatuye Kristo nk'isoko yacu y'imbaraga no gukiranuka, ni iyihe ngaruka ibi bizagira mu muhati wacu w'ivugabutumwa? Yesaya 45:24, 25.**

---

"Mu buryo budasanzwe ukuri kurahindura kukerekeza umuntu mu bukene bw'umutima. Uko abana b'Imana basobanukirwa ububasha bw'Imana bwo kubaha ibyo bakeneye, nabo barasohoka bagasanga imitima irimo irimbukira mu byaha. Imana izemera buri wese uzakoresha kuyizera maze akaba ukora iby'ijambo Ryayo." – *Urwibutso n'Integuza*, 12 Kanama, 1909.

## *Kuwa Gatandatu* — *25 Ugushyingo*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

1. **Ni kuki ari ingenzi kuri twe kumenya ukuri icyaricyo?**
2. **Bigendekera bite umwuka wacu iyo tunaniwe gukora umurimo w'ivugabutumwa?**
3. **Mu gihe dushaka gusangiza abandi Kristo, ni nde dukwiye kubanzirizaho amaso yacu?**
4. **Ni uruhe rugero Kristo yatanze mu mibereho ya buri munsi – kandi twarukurikiza gute?**
5. **Ni gute kwatura Kristo kwanjye bwite gushobora kuba umuhamya w'ingirakamaro?**

*KU ISABATO, 3 UKUBOZA, 2016*

## Amaturo y'Isabato ya Mbere azagenerwa Icyiciro cy'Uburezi cya Union yo muri Amerika yo hagati




Twizera ko umurimo wacu w'ingenzi hano ku isi ari ukurema imico dukurikije uko ijuru riteye. Guhanga imico ni umurimo w'imibereho yose, kandi kwirema kwayo kugakomeza kubaho ibihe byose. Imico iremye igendeye ku miterere y'ijuru nicyo butunzi bwonyine dushobora kuvana kuri iyi si tukabujyana mu isi izaza. Ibi nibyo bigomba kuba intego ya buri Mukristo w'ukuri. Umurimo w'itorero mu iterambere y'imico yacu ni "ukwigisha, kwigisha, kwigisha."

Union yo muri Amerika yo hagati yafashe uburezi bw'abana bacu n'abasore bacu nk'intego yayo y'ingenzi. Mu buryo bubabaje ariko, benshi mu bana bacu badafite ubushobozi kugera aho amashuri yacu ari bari kurivamo batemba bagana mu isi. Kuba hariho kuba uku kuri kuzwi neza, benedata na bashiki bacu bari gushyiraho umuhati ukomeye kugirango babe bahanga amashuri abanza n'ayisumbuye maze bahe abana bacu n'abasore uburezi bwera, ari nabwo buhuje n'umugambi w'uburezi bwa Gikristo. Binyuze muri izi gahunda z'uburezi benshi barungutse ndetse benshi baza ku birenge bya Yesu muri ubu buryo.

"Kubw'amahirwe make ariko, aho dukura ntihahagije kugirango dukomeze uyu murimo ukomeye. Nyamara ariko, twishingikirije ku masezerano y'Umwami ko azatanga ibikenewe byose muri uyu murimo w'ingirakamaro twatangiranye ubushake bukomeye, tutibagirwa ko umurimo w'uburezi no gucungura ari bimwe.

Benedata bakundwa bashiki bacu, n'inshuti muri ku isi hose: mu izina ry'abizera ba Union yo muri Amerika yo hagati, turabasaba kugirango impano zanyu kuri aya maturo yo ku Isabato ya Mbere mutangane umutima ukunze maze, nanone, mube umugisha ku bana n'abasore bacu bo muri Amerika yo hagati. Turabasabye mutange mutitangiriye itama, kandi isengesho ryacu ni uko Imana yasubiza aho mukuye imigisha y'inkubwe ebyiri.

*Icyiciro cy'Uburezi cya Uniyo ya Amerika yo Hagati*

# Kujya Gushaka Imitima

**"Ku Isabato ikurikiraho, abo umudugudu hafi ya bose bateranira kumva ijambo ry'Imana" (Ibyakozwe 13:44).**

"Umwuka w'ubugwaneza, utuje, ugabana intsinzi, ushobora gukiza abakosa ndetse ugahisha ibyaha." – *Umurimo wo Gukiza*, p. 166.

**Igitabo Cyifashishijwe: Ibihamya, vol. 7, pp. 25-41; vol. 6, pp. 31-57.**

## *Kuwa Mbere* *27 Ugushyingo*

### 1. UBUTUMWA BWA NONE

**a. Ni uwuhe murimo w'uyu munsi wari warahanuwe n'ubuhanuzi bwa Yesaya 56? Imirongo 1, 2.**

"Umurimo w'ubugorozi bw'Isabato kuba ugomba gusohozwa mu minsi y'imperuka wahanuwe mu buhanuzi bwa Yesaya. [Yesaya 56:1, 2, 6, 7]." – *Intambara Ikomeye*, p. 451.

**b. Ni ubuhe buryo bwaba twakoresha bwatuma tuba abahamya beza mu mijyi minini? Luka 14:23.**

"Biri mu murimo wacu guha isi yose – amahanga yose, imiryango yose, indimi, n'abantu – ukuri gukiza k'ubutumwa bwa malayika wa gatatu. Ariko byakomeje kuba ikibazo gikomeye kumenya ukuntu twagera ku bantu bari mu mahuriro manini y'abatuye isi. Ntabwo twemerewe kwinjira mu matorero. Mu mijyi ibyumba bigari birahenda, kandi mu buryo bwinshi ni bacye gusa bemera kuza mu byumba byiza. Twavuzwe n'abadahuje natwe baturwanya. Impamvu zo kwizera kwacu ntabwo zisobanukiye n'abantu, ndetse twafashwe nk'abaka bakomeza mu bujiji Umunsi wa Karindwi mu cyimbo cy'Uwambere w'iminsi irindwi. Mu murimo wacu twagowe cyane no kumenya aho twamenera inkuta z'iby'isi n'urwango, ngo tuzanire abantu ubutumwa busobanuye byinshi kuri bo. Umwami yatubwiye ko amateraniro y'ingando ari igikoresho gikomeye mu gusohoza uyu murimo." - *Ibihamya, vol. 6,* pp. 31, 32.

## 2. KUGERA AHARENZE AHATUZENGURUTSE

**a. Ni iki Yesaya yeretswe ku bijyanye n'imitima y'igiciro cyinshi, yiringirwa iri hanze y'umukumbi wa Kristo? Yesaya 56:3-5. Ibi se byagaragaye bite mu kubwiriza kw'intumwa? Ibyakozwe 13:44.**

"Abayuda bari barageze ubwo bibona ko baruta abandi bantu bo ku isi kubw'uburenganzira bahabwaga n'ijuru; ariko ntabwo babaye maso ku bijyanye no kurinda imico yabo itandukanye n'iy'abandi kandi yera bakoresheje gukomeza amategeko yose y'Imana. Ubu noneho ariko uwo muhanuzi yavugaga ko umunyamahanga uzakunda ndetse akumvira Imana azishimira amahirwe yari agenewe gusa abatoranijwe. Kuva ubwo rero, gukebwa no gukomeza cyane amategeko y'imihango byari bibaye ibikorwa abanyamahanga bagombaga kwemererwa gukora ngo bemererwe kwinjira mu iteraniro ry'Abisiraeli; ariko iri tandukaniro ryagombaga guseswa hakurikijwe ubutumwa bwiza." – *Ibimenyetso by'Ibihe* 28, 1884.

**b. Ni ukuhe kwikunda gukunze guhengamirwaho n'abantu twe n'imiryango yacu tugomba kurwanya? Hagayi 1:4.**

"Ibyo werekezaho amaso, imihati, n'ibikubabaza biba ari iby'umuryango wawe n'abavandimwe. Ariko nta gitekerezo ufite cyo gusanga abakuzengurutse, ngo uneshe gutindiganya kwawe wirememo imbaraga irenze uruziga rwihariye. Ibyawe ubifata nk'ibigirwamana, maze ukikingiranira muri wowe ubwawe. Umutwaro wawe usanga ari 'Kugirango Umwami ankize nge n'abange'. Uyu mwuka ugomba kubanza ugapfa kugirango ubone uko ukurira muri Kristo maze ugatera imbere mu by'umwuka, mbere y'uko itorero rikura n'imitima ikaryongerwamo ndetse ikanakizwa." - *Ibihamya,* vol. 2, p. 77.

**c. Ni gute twakwirinda kugwa mu rwobo rwo kwirundaniriza hamwe? Luka 9:6.**

"Ni imijyi mito n'iminini ingana iki umuntu yavuga ko yirengagijwe. Abizera bacu bari kwikomeretsa kubwo kwirundaniriza ahantu hamwe. Iyo ibiti mu buhubiko birundanirije hamwe bibyigana, ntabwo bishobora gukura neza. Nimugemure ibiti mu buhubiko bwanyu bubyigana. Imana ntabwo iheshwa icyubahiro no kurundaniriza hamwe amahirwe menshi. Nimutange umwanya; nimushyire ibihingwa byanyu ahantu henshi, aho nta muntu azegama ngo ashyigikirwe n'undi. Nimubahe umwanya wo gukura. Iki nicyo Umwami abakeneyeho." - Ibid., vol. 8, p. 147.

## 3. IPFUNDO KU MIMERERE YACU N'IMICO

**a. Ni irihe sezerano ryiza cyane ryahawe abizera bashya? Yesaya 56:6, 7. Ni gute tugomba kugira uruhare mu gusangiza abandi ukuri?**

---

"Buri torero rifite ubukene bwo kuyoborwa n'imbaraga y'Umwuka Wera bwo kugenga ibintu, kandi iki nicyo gihe cyo kuzisengera. Ariko mu bikorwa byose by'Imana ku bantu yateguye ko umuntu agomba gukorana Nayo neza. Kugirango rero ibyo bibeho, Umwami ahamagarira amatorero yose kugira umuhamagaro uhanitse, kugira igitekerezo kirenzeho cyo kwiyumvamo inshingano, gusobanukirwa bihagije ibyo Umuremyi abasaba. Irabahamagarira kuba ubwoko buboneye, bwejejwe, kandi bukora. Kandi umurimo w'ubufasha bwa Gikristo ni ugamije ibi ko bibaho, kuko Umwuka Wera avugana n'abantu bakora umurimo w'Imana. . . .

"Nimushyireho umuhati uhozaho kandi uri ku murongo kugirango mukure abizera b'itorero ku rugero rupfuye bamazeho imyaka myinshi. Nimwohereze hanze mu matorero abakozi bazabaho bakurikiza amabwiriza y'ubugorozi bw'iby'umuze mucye. Nimureke hatumwe abashobora kubona ko kwiyanga ari ngombwa ku bijyanye n'ipfa, bitabaye ibyo bashobora kuba umutego ku itorero. Murebe ko umwuka w'ubugingo utazaza icyo gihe mu matorero yacu." - *Ibihamya, vol. 6,* pp. 266, 267.

**b. Ni ikihe cyago cy'Abafarisayo, kandi se ni gute dushobora kucyirinda? Matayo 23:1-3; 7:24-29. Ni gute imyitwarire yacu mu by'ubuzima igira ingaruka ku buhamya bwacu bwa Gikristo? Yesaya 56:10-12; 1 Abakorinto 9:26, 27.**

---

"Uwiteka ntabwo ashimishijwe n'imibereho yo gusubira inyuma k'ubwoko bwe ku bijyanye n'ubugorozi bw'iby'umuze mucye. Niba badahagurutse ngo bite cyane ku mucyo w'ubugorozi bw'iby'umuze mucye, bidatinze bazananirwa kubona akamaro k'ibindi bice by'ubutumwa." - *Spalding Magan Collection,* p. 418.

"Niba amatorero yiteze kubona imbaraga, bagomba kubaho bakurikiza ukuri Imana yabahaye. Niba abizera b'amatorero yacu birengagiza umucyo w'ubugorozi bw'iby'umuze mucye, bazasarura umusaruro nyakuri wo kugwingira mu by'umwuka no mu mpagarike. Kandi imbaraga y'aba bizera bamaze iminsi izasembura abandi bashya baje mu kwizera vuba. Uwiteka ubu ntabwo ari mu gukora ngo azane abizera benshi mu kuri, kubera abizera b'itorero batigeze bahinduka ndetse n'abigeze guhinduka ariko bakaba barasubiye inyuma. Ni iyihe mbaraga aba bizera batigeze bitanga bashobora kugira ku bashya? Mbese nta ngaruka bashobora kugira ku butumwa bwatanzwe n'Imana bukaba bugomba gutangwa n'ubwoko bwayo?" - *Ibihamya, vol. 6,* pp. 370, 371.

## 4. UBUGWANEZA KU BATERERANYWE

**a. Garagaza urukundo rwihariye Imana ifitiye abarukeneye kuruta abandi. Yesaya 56:8.**

"Buri muntu ukunda Imana n'ukuri azanakunda imitima Kristo yapfiriye. Niba twifuza gukorera imitima ibyiza, intsinzi yacu izaba ishingiye ku kwizera kwabo, kwizera kwacu mu kubishimira ndetse no gushima kwabo. Icyubahiro cyagaragarijwe umutima w'umuntu uhatana ni igisobanuro cyizewe ku bijyanye n'ukuntu Kristo ariwe nyiri ugusana ko kwiyubaha umuntu yatakaje. Kwaguka kw'ibitekerezo byacu kucyo ashobora kuba ni ubufasha twe ubwacu tudashobora gusobanukirwa byuzuye. Dukeneye ubuntu bukungahaye bw'Imana buri saha, bityo tukagira ubunararibonye bufatika, kuko Imana ari urukundo. Utura mu rukundo aba atuye mu Mana. Nimuhe urukundo abarukeneye kuruta abandi. Abatagira kivurira, abafite umutima ubabaye kuruta abandi bakeneye urukundo rwacu, ubugwaneza bwacu, impuhwe zacu. Abagerageza kwihangana kwacu nabo bakeneye urukundo rwinshi. Tunyura mu isi rimwe gusa; ikintu cyiza cyose dushobora gukora, dukwiye kugikora neza cyane, tutananirwa, mu mwuka nk'uvugwa mu mibereho ya Kristo mu murimo We. Ntabwo azananirwa cyangwa ngo acike intege. Abanyamushiha, inkubaganyi, abanyamahane nibo bakeneye ubufasha kuruta abandi. None se bashobora gufashwa gute? Hakoreshejwe rwa rukundo rw'ibikorwa rubakoreshejweho nk'uko byagaragajwe na Yesu uko yakoreraga umuntu waguye. Bafate, nk'uko ubishoboye, uko bari. None se byari kugenda bite iyo Kristo adufata atyo? We, utari ubikwiye, niwe wafashwe uko twari dukwiye. Kandi turacyakomeza gufatwa na Kristo mu buntu n'urukundo kandi tutabikwiye, ahubwo ari we wari ubikwiye. Jya ufata abantu runaka mu buryo bukungahaye wumva bakabaye bagomba, maze uzaba ubaciriye umurunga wa nyuma wo kutagira ibyiringiro, niwangiza imbaraga yawe uzaba urimbuye ubugingo bwawe. Ibyo se bizaguhemba? Oya, ndavuze nti oya, oya inshuro ijana. Hambiriza iyi mitima urukundo birashoboka ko uyigeza hafi y'umutima ukunda, ugira impuhwe kandi ubabarira, utembamo urukundo nk'urwa Kristo, maze uzabe ukijije imitima myinshi urupfu kandi utwikiriye ibyaha byinshi." - *Fundamentals of Christian Education*, pp. 281, 282.

**b. Ni gute twakorera abirengagijwe muri twe? Yakobo 5:19, 20.**

"Hariho benshi bakosa kandi bakumva bamwajwe n'ubwo bupfapfa. Bakitegereza amakosa yabo kugeza igihe bumva bagejejwe hafi yo kwiheba. Iyi mitima si iyo kwirengagizwa. Igihe umuntu agomba koga ahanganye n'umugezi, haba harimo imbaraga no gutemba bimusubiza inyuma. Nimureke rero habeho ukuboko kumufasha nk'uko byagenze ku kuboko kwa Mukuru wacu afasha Petero wariho arohama. Nimumubwire amagambo y'ibyiringiro." - *In Heavenly Places*, p. 295.

## *Kuwa Gatanu* — **1 Ukuboza**

### 5. GUKURIKIZA URUGERO RWA DATABUJA

**a. Ni gute umurimo wa Kristo ku mitima yarwajwe n'ibyaha wagaragajwe kandi ukiganwa n'abamukurikiye? Yesaya 61:1-3.**

---

"Umurimo wa Kristo wari uwo gukiza abarwayi, gutera abihebye umwete, guhumuriza abafite imitima imenetse. Uyu murimo wo gusana rero ugomba gukomezwa mu bafite ubukene, abafite umubabaro mu bantu. Imana ntabwo ibasaba ibikorwa by'impuhwe gusa, ahubwo inabasaba uruhanga rwanyu rutuje, amagambo yanyu y'ibyiringiro, gukorwaho n'ikiganza cyanyu. Nimutabare bamwe mu baruhijwe b'Imana. Bamwe bararwaye, ndetse n'ibyiringiro byarazimiye. Nimubagarurire imirasire y'izuba. Hariho imitima yatakaje umuhati wayo; nimuyiganirize, muyisengere. Hariho abakeneye umutsima w'ubugingo. Nimubasomere mu Ijambo ry'Imana. Hariho uburwayi bw'umutima butagira umuti ubugeraho, butagira umuti ubukiza. Ubwo nimubusengere, nimubushyikirize Yesu Kristo. Kandi mu murimo wanyu wose, Kristo ajye avugwa kugirango abantu bamwiteho." - *A Call to Medical Evangelism and Health Education*, p. 23.

"Ntidukeneye kujya i Nazareti, i Kaperinawumu, cyangwa i Betaniya, kugirango tugere ikirenge mu cya Yesu. Tuzasanga intambwe ze iruhande rw'uburiri rw'abarwayi, mu tururi tw'abakene, mu nzira z'ibivunge zo mu mijyi minini, ndetse n'ahantu hose hari imitima y'abantu ikeneye ihumure.

"Tugomba kugaburira abashonje, tukambika abambaye ubusa, ndetse tugahumuriza abafite imibabaro n'ingorane. Tugomba gukorera abihebye, no gushyira ibyiringiro mu batabifite

"Urukundo rwa Kristo, rugaragarijwe mu murimo wo kutikunda, rugira umumaro cyane mu kugorora umugizi wa nabi kuruta inkota cyangwa urukiko rw'ubutabera. Ibi birakenewe mu gutera ubwoba ku uwica amategeko, ariko umubwirizabutumwa wuje urukundo ashobora gukora ibirenze ibyo. Kenshi umutima winangira ku gucyahwa ukunda kuyenga imbere y'urukundo rwa Kristo." – *Umurimo w'Ubuvuzi,* pp. 105, 106.

## *Kuwa Gatandatu* — **2 Ukuboza**

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

1. **Ni iyihe ntego nyamukuru amateraniro y'ingando yahangiwe, kandi kubera iki?**
2. **Ni kuki dukwiye kugaragariza urukundo imitima mishya itagira imiryango mu kwizera?**
3. **Ni iki imyitwarire yacu ku bijyanye n'iby'umuze mucye ihuriyeho n'intsinzi yacu mu murimo?**
4. **Bigenda bite iyo dufashe abantu nk'uko bakagombye gufatwa? Ni gute Kristo we adufata?**
5. **Ni he ushobora kubonera amahirwe yo gukora by'umwihariko nk'uko Kristo yabigenza?**

# Ababwirizabutumwa Bihangana

**"Yemwe abafite inyota, nimuze ku mazi kandi n'udafite ifeza nawe naze, nimuze mugure murye, nimuze mugure vino n'amata mudatanze ifeza cyangwa ibindi biguzi" (Yesaya 55:1).**

"Bidatinze hagiye kubaho akaga ku isi hose. Bizahinduka ko buri wese ashaka kumenya Imana. Nta gihe dufite cyo gutindiganya. Ubutumwa bugomba gutanganwa umwete n'ishyaka: [Yesaya 55:1,]." - *Ibihamya, vol. 9,* p.228.

**Igitabo Cyifashishijwe: Ibihamya, vol. 5, pp. 385-389;**

**Ibid., vol. 6, pp. 14-29.**

## *Kuwa Mbere* *4 Ukuboza*

### 1. KWIHANGANA HAGATI MU BIRUSHYA

**a. Ni ubuhe butumwa tugomba guha buri wese uyu munsi, hatitaweho ibihe biruhije dushobora guhura nabyo? Yesaya 55:1, 2. Kubera iki Imana yemerera ibigeragezo kugera ku itorero ryayo?**

---

---

---

"Mu bihe byose by'itorero intumwa z'Imana zashyizweho zagiye zihura no gutukwa n'akarengane kubera ukuri, ariko aho ubwoko bw'Imana bwahatirwa kujya hose, kabone nubwo, kimwe n'intumwa zikundwa, bacirirwa ku birwa by'ubutayu, Kristo azamenya aho bari kandi abakomeze, abuzuze amahoro n'umunezero. . . . .

"Urukundo rw'Imana ku itorero ryayo ntirugira akagero. Urukundo rwayo ku murage wayo ntirucogora. Ntabwo ituma amakuba agera ku itorero kereka iyo ari ngombwa kugirango ribone gutunganywa kubw'inyungu zaryo za none n'izizaza. Azaboneza itorero rye kimwe nk'uko yejeje urusengero mu itangira ndetse n'iherezo ry'umurimo we hano ku isi. Ibyo azana mu itorero byose mu isuzuma n'ibigeragezo abizanira kugirango ubwoko Bwe bubashe kubona umuhamagaro wimbitse n'imbaraga zihagije zo gutwara intsinzi y'umusaraba mu mpande zose zo ku isi. Afitiye abantu bose umurimo wo gukora. Hagomba guhoraho kwaguka n'iterambere. Umurimo ugomba kwaguka ukava mu mujyi ugana mu wundi, uva mu gihugu ujya mu kindi , ndetse no mu ishyanga ujya mu rindi, ugahora ugenda ujya mbere unashyirwa hejuru, ushimangiwe, ukomejwe, ndetse utunganyijwe." - *Ibihamya, vol. 9, pp.* 227, 228.

## 2. HAGURUKA, URABAGIRANE

**a. Ni uwuhe mucyo ugomba kumurika mu mutima w'abumva ubutumwa bwiza bose? 2 Abakorinto 4:6. Uyu mucyo uzamurika kuri bande kandi binyuze muri bande, uyu munsi? Yesaya 9:2; Abafilipi 2:15.**

---

"Kristo yaje mu isi yacu kugirango agaragaze Data hagati mu mwijima w'icuraburindi ry'amafuti n'imyizerere ipfuye byariho icyo gihe. Abigishwa ba Kristo nabo bagomba kumugaragaza mu mibereho yabo ya buri munsi, maze bityo umucyo nyakuri wo mu ijuru ukamurika mu mirasire isobanutse kandi ishikamye ku isi; bityo imico ikaba igaragajwe itandukanye n'iboneka mu bantu badahindura ijambo ry'Imana umuyobozi wabo n'umurongo ngenderwaho. Kumenya Imana bigomba kubungabungwa hagati mu mwijima utwikiriye isi ndetse n'umwijima w'icuraburindi ugose abantu. Imyaka myinshi imico ya Kristo yakomeje kugaragazwa nabi n'abavuga ko bamwizera ndetse bakanizera n'ijambo ry'Imana." – Ibihamya ku Bagabura, . 152.

**b. Ni gute umucyo wo kumenya Kristo ugera kure kandi icyubahiro cye kikaguka? Yesaya 49:6.**

---

---

**c. Ni gute icyubahiro cy'Imana kizagaragazwa muri iyi minsi y'imperuka? Yesaya 60:1, 2; Matayo 5:16.**

---

"Umwijima wo kumenya Imana nabi niwo utwikiriye isi. Abantu bariho baratakaza ubumenyi bw'imico yayo bafite. Yakomeje kumvwa nabi no gusobanurwa nabi. Iki nicyo gihe ubutumwa buvuye ku Mana bugomba gutangazwa, ubutumwa bufitemo imbaraga zimurika no gukiza mu bubasha bwabwo. Imico yayo igomba kumenyekanishwa. Mu mwijima w'iyi si hagomba kumenwamo umucyo w'icyubahiro cyayo, umucyo w'ubugiraneza bwayo, imbabazi n'ukuri." – *Imigani ya Kristo,* p. 415.

"Abizera b'abakorerabushake b'amatorero yacu bashobora gusohoza umurimo bashobora kuba bataratangira neza. . . . Ahari urwinjiriro rwo kubona inzira neza, nihagire imiryango ishikamye neza mu kuri ihinjira, umuryango umwe cyangwa ibiri ahantu hamwe, maze ikore nk'ababwirizabutumwa. . . . Bashobora gukwirakwiza ibitabo byacu, bagakora amateraniro mu ngo zabo, bakagirana ubumwe n'abaturanyi babo, ndetse bakabararikira kuza muri ayo materaniro. Bityo bakaba bashoboye gutuma umucyo wabo umurika kubw'imirimo myiza." - *Ibihamya, vol. 8,* p. 245.

### 3. KUZUZA ISI UBWIZA

**a. Ni gute Imana itanga inshingano za nyuma zikomeye z'umurimo w'ivugabutumwa ryihuta? Ibyahishuwe 18:1-4. Ni kuki uyu murimo utakorwa n'intumwa umuntu yitoreye?**

---

---

"Imana yagiye yohereza ubutumwa bukurikirana bwo gukangura abantu bacu ngo bagire icyo bakora, kandi bagikore nonaha. Ariko guhamagara ngo, 'Ni nde ntuma?' hitabye bake ngo, 'Ndi hano ntuma' (Yesaya 6:8)." - *Ibihamya, vol. 9*, p.46.

"Benshi mu bavuga ko ari abanyedini ntacyo bakorera Kristo mu muhati wabo wihariye. Bashimishwa no gukoresha abandi umurimo ugenewe gukorwa nabo ubwabo, maze, mu gutuma habaho umwuka w'ubunebwe mu bakozi, bo bakiyumvira ko bari gukora ikintu cyiza bakoresheje abo bitoreye. Abantu nk'abo ntabwo bafite kwa kwizera gukorera mu rukundo, maze kukeza umutima. Ntabwo bafite idini ritunganye ryinjira mu mirimo yabo ya buri munsi maze rigashyira buri gikorwa cy'imibereho yabo ku murongo. Kwizera kuzima muri Kristo kugaragarira mu bikorwa byiza mu miryango yacu n'aho dutuye, mu gutekereza neza ku bakene hashyizwe mu gaciro, mu guhora twirinze isi, ndetse no gukoresha ubushobozi bwacu n'ibyo dutunze mu guteza imbere umurimo w'Imana. Ibi ntibigomba gukoranwa kwijujuta cyangwa kwitotomba, ahubwo mu mutuzo no mu bwisanzure nk'uko Kristo yatanze byose kubwacu." – *Ibimenyetso by'Ibihe*, 22 Kanama, 1878.

**b. Ni izihe zimwe mu nzira dushobora kubamo abakozi bakorana n'Imana muri uyu murimo? 1 Abakorinto 3:9, 10.**

---

---

"Ntihigeze kubaho ubukene bukomeye bw'umurimo wo kwitanga kandi ukomeje nk'ubungubu, igihe amasaha y'imbabazi ariho yihutira iherezo. . . . Benedata na bashiki bacu, mbese muzitaba ijwi ry'i [Makedoniya]? ritabaza muvuga muti: 'Tuzakora uko dushoboye, byombi harimo kuboherereza ababwirizabutumwa n'amafaranga. Tuziyanga ubwacu ku bijyanye no kurimbisha amazu yacu, ndetse no kwirimbisha ku mibiri, ndetse kugabanya cyane iby'ipfa. Tuzatanga ubushobozi twahawe mu murimo w'Imana, kandi natwe tuzitanga tutizigamye muri uyu murimo.' ...

"Bityo bashobora gutanga umusanzu w'amafaranga yo kohereza inyandiko n'ibitabo ku badafite umucyo w'ukuri: bashobora gufasha kwishyurira ibikoreshwa n'abanyeshuri bakwiye umurimo w'ibwirizabutumwa. Nimureke buri faranga mushobora kubika ribikwe muri banki yo mu ijuru." - *Ibihamya, vol. 5,* pp. 732, 733.

## 4. KUMURIKIRA ABANTU

**a. Ni ubuhe butumire bwizewe bw'imbabazi duhamagarirwa guha amahanga yose, kandi se ni gute tugomba kubutanga? Yesaya 55:3-5.**

---

"Ndasaba ubwoko bw'Uwiteka kureka kunegurana ubwabo, no kwitangira ubwabo gutangaza ukuri kw'iki gihe. . . . . Ubu dukeneye kunama imbere y'Imana mu kwicisha bugufi k'umutima; kuko umunsi w'umwijima n'ibicu bibuditse urihutira kugera.

"Intambara ikomeye ya nyuma ituri imbere; ariko ubufasha nabwo bugomba kuzira abakunda Imana kandi bakumvira amategeko yayo, kandi n'isi, isi yose, igomba kumurikirwa n'ubwiza bw'Imana." – *Urwibutso n'Integuza*, 19 Mata, 1906.

"Uyu murimo wahawe abantu bose batumye Kristo abambwa hagati muri bo. Ariko umubatizo w'Umwuka Wera, ubwoko bw'Imana bugomba kuwukora, banyuze mu mikorere ya Shebuja, umurimo Kristo yakoze. Bagomba guhagararira ibikorwa by'urukundo rw'Imana ku isi yacu. Abafatanije akamero k'ijuru, ntabwo bagomba gukiza imitima yabo gusa, binyuze mu kwizera Yesu; ariko Kristo abavugaho ati, 'Muri abakozi bakorana n'Imana. Nk'abahamya be, buri wese yamuhaye umurimo we. Nk'abamuhagarariye, bagomba guha isi ubutumwa bw'ubutumire bw'imbabazi.

"Kristo ategeka abigishwa be kuzamura Umucunguzi w'isi. Bagomba kugira igitekerezo cy'inshingano zabo kugirango babashe kwegurira ubushobozi bwabo umurimo wo gukiza imitima mu butumwa bw'uwatanze igitambo cyuzuye cyo kumurikira no gukiza isi." - Ibid., 22 Werurwe, 1898.

**b. Ni iki gikwiye kwibukwa n'abashaka gufatanya n'abandi umucyo w'ukuri dusohoyemo uvuye ku Mana n'Ijambo Ryayo mu buryo butaziguye? Yesaya 55:9-11.**

---

"Gahunda yo gutunga Bibiliya yari igitekerezo cyakomotse mu ijuru. Hariho benshi, abagabo n'abagore, bashobora kujya muri uyu murimo w'ivugabutumwa. Abakozi bashobora guhangwa gutyo kandi bakaba abantu b'Imana bakomeye. Muri ubu buryo Ijambo ry'Imana ryagejejwe ku bantu ibihumbi; kandi abakozi bagezwa ku bantu b'amahanga yose n'indimi zose. Bibiliya izanwa mu miryango, ndetse n'ukuri kwayo kwera kugera ku mutimanama. Abantu bagirwa inama yo gusoma, gusuzuma, no kwirebera ubwabo, maze bakaba bafashe inshingano yo kwakira cyangwa kwanga umucyo uvuye mu ijuru. Imana ntabwo izemera ko uyu murimo w'igiciro wayo ugenda udahawe ingororano. Izambika ikamba ry'intsinzi buri muhati wose ukozwe mu Izina Ryayo." - *Christian Service*, p. 141.

## *Kuwa Gatanu* — *8 Ukuboza*

**5. UMURONGO NGENDERWAHO W'IJURU USHYIZWE HEJURU**

**a. Igihe umwanzi atugwijeho ibigeragezo byo kureka umuhati wacu wo kugera ku mitima, Imana izadukorera iki? Yesaya 59:19.**

---

**b. Ni iyihe myitwarire y'intekerezo izadufasha gukomeza guhatana mu gihe cy'imibereho y'ibirushya? Yesaya 50:7.**

---

"Mu busore bwanjye nishyizemo ko, igihe nzemera kugengwa n'imiterere runaka, imibereho yanjye izaba ibaye ukuneshwa; nakoze icyo nabonaga cyose ko ari inshingano yanjye, kabone n'ubwo ibyari binzengurutse byandwanyaga. Data yakundaga kenshi kuvuga ati, 'Ellen, biramutse ari inshingano yawe kujya gushaka ahantu, byaba bigaragara cyane ko nta mpamvu yo gushidikanya kuri icyo kibazo. Urebye ku busore bwawe n'intege nke, Uwiteka azaguha ibihamya bigaragara ku nshingano yawe; kandi azaguha imbaraga zo kuzikora nta ngorane.' Ariko, nanjye akaba riko mvuga, 'Data, mugihe ibirushya bibonetse, ngomba gusaba ububasha burenzeho bwo guhangana nabyo, kandi mu kubigenza gutyo nzabona ubunararibonye bw'agaciro ntagereranywa, bwa bundi buzamfasha gukoresha ubushobozi nashinzwe.'

"Dore rero umurimo buriwese muri twe akwiye gukora. Ntabwo nigeze ngira igitekerezo cy'agaciro k'umutima mbere y'ubu. Ni gute dushobora gusobanukirwa agaciro k'umurimo w'agakiza? Ugereranije agaciro k'umutima, ibindi bintu byose birigitira mu kuba imburamumaro. Iyi si n'ubutunzi bwayo, iyi mibereho n'umunezero wayo, byose bigira ingaruka nto cyane, iyo tubigereranije n'umunezero w'umutima byibura umwe ukijijwe by'iteka. Kugeza dusobanukiwe ibyo uwo mutima uzishimira igihe ukijijwe ukajya mu bwami bw'icyubahiro; kugeza dusobanukiwe agaciro k'iyo mibereho igerwa ku mibereho y'Imana; kugeza dushoboye gusobanukirwa byuzuye ubukire bw'ingororano zibikiwe abanesha ndetse n'abazabona intsinzi – ntidushobora kumenya agaciro ntagereranywa k'umutima." – *Urwibutso n'Integuza,* 25 Werurwe, 1880.

## *Kuwa Gatandatu* — *9 Ukuboza*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

1. **Ni gute dushobora kwibungabunga mu murimo wacu w'ibwirizabutumwa uyu munsi?**
2. **Ni gute abizera basanzwe bashobora gukora umurimo mugari mu gukwirakwiza ukuri?**
3. **Ni gute dushobora guha agaciro umuhamagaro w'i Makedoniya?**
4. **Ni gute idini nzima ikora mu mibereho?**
5. **Ni ryari isi n'ubutunzi bwayo bizatakaza agaciro kuri twe?**

# Kunesha Guheranije

**"Kandi intumwa zagiraga imbaraga nyinshi zo guhamya kuzuka k'Umwami Yesu, nuko rero ubuntu bw'Imana bwinshi bukaba kuri bo bose'' (Ibyakozwe 4:33).**

"Kuri iyi saha Umwuka [w'Imana] n'Ubuntu Bwayo Bigenewe ababikeneye bose ndetse bazayigaragaza nk'uko ijambo ryayo rivuga." *- Ibihamya, vol. 8,* p. 20.

**Igitabo Cyifashishijwe: Ibyakozwe n'Intumwa, pp. 47-56;**

**Imigani ya Kristo, pp. 415-421.**

## *Kuwa Mbere* *11 Ukuboza*

### 1. GUTANGA UBUHAMYA MU MBARAGA

**a. Garagaza ubunararibonye bw'itorero rya mbere nyuma yo gusukirwa Umwuka Wera ku munsi wa Pantekote. Ibyakozwe 2:16, 17; 4:33.**

---

"[Mu gihe cy'intumwa za mbere], abantu amagana batangazaga ubutumwa ngo: ''Ubwami bw'Imana buri hafi.' Ntabwo bashoboraga gukangwa cyangwa gutinyishwa n'ibikangisho. Umwami yabavugiragamo; kandi, aho bajyaga hose, abarwayi barakiraga, ndetse n'abakene babwirizwaga ubutumwa bwiza.

"Ni gutyo Imana ikora rero iyo abantu bemeye kugengwa n'Umwuka Wera.'' - Ibihamya, vol. 8, p. 20.

**b. Ni ubuhe buhanuzi buzasohora mu buryo bwuzuye muri iyi minsi y'imperuka? Yesaya 60:3-5.**

---

"Iyo ubwoko bw'Imana bwitandukanije n'ibibi ku buryo ishobora kureka umucyo ukaba kuri bwo mu rugero rukungahaye, maze ukamurika ubuvaho ugana mu isi, icyo gihe ubuhanuzi bwa Yesaya buzaba busohoye byuzuye kurenza uko byagenze mu gihe cyahise, [Yesaya 60 :3-5].'' *- In Heavenly Places*, p. 313.

"Abakristo nibareke amakimbirane yabo maze biyegurire Imana mu gukiza icyazimiye. Nibasabane kwizera imigisha yasezeranijwe, kandi izaza. Gusukwa k'Umwuka mu gihe cy'intumwa kwari ''imvura y'umuhindo,'' kandi kwagize ingaruka nziza cyane. Ariko imvura y'itumba yo izaba ari nyinshi cyane.'' *- Ibihamya, vol. 8,* p. 21.

## 2. IGIHE CYO GUHEMBURWA

**a. Ni irihe sezerano ridakuka ry'ikangura no guhemburwa Hoseya atanga mu ishusho y'imvura y'itumba? Hoseya 6:1-3.**

---

**b. Ni iki gisabwa kugirango haboneke kwakira "ibihe byo guhemburwa" byasezeranijwe – isukwa ryuzuye ry'imbaraga z'imvura y'itumba? Ibyakozwe 3:19-21.**

---

"Umurimo ukomeye wo kwamamaza ubutumwa bwiza uzarangizwanywa imbaraga zikomeye z'Imana zitari munsi y'izawutangiye. Ubuhanuzi bwasohojwe mu isukwa ry'imvura y'umuhindo mu itangira ry'umurimo w'ubutumwa bwiza buzongera gusohora ku iherezo ryabwo mu gihe cyo gusukwa kw'imvura y'itumba. Ibi nibyo bihe byo guhemburwa, intumwa Petero yerekezagaho. . . [Ibyakozwe 3:19, 20]." – *Intambara Ikomeye*, pp. 611, 612.

"Abahabwa ikimenyetso cy'Imana nzima kandi bakarindwa mu bihe by'akaga bagomba kugaragaza ishusho ya Yesu byuzuye.

"Nabonye ko benshi batita cyane ku myiteguro ikenewe cyane kandi ugasanga kenshi banavuga ko bategereje igihe cyo 'guhemburwa' hamwe n'imvura y'itumba ngo bibafashe guhagarara neza ku munsi w'Umwami ngo babe imbere ye. Mbega ukuntu benshi nababonye bari mu kaga batagira ubwugamo! Bari barirengagije imyiteguro ikenewe; bityo ntibababa bakibonye ibihe byo guhemburwa abantu bose bagomba kubona kugirango babashe guhagarara imbere y'Imana yera." – *Inyandiko za Kera*, p. 71.

**c. Kugirango tubone imbaraga z'Umwuka Wera zitagira akagero, ni uwuhe murimo ugomba kudukorerwa kandi ukozwe natwe? Yesaya 43:25; 44:22.**

---

"Dushobora kwiyitirira ubwishingizi bw'umugisha bugira buti, 'Neyuye ibicumuro byawe nk'igicu cya rukokoma' (Yesaya 44:22). 'Ibyaha byawe byinshi urabibabariwe' (Luka 7:47).Mbega ukuntu ihembura ari iry'igiciro cyinshi ni umucyo w'urukundo rw'Imana! Umunyabyaha ashobora kureba ku mibereho ye yuzuye ibyaha, maze akavuga ati, 'Ninde uzaziciraho iteka? Ni Kristo kandi ariwe wazipfiriye.' 'nyamara aho ibyaha byagwiriye niho n'ubuntu, bwarushijeho gusaga' (Abaroma 8:34; 5:20). Kristo we Umusannyi niwe utera irindi hame ry'ubuzima mu mutima, kandi iryo hame rirakura maze rikera imbuto. Ubuntu bwa Kristo buraboneza ndetse bukanababarira, maze bugatunganiriza abantu kuba mu ijuru. Tugomba gukurira mu kumenya Umwami wacu Yesu Kristo kugeza tugeze ku rugero rwuzuye rw'abagabo n'abagore bo muri Kristo." – *Urwibutso n'Integuza,* 14 Nyakanga, 1891.

## 3. UMWAMBARO W'AGAKIZA

**a. Mu gihe dushobora kwiyumvamo ko tudashyitse, ni ubuhe bwishingizi dushobora kugira ko Kristo azatwemera nitumusanga mu kwihana? Yesaya 61:10.**

---

"Ntimugatege amatwi inama z'umwanzi zo kuguma kure ya Kristo kugeza mumaze guhinduka neza; kugeza mubaye beza bihagije byo gusanga Imana. Nimutegereza kugeza icyo gihe, ntabwo muzigera mu musanga. Iyo Satani atunga agatoki imyambaro yanyu y'ubushwambagara, mujye musubiramo amasezerano ya Yesu, 'Kandi uza aho ndi sinzamwirukana na hato' (Yohana 6:37). . . . .

"Mu buhanuzi bwiza cyane busa n'umugani bwa Zekariya, umutambyi mukuru Yosuwa ahagaze imbere ya malayika w'Uwiteka yambaye ubushwambagara, ibyo bishushanya umunyabyaha. Kandi ijambo rivugwa n'Uwiteka ngo, 'Nimumwambure iyo myenda y'ibizinga. Kandi nawe iramubwira iti , 'Ngukuyeho gukiranirwa kwawe kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane… Nuko bamwambika igitambaro cyiza mu mutwe, bamwambika n'imyenda (Zekariya 3:4, 5).

Nuko bimeze Imana izakwambika 'imyambaro y'agakiza', kandi igufubike 'umwitero wo gukiranuka' (Yesaya 61:10)." – *Imigani ya Kristo,* pp. 205, 206.

**b. Ni iki kigiye kubaho vuba mu mbaraga z'imvura y'itumba y'Umwuka Wera? Yesaya 61:11; Yoweli 2:23, 28-31.**

---

"Ntabwo tugomba gutegereza imvura y'itumba. Izasukirwa abazasobanukirwa kandi bagatunganya ikime cy'ubuntu kigwa kuri twe. Igihe twegeranya uduce tw'umucyo, igihe twishimira imbabazi nyakuri z'Imana, yishimira gutuma tuyiringira, icyo gihe nibwo amasezerano yose asohozwa. [Yesaya 61:11]. . . .

"Igihe cy'isuzumwa kiratwegereye cyane, kuko ijwi rirenga rya malayika wa gatatu ryatangiriye mu igaragazwa rya Kristo gukiranuka kwacu, Umucunguzi ubabarira ibyaha. Iri ni itangiriro ry'umucyo wa malayika ufite ubwiza buzuzura isi yose." – *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi [Ellen G White Comments]*, vol. 7, p. 984.

"Hariho umurimo ugomba gukorwa ku bwoko bw'Imana, bitaba bityo benshi ntibategurirwe kwakir'umucyo wa malayika watumwe avuye mu ijuru ngo amurikishirize isi yose umucyo w'icyubahiro cye. Ntimutekereze ko muzasangwa nk'ibikoresho by'igiciro mu gihe cy'imvura y'itumba, kugirango muhabwe icyubahiro cy'Imana, niba muzamura imitima yanyu mu bwibone, mukavuga ibigoramye, maze mu ibanga mukihingamo imizi yo gusharira." - *Manuscript Releases*, vol. 1, p. 175.

## 4. KWITEGURA IMVURA

**a. Ni gute tugomba gutegurira imitima yacu kugira uruhare mu mvura y'itumba? Yoweli 2:12-14; Hoseya 10:12.**

"Imana ikomeza kuyobora ubwoko bwayo, intambwe ku ntambwe. Ibujyana ku ngingo zitandukanye zateguriwe kugaragaza ibiri mu mutima. Bamwe bashikama ku ngingo imwe maze ku yindi bakagwa. . . . bamwe bafite ubushake bwo kwakira ingingo imwe; ariko igihe Imana ibajyanye ku yindi ngingo y'igerageza, bayivamo maze bakihagararira ku ruhande, kuko basanga ikubita bitaziguye ku kigirwamana runaka baba barihinzemo. Aha rero baba babonye amahirwe yo kumenya ibiri mu mutima wabo bikingiranira Kristo hanze. Baha agaciro ikindi kintu bakakirutisha ukuri, ndetse imitima yabo ntabwo iba yiteguye kwakira Yesu. Abantu benshi barasuzumwa maze bagahabwa igihe kirekire ngo bagaragaze niba biteguye gutamba ibigirwamana byabo maze bakumvira inama z'ubuhamya bw'ukuri. Niba hatagize n'umwe ubonezwa kubwo kumvira ukuri, ngo ananeshe inarijye ye, ubwibone bwe, n'irari ribi, malayika w'Imana afite inshingano ngo, 'Bihuje n'ibigirwamana byabo, bihorere uko bari, kandi bakomeze imirimo yabo, aba ubarekere ku mico yabo idahinduwe, kugirango bakomeze bagengwe n'abamalayika babi. Abava kuri buri ngingo, ndetse bakanesha buri geragezwa, maze bakanesha, icyo byasaba cyose, bakaba barumviye inama z'Umuhamya Nyakuri, abo kandi bazabona imvura y'itumba, maze bityo babe batunganirijwe guhindurwa." - *Ibihamya, vol. 1*, p. 187.

**b. Uretse gushakashaka mu mutima byimbitse no kwihana nyakuri, ni izihe nshingano zindi dufite ku bijyanye n'imvura y'itumba? Matayo 5:6; Zekariya 10:1.**

"Kuki tudasonzera kandi ngo tugire inyota y'impano y'Umwuka Wera, kandi ubu aribwo buryo twabonamo ububasha? Kuki tutayivugaho, ngo tuyisengere, kandi tunabwirize ibiyerekeye? Ibid., vol. 8, p. 22.

"Ababaho gusa bakurikiza umucyo bafite, nibo bazahabwa umucyo mwinshi. Kereka gusa buri munsi tubaho imibereho itanga icyitegererezo ku ndangagaciro za Gikristo, ntabwo tuzasobanukirwa ukuboneka k'Umwuka Wera mu mvura y'itumba." – Kwizera Kumbeshejeho, p. 333.

"Iyo dufite ukwiyegurira umurimo wa Kristo byuzuye, n'umutima wose, Imana izabona uko kuri kubwo gusukwa kw'Umwuka Wayo utagira akagero; ariko ibi ntabwo bizabaho mu gihe igice kinini cy'itorero kidakorana n'Imana." – *Urwibutso n'Integuza*, 21 Nyakanga, 1896.

## *Kuwa Gatanu* **15 Ukuboza**

### 5. GUHATANIRA IKIMENYETSO CYO KWEMERWA N'IMANA

**a. Ni iki kigomba kuba intumbero ya buri muntu ukurikiye Kristo – kandi se ni kuki ibi ari ingenzi? Ibyahishuwe 3:5; 7:1-4, 13, 14; 2 Abakorinto 7:1.**

---

"Ikimenyetso cy'Imana nzima kizashyirwa gusa ku bantu bafite ishusho ya Kristo mu mico." – *Urwibutso n'Integuza*, 21 Werurwe, 1895.

"Igihe tubaye abana b'Imana, amazina yacu ahita yandikwa mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama, kandi akaguma yo kugeza ku gihe cy'urubanza rugenzura. Bityo rero izina rya buri muntu rikazabona guhamagarwa, ndetse n'ibyanditswe kuri we bigasuzumwa n'uwavuze ati, 'Nzi imirimo yawe,' kuri uwo munsi nibigaragara ko ibikorwa byacu byo gukiranirwa bitigeze byihanwa byuzuye, amazina yacu azahanagurwa mu gitabo cy'ubugingo, maze ibyaha byacu biduhindukirane. Uvuga ko yizera nagira ubwibone, nagira itegeko ry'Imana ryera yica haba mu magambo cyangwa mu mwuka, icyo gihe azaba atukishije Yesu, kandi mu rubanza amagambo ababaje azavugwa ngo, 'Nimuhanagure izina rye mu gitabo cy'ubugingo; n'inkozi y'ibibi.' Ariko Data agirira impuhwe abatamwiringira, abafite imitima itinya Imana, bakozwa hirya no hino no gushidikanya ndetse bakanageragezwa. Yesu yinginga kubwabo, maze akavuga amazina yabo imbere ya Data n'imbere y'abamalayika be bera." – *Ibimenyetso by'Ibihe,* 6 Kanama, 1885.

"Ariko abategereje kubona ihinduka ry'ubufindo mu mico yabo hatabayeho ko bo bagira umuhati wiyemeje ngo baneshe ibyaha bazatenguhwa. Nta mpamvu yo gutinya kandi twitegereza Yesu, nta mpamvu yo gushidikanya kuko we afite ubushobozi bwo gukiza abamusanga bose; ahubwo dushobora guhora dutinya ko imico yacu ya kera ishobora kongera kutugenga, ko umwanzi ashobora guhanga indi mitego yadufatiramo tukongera kuba imbata ze. . . . . nk'uko amakakama afatisha ikimenyetso, niko n'umutima ugomba gufata Umwuka w'Imana kandi ukagumana ishusho ya Kristo." – *Ubutumwa Bwatoranijwe,* bk. 1, pp. 336, 337.

## *Kuwa Gatandatu* **16 Ukuboza**

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

1. **Ni uwuhe musaruro dushobora kwitega kubona mu gihe cy'imvura y'itumba?**
2. **Ni bande gusa bazakira ikimenyetso cy'Imana?**
3. **Ni iki kitubuza kubona imvura y'itumba?**
4. **Ni iki dukeneya kunesha kugirango tubone imvura y'itumba?**
5. **Ni iki dukwiye gutinya ku bijyanye no kunesha ibyaha?**

# Iminsi y'Iherezo ry'Isi

**"Ahubwo azacira abakene imanza zitabera, n'abagwaneza bo mu isi azabategekesha ukuri, kandi isi azayikubitisha inkoni yo mu kanwa ke, n'abanyabyaha azabicisha umwuka unyura mu minwa ye" (Yesaya 11:4).**

"Twese ubu tubayeho mu gihe gikomeye cyane cy'amateka y'isi kuburyo tutagombye kuba ba ntibindeba cyangwa ngo twirengagize ibintu." – *Abakobwa n'Abahungu b'Imana,* p. 118.

**Igitabo Cyifashishijwe: Intambara Ikomeye, pp. 603-614, 622-626, 635-644.**

## *Kuwa Mbere* *18 Ukuboza*

### 1. IKANGUKA RITANGAJE

**a. Ni kuki imvura y'itumba igomba kuba ikintu cy'umunezero mu mateka y'isi? Hoseya 6:1-3.**

---

"Abagaragu b'Imana, bazaba bafite mu maso harabagirana kuko berejwe gukora umurimo wera, bazaba banyuranamo hirya no hino bafite umwete mwinshi bamamaza ubutumwa buvuye mu ijuru. Amajwi y'abantu ibihumbi byinshi azaba arangurura ku isi hose, imiburo izatangwa. Hazakorwa ibitangaza, abarwayi bakizwe, kandi ibimenyetso n'ibitangaza bizakurikira abizera. Icyo gihe ariko Satani nawe azakora ibitangaza by'ibinyoma, ndetse azamanura umuriro mu ijuru imbere y'amaso y'abantu (Ibyahishuwe 13:13). Icyo gihe abatuye ku isi bose, bazaba bagomba kugira uruhande bahereramo.

"Ubutumwa ntibuzarangizwa n'amagambo menshi y'impaka ahubwo buzarangizwa no kunyurwa kubwo kwemezwa n'Umwuka w'Imana. Kumeranya kuzaba kwararangiye. Imbuto zizaba zaratewe, iki kizaba ari igihe cyo gukura no kwera imbuto. Ibitabo byakwirakwijwe n'abakozi b'ababwirizabutumwa byigaruriye imitima myinshi, ariko benshi mu bagize amatsiko babujijwe gusobanukirwa ukuri byuzuye cyangwa kwiyegurira kumvira. Icyo gihe nibwo imirasire y'umucyo izarasira ahantu hose, maze ukuri kumenyekane mu buryo busobanutse, abana b'Imana b'indahemuka bacagagure ingoyi zari zarababoshye. Amasano y'imiryango, ndetse nay'amatorero yabo, ntibizaba bigifite imbaraga zo kubaherana. Ukuri kuzaba ari ukw'igiciro gikomeye kuruta ibindi byose. Kabone n'ubwo hariho benshi barwanya ukuri, umubare munini uzahagarara ku ruhande rw'Uwiteka." – *Intambara Ikomeye*, p. 612.

## 2. INTAMBARA IKOMEYE IJYA MBERE

**a. Ni uwuhe musaruro wundi uzaboneka kubwo gutangaza neza ubutumwa mu mbaraga z'imvura y'itumba? Umubwiriza 11:1, 2; 2 Abakorinto 2:14-17.**

---

"Abantu bafite kwizera kandi bahora basenga bazumva bahatirwa kujya hose n'umuhati wera, kwamamaza ayo magambo bahawe n'Imana. Ibyaha cya Babuloni bizashyirwa ku mugaragaro. Ingaruka ziteye ubwoba z'amategeko ya leta ahatira itorero kunyuranya n'ubushake bw'Imana, ikwirakwizwa rwihishwa ry'inyigisho z'imyuka iyobya, imbaraga z'ubupapa zikomeza gukora bucece – ibyo byose bizatwikururwa bishyirwe ku mugaragaro. Kubera iyi imiburo ikomeye, abantu bose bazakangarana. Abantu ibihumbi n'ibihumbi batigeze bumva amagambo nk'ayo bazayategera amatwi. Bazatangara bumirwe bumvise ubuhamya buvuga ko Babuloni ari itorero ryaguye, kubera ibicumuro n'ibyaha byayo, no kubwo kwanga ukuri yahawe kuvuye mu ijuru. Ubwo nibwo abantu bazasanga abigisha babo ba kera bafite ishyushyu ryo kubasobanuza bati, mbese ibi byaba ari ukuri? Ababwiriza babo bazabasubirisha amagambo y'amahimbano, babahanurire ibintu byoroheje gusa, kugirango bacubye ubwoba bwabo kandi bagushe neza intekerezo zabo zibahagurukiye. Nyamara guhera ubwo benshi bazanga kunyurwa n'ayo mabwiriza yashyizweho n'umuntu, babasabe ubusobanuro ku mugaragaro niba ibyo bababwira bihwanye n'iri jambo ngo "Uku niko Uwiteka avuga?," Abo bagabura, bameze kimwe n'Abafarisayo ba kera, bazazabiranywa n'uburakari bwinshi kuko ubuyobozi bwabo buzaba bumaze gukemangwa, bavuge ko ubwo butumwa bukomotse kuri Satani maze bahagurukirize imbaga y'abantu bahindutse isenga ry'ibyaha gutoteza no kurenganya abamamaza ubwo butumwa.

"Ubwo intambara hagati y'icyiza n'ikibi izajya irushaho gufata indi ntera kandi intekerezo z'abantu zikararikirwa guhugukira amategeko y'Imana yasiribanzwe. Satani azahaguruka bwangu. Imbaraga izaba iri muri ubwo butumwa izasaza ababurwanya cyane. Abayobozi b'amadini bazakoresha imbaraga zidasanzwe ngo bazimye umucyo w'ubutumwa ngo utarasira ku mukumbi wabo. Ariko buri buryo bazakoresha buzagerageza guhagarika impaka z'ibyo bibazo by'ingenzi. Itorero rizitabaza ukuboko gukomeye k'ubuyobozi bwa leta, maze, muri uwo murimo, Ubupapa, n'Ubuporotesitanti bazishyira hamwe. Ubwo itegeko ryo guhatira abantu kuruhuka ku munsi wa mbere w'Icyumweru (dimanche)rizakaza umurego kandi rigafatirwa umwanzuro, iryo itegeko rizifashishwa mu kurwanya abakomeza amategeko y'Imana. Bazacibwa ibihano banashyirwe mu nzu y'imbohe, ndetse bamwe bazagaruzwa guhabwa imirimo y'icyubahiro, abandi bahabwe ingororano n'andi mashimwe, kugirango babakure ku kwizera kwabo. Ariko igisubizo cyabo kidasubirwaho kizaba ngo, 'Nimutwereke mu ijambo ry'Imana ikosa turegwa – nkuko na Luteri yashubije ubwo yasabwaga kwiregura. Abajyanywe mu nkiko bahagarariye ukuri, kandi bamwe mu babumvise byabateye gufata icyemezo cyo gukomeza amategeko yose y'Imana. Nguko uko umucyo uzarasira ibihumbi byinshi by'abantu batari kuzigera bamenya ukuri." – *Intambara Ikomeye,* pp. 606, 607.

## 3. UBURINZI BUVA KU MANA YONYINE

**a. Mu gihe itorero na leta bizishyira hamwe ngo bigomere amategeko y'Imana icumi mu gasuzuguro, ni iki kizagera kuri bake bazagerageza guhuza n'amahame yayo yose yera? 2 Timoteyo 3:12; Ibyahishuwe 13:11-17.**

"Ubwo Isabato izaba ibaye intandaro idasanzwe y'urugamba rwa Gikristo, maze amadini n'ubutegetsi bw'isi bikifataniriza hamwe guhatira abantu kuruhuka ku munsi wa Mbere w'icyumweru (Dimanche), kwanga kuva ku izima kw'agatsiko gato guhuza n'abandi rubanda nyamwinshi bazahindurwa ibishungero mu isi yose. Hazategekwa ko izo nkehwe zihangara kurwanya itegeko ryashyizweho n'itorero na Leta zidakwiriye kwihanganirwa na gato; ko ahubwo ibyarushaho kuba byiza ar'uko bababazwa kuruta uko isi yose ijya mu rujijo no kubura amategeko. . . . Icyo kirego na none kizaba nk'umwanzuro; maze bidatinze iteka rizacirwa abubahiriza Isabato yo mu itegeko rya kane, rihamya ko bakwiye igihano kirusha ibindi kuba kibi, baheshe rubanda umudendezo, ko nyuma y'igihe runaka bazabica. Uburoma bwo mu isi ya kera n'Ubuporotesitanti bwahakanye muri iki gihe cya none, bizihuza kugirango bigirire nabi abakomeza amategeko yose y'ijuru.

"Ubwo nibwo ubwoko bw'Imana buzashyirwa mu mibabaro n'impagarara muri urwo rugamba rw'amakuba n'agahinda byavuzwe n'umuhanuzi ko ari igihe cy'umubabaro wa Yakobo." *Intambara Ikomeye*, pp. 615, 616.

**b. Igihe inzira zose z'ubucuruzi zizaba zakuweho n'uburinzi bw'amategeko ya leta bugakurwaho, ni gute abakiranutsi bake b'Imana bazabaho? Yesaya 43:18-21; 41:17-20; 33:16.**

"Uwiteka yanyeretse kenshi ko binyuranije na Bibiliya kugira ibyo duteganya bizadutunga mu bihe by'akaga. Nabonye ko abera nibazaba bafite ibyo kurya bahunitse mu bihe by'amakuba, igihe inkota, inzara, n'ibyorezo bizagera mu gihugu, bazabyamburwa n'amaboko y'urugomo ndetse n'abanyamahanga bazasarura imirima yabo. Icyo gihe rero nicyo kizaba igihe nyacyo cyacu cyo kwiringira Imana gusa, kandi izadushyigikira. Nabonye ko umutsima wacu n'amazi bitazabura icyo gihe, kandi ko tutazagira icyo tubura cyangwa ngo twicwe n'inzara; kuko Imana ibasha kudutegurira ameza mu butayu. Binababaye ngombwa yakohereza n'ibikona bikatugaburira, nk'uko yabigenje mu kugaburira Eliya, cyangwa ikagusha manu ivuye mu ijuru, nk'uko yabigenjereje Abisiraeli." – *Inyandiko za Kera,* p. 56.

## 4.UBURINZI BW'INTAMENWA

**a. Ni iki ubwoko bw'Imana bwategetswe gukora mu gihe bwitegura ibihe by'akaga – kandi se ni gute buzahabwa ubwihisho? Yesaya 26:20, 21; 49:15, 16.**

---

---

"Amazu n'imirima nta mumaro bizaba bifitiye abera mu bihe by'akaga, kuko bizabasaba guhunga mbere y'imbaga y'abantu bazaba babaye nk'inyamanswa, kandi muri ibyo bihe ntabwo ubutunzi bwabo buzaba bugikenewe ngo bukoreshwe mu guteza imbere umurimo w'ukuri dusohoyemo. Nabonye ko ari ubushake bw'Imana ko abera bakurwaho ibibazitira byose mbere y'uko ibihe by'akaga biza, maze bakagirana isezerano n'Imana mu kwitanga. Niba bafite umutungo ku gicaniro maze bagasaba Imana kubaha inshingano, izabigisha igihe gikwiye cyo kwikuraho ibyo bintu. Bityo bazabe bisanzuye mu bihe by'akaga nta mitwaro ibaremerera bafite.

"Nabonye ko nihagira uwizirika ku mutungo maze ntabaze Imana inshingano ze, ntabwo inshingano zizamenyekana, kandi bazemererwa kugumana imitungo yabo, maze mu bihe cy'akaga izababere nk'imisozi igiye kubagwira, ubwo bazaba bagerageza kuyikuraho ariko ntibabishobore." – *Inyandiko za Kera*, pp. 56, 57.

"Mu gihe cy'igeragezwa rikomeye [Kristo] azavuga ati, 'Wa bwoko bwanjye we ngwino winjire mu nzu yawe wikingirane, ube wihishe akanya gato kugeza aho uburakari buzashirira' (Yesaya 26:20). Nonese ibyumba bagomba kwihishamo ni ibihe? Ni uburinzi bwa Kristo n'abamalayika . . . . .

"Nabonye abera bava mu mijyi n'ibirorero, maze bakishyirahamwe mu dutsiko, maze bakaba ahantu ha bonyine. Abamalayika bakabaha ibyokurya n'amazi, mu gihe abakiranirwa bicwaga n'inzara n'inyota.

"Mu gihe cya nijoro hari ikintu gitangaje cyanyujijwe imbere. Hasaga n'aho habayeho urujijo rukomeye n'intambara hagati y'ingabo zikomeye. Intumwa ivuye ku Mwami impagarara imbere, maze iravuga iti, 'Hamagara ab'urugo rwawe. Ndakuyobora, maze unkurikire.' Yanyoboye mu kayira gacuze umwijima, tunyura mu ishyamba, dukomeza mu ruhererekane rw'imisozi, maze aravuga ati, 'Aha noneho murarinzwe.' Hariho n'abandi bari barayobowe muri aka kayira. Niko iyo ntumwa y'ijuru yavuze. 'Igihe cy'akaga cyaje nk'umujura nijoro, nk'uko Umwami yababuriye ko byari kugenda.'

"Mu bihe by'akaga mbere ho gato yo kugaruka kwa Kristo, abakiranutsi bazaba barinzwe n'uburinzi bw'abamalayika bo mu ijuru; ariko nta burinzi buzaba ku bacumura amategeko y'Imana. Abamalayika ntabwo bashobora kurinda umuntu wirengagiza n'itegeko na rimwe ry'ijuru." - *Maranatha*, p. 270.

## *Kuwa Gatanu* *22 Ukuboza*

### 5. GUTABARWA

**a. Ni nde uzaba afite ubwihisho ku munsi w'umujinya w'Imana? Yesaya 33:13-16; 52:9, 10.**

---

**b. Ni ikihe kintu gitangaje kizabirindura isi – kuburyo buri jisho rishobora kubibonera icyarimwe byibura? Yesaya 11:4; 24:1-6, 19-22; Ibyahishuwe 1:7. Ni iki abera bazavuga? Yesaya 25:9.**

---

"Mu gicuku hagati nibwo Imana yahisemo gutabara ubwoko bwayo. . . . Ibicu byijimye, biremereye byarazamutse maze birasekurana. Ariko hariho ahantu hamwe hatamurutse huzuye icyubahiro kigaragara, aho niho havuye ijwi ry'Imana rimeze nk'amazi menshi, rinyeganyeza ijuru n'isi. Habayeho umutingito ukomeye cyane. Ibituro birakinguka, maze abapfiriye mu kwizera, mu butumwa bwa malayika wa gatatu, bakomeza Isabato, barasohoka bava ku mariri yabo yuzuye umukungugu, bahawe icyubahiro, ngo bumve isezerano Imana yari igiye kugirana n'abakomeje amategeko yayo." – *Inyandiko za Kera*, p. 285.

"Bidatinze iburasirazuba haboneka agacu gato kirabura, kajya kungana n'igice cy'ikiganza cy'umuntu. Ako gacu kari kazengurutse Umukiza kandi kasaga n'agakikijwe n'umwijima impande zose kubera intera karimo. Ubwoko bw'Imana bwo bahise bumenya ko iki ari ikimenyetso cy'Umwana w'Umuntu. Mu mutuzo mwinshi bakomeza kugatumbira uko kagendaga kegera isi, ni nako karushagaho kugira umucyo urabagirana n'ubwiza, kugeza ubwo kabaye igicu kinini cy'umweru nk'urubura, kandi aho gitangirira hasaga n'ibirimi by'umuriro naho hejuru yacyo hari umukororombya w'isezerano. Yesu niwe wari imbere nk'Umugaba w'Umunyembaraga." – *Intambara Ikomeye,* pp. 640, 641.

"Mu gihe cyo kuza kwa Kristo abanyabyaha bazaba bakuweho ku buso bw'isi yose – batwitswe n'umwuka wo mu kanwa Ke kandi bakongowe no kurabagirana k'ubwiza bwe. Kristo azajyana ubwoko bwe mu murwa w'Imana, maze isi itsembweho abaturage bayo. [Yesaya 24:1, 3, 5, 6]. Ibid, p. 657.

## *Kuwa Gatandatu* *23 Ukuboza*

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

1. **Ni kuki ababiba imbuto z'ukuri bose uyu munsi bashobora kubona umunezero n'ibyiringiro?**
2. **Ni izihe ngaruka zizaba kuri bamwe bazahamagarwa ngo basobanure kwizera kwabo?**
3. **Ni gute dushobora kuba turi kwitegura ubu kubw'ibihe by'akaga?**
4. **Bizagendekera bite imitungo yacu ubwo akaga kazaba kaje?**
5. **Ni kuki dukwiye gushima ko Imana itanga ibisobanuro byinshi ku hazaza?**

# Agashusho k'Ibizahoraho

**"Dore ndarema ijuru rishya n'isi nshya, ibya kera ntibizibukwa kandi ntibizatekerezwa(Yesaya 65:17).**

"Byaba ari igihombo cy'iteka turamutse twungutse isi yose, n'ibinezeza byayo byose n'icyubahiro ariko tukabura ubugingo. Ijuru rirahendutse bihagije ku kiguzi icyaricyo cyose." – *Urwibutso n'Integuza,* 18 Werurwe, 1875.

**Igitabo Cyifashishijwe: Intambara Ikomeye, pp. 644-652-658.**

## *Kuwa Mbere* *25 Ukuboza*

### 1. GUHUZWA N'IJURU

**a. Ni iyihe ngororano y'icyubahiro izaba kuri bacye bakiranukira Imana? Yesaya 26:1, 2.**

---

---

"Impanda y'ifeza ya Yesu iravuzwa, ubwo yamanukaga ku gicu, atwikiriwe n'ibirimi by'umuriro. Yitegereza ku bituro by'abera basinziriye, nuko azamura amaso ye n'ibiganza abyerekeza ku ijuru, maze avuga cyane ati, 'Nimukanguke! Nimukanguke! Nimukanguke! Mwebwe abasinziriye mu mukungugu, mubyuke.' Nuko habaho umutingito ukomeye. Ibituro birakinguka, maze abapfuye bavamo bambaye kudapfa. . . . Maze muri uwo mwanya turahindurwa, twese tujyananwa hamwe gusanganira Umwami mu kirere.

"Twese twinjiye mu gicu hamwe, maze tumara iminsi irindwi tuzamuka ku Nyanja y'ibirahuri, ubwo Yesu yazanaga amakamba, maze akoresheje ikiganza cye bwite ayadushyira ku mitwe yacu. Aduha n'inanga z'izahabu n'imikindo yo kunesha. Aha ku Nyanja y'ibirahuri niho 144, 000 bari bahagaze baboneye mu mpande enye. Bamwe bari bafite amakamba arabagirana cyane, abandi bafite atarabagirana cyane. Amakamba amwe yasaga n'aho aremereye kubera inyenyeri zariho, mu gihe ayandi yo yariho nkeya. Bose bari banyuzwe n'amakamba yabo. Kandi bose bari bambaye amakanzu y'icyubahiro kuva ku ntugu zabo kugeza ku birenge. Abamalayika bari baduherekeje ubwo twatambukaga ku Nyanja y'ibirahuri tugana ku marembo y'umurwa. Yesu yazamuye ukuboko kwe k'Ubushobozi n'icyubahiro, agufatisha ku rugi rw'amabuye y'igiciro, arusunikira ku mapata yarwo arabagirana, maze aratubwira ati, 'Mwameshe amakanzu yanyu mu maraso yanjye, muhagararira ukuri mutajegajega, nimwinjire.' Twese twarinjiye kandi twiyumvamo ko tuhakwiriye." - *Ibihamya, vol. 1,* pp. 60, 61.

## 2. MU GIHE CY'AHAZAZA KIBANGUTSE

**a. Gereranya ahazaza h'abakiranirwa n'imigisha y'abakiranutsi. Yesaya 33:24; 34:1, 2. Ni ikihe kintu kimwe kizahora kitwibutsa iyi si y'ibyaha? Zekariya 13:6.**

---

---

"Akamenyetso kose k'umuvumo w'icyaha kazaba gahanaguwe . . . Urwibutso ruzahoraho rwasigaye ni rumwe gusa: Umucunguzi wacu azahorana inkovu zo kubambwa kwe. Ku mutwe we wakomerekejwe, mu rubavu rwe, mu biganza no ku birenge, niho gusa hazasigara ikimenyetso cy'ubugome buteye ubwoba icyaha cyatuzaniye . . . . Mu gikomere cyo mu rubavu hatembyemo isoko y'amazi avanze n'amaraso niho rufatiro rwunze Imana n'abantu –niho hari icyubahiro cy'Umukiza, aho 'niho habitswe ububasha bwe'. . . . . Ikimenyetso cye cyo gucishwa bugufi, nicyo cyahindutse icyubahiro giheranije; mu bihe by'iteka ryose ibikomere by'i Kaluvari bizakomeza kwerekana ishimwe rye kandi bitangaze imbaraga ze." *– Intambara Ikomeye*, p. 674.

**b. Yesaya akoresha iyihe shusho mu kuvuga ibyiringiro by'icyubahiro by'ibihe byose – Kandi se ni gute natwe dushobora kubisogongeraho uyu munsi? Yesaya 35:1-10.**

---

---

"Kuri buri wese wiyegurira Uwiteka ngo amukorere, ntacyo yishigarije, ahabwa imbaraga zo kugera ku mihati itagira akagero. Kuko aba Imana izabakorera ibyiza byinshi. Izakorana n'intekerezo z'abantu kuburyo, ndetse no muri iyi si, hazaboneka gusohora kw'isezerano ry'ahazaza. [Yesaya 35: 1-10]." *– Umurimo wo Gukiza,* p 160.

"Mu mibereho yacu hano, kuri iy'isi inizwe n'icyaha nk'uko iri, umunezero ukomeye ndetse n'uburezi buhanitse byaboneka mu murimo. Ndetse no mu mimibereho y'ahazaza, aho tutazazitirwa n'ingabano z'ibyaha by'iyi si, ni mu murimo dushobora kubonera umunezero ukomeye n'uburezi bwacu buhanitse buzahaboneka –twibonera ibihamya mu buryo budasanzwe uko twiga ibishyashya k'ubutunzi bw'icyubahiro cy'ubwiza bw'ubwo bwiru; 'aribwo Kristo uri muri mwe, aribyo byiringiro by'ubwiza." - (Abakolosayi 1:27). *Education,* p. 309.

**c. Ni he dukwiye kwibanda kuruta ahandi igihe dutegura ahazaza hacu? Yesaya 65:17-19; Ibyahishuwe 21:1; Abaheburayo:11:8, 10, 13-16.**

---

---

## 3. AMAHORO NO GUTUZA BITEGEREJWE!

**a. Ni gute Yesaya yagaragaje ijuru rishya n'isi nshya? Yesaya 32:18; 60:18-22.**

---

---

"Impungenge z'uko ahazaza tuzaragwa umurage uzahoraho zateye abantu benshi gushidikanya ukuri kwatumaga dutegereza kuzabona iwacu heza. Kristo yasezeranije abigishwa be ko agiye kubategurira amazu yo kubamo mu rugo rwa Se. abemera inyigisho z'ijambo ry'Imana ntabwo bazajijwa ku bijyanye n'iby'iwacu mu ijuru. . . . [1 Abakorinto 2:9]. Ururimi rwa kimuntu ntirushobora gusobanura agaciro k'ingororano izahabwa abakiranutsi. Izamenywa gusa n'abazayihabwa. Ntabwo ubwenge bw'umwana w'umuntu bushobora gusobanura ubwiza bwa Paradiso y'Imana." – *Intambara Ikomeye*, pp. 674, 675.

**b. Ni gute Yesaya avuga ku kirere cyuzuye amahoro cyaho? Yesaya 11:6, 7, 9; 65:25. Ni kuki dukwiye gushaka uko twishyira twe n'imiryango yacu ahantu hameze hatyo, ndetse na hano ubu? Yesaya 32:17.**

---

---

"Na none kandi Umwami yategetse ko abizera bacu bagomba kujya kure y'imijyi, mu cyaro, aho bashobora kwishakira ibibatunga; kuko mu gihe kizaza ikibazo cyo kugura no kugurisha kizaba kigoranye. Ubu dukwiye kwita ku mabwiriza twahawe inshuro nyinshi: Nimuve mu mijyi mugane mu turere tw'ibyaro, aho amazu adacucitse, ndetse aho muzaba muhunze uruhurirane rw'abanzi." – Urugo rwa Kidivantisiti, p. 141.

"Nimujyane imiryango yanyu kure y'imijyi nibwo butumwa bwanjye.

"Igihe kirageze, nk'uko mu gihe Umwami afungura inzira, imiryango ikwiye kuva mu mijyi. Abana bakwiye kujyanwa mu byaro. Ababyeyi bakwiye gushaka ahantu heza hakwiye uko ubushobozi bwabo bubemerera. . . .

"Mbere y'uko amakuba atemba nk'uruzi agera ku batuye isi, Umwami ahamagarira Abisiraeli nyakuri kwitegura icyo kintu. Yoherereza ababyeyi ijwi ry'umuburo ngo: nimwegeranye abana banyu bo mu rugo rwanyu; nimubahungishirize kure y'abadakomeza amategeko y'Imana, bari mu kubigisha kandi bakabakoresha ibibi. Nimuve mu mijyi minini mwihuse uko mushoboye.

"Ababyeyi bashobora kwishakira amazu mato mu byaro, afite ubutaka bwo guhingamo, aho bashobora kugira uturima tw'imbuto ndetse bagahinga imboga n'imbuto zoroheje. . . . . Imana izafasha ubwoko bwayo kubona ayo mazu hanze y'imijyi." - Ibid., pp. 139, 140.

## 4. AHANTU NYAKURI HAFITE IBIKORWA BITANGA UMUSARURO

**a. Garagaza imwe mu mirimo igomba kuzasangwa mu isi nshya. Yesaya 65:21, 22. Sobanura uko dushobora kunezezererwa uruge-ro rw'iyo mimerere uyu munsi.**

---

---

"Byaba byiza kuri mwe mushatse uko mushyira hasi ibibahangayikisha maze mugashaka aho muruhukira mu cyaro, ahataba imbaraga ikomeye ishobora kwangiza abakiri bato.

"Muby'ukuri, ntabwo waba utandukanye burundu n'ibisitaza n'ibihangayikisha umuntu mu cyaro; ariko ho byibura waba uhunze ibibi byinshi, ndetse ukinze inzugi ku bigeragezo byinshi bigeramiye kandi bikarusha imbaraga intekerezo z'abana bawe. . . .

"Kuba mu cyaro byaba byiza cyane kuri bo; ibikorwa by'imibereho yo hanze y'urugo bishobora kuba byiza cyane ku ntekerezo ndetse n'impagarike. Bakwiye kugira akarima ko guhingamo, aho bashobora kubona byombi harimo kwishimisha n'umurimo w'ingirakamaro. Gutorezwa ku bimera n'indabo bikunze kugirira akamaro intekerezo n'imigaragarire y'ibintu, mu gihe kumenya ibyo Imana yaremye by'ingirakamaro kandi byiza bigira umumaro cyane ku ntekerezo, bizerekeza ku Muremyi wabyo byose." - *Ibihamya, vol. 4*, p. 136.

"Imisozi n'udusozi biriho birahinduka; isi iriho irasaza nk'umwambaro; ariko imigisha y'Imana, itegurira ubwoko bwayo ameza mu butayu, yo ntabwo izahagarara." – *Umurimo wo Gukiza*, p. 200

"Benshi banga gushaka ibyo kurya byabo bakoresheje gututubikana ko mu maso habo, kandi banga guhinga ubutaka. Ariko isi ifite ubutunzi buyihishemo imbere bugenewe abafite umuhati n'ubushake kandi bihanganira kwegeranya ubutunzi bwayo. Ababyeyi b'abagabo n'abagore bafite isambu n'urugo rutuje ni abami n'abamikazi." - *Fundamentals of Christian Education*, pp. 326, 327.

**b. Ni iki kindi gishobora kuvugwa ku bijyanye n'isi nshya? Yesaya 64:4**

---

---

"Aho ngaho, igihe inyegamo ikingirije kureba kwacu izaba ikuweho, ndetse amaso yacu akabona ya si y'ubwiza iyo turebera ubu mu birorirori gusa; igihe tureba ku cyubahiro cy'ijuru, tubirebeye kure cyane mu ntekerezo; igihe ubwiza bw'icyaha buzakurwaho, isi yose izagaragara mu cyubahiro cy'Umwami Imana yacu, mbega ahantu hazafungurirwa kwiga kwacu!" - *Education,* p. 303.

"Hazabayo imicurangire myiza, indirimbo, izo ndirimbo z'agahozo, zitigeze zumvwa n'ugutwi kwa muntu keretse mu mayerekwa y'Imana." - Ibid., p. 307.

## *Kuwa Gatanu* **29 Ukuboza**

### 5. INTUMBERO NYAMUKURU

**a. Ni gute imbaraga n'urukundo rw'Imana bigaragazwa mu isi nshya? Abefeso 3:17, 20.**

"[Mu isi nshya] urukundo n'impuhwe Imana ubwayo yateye mu mitima y'abantu ruzaba rubonye igihe gikwiriye kandi cyiza cyo gukoresha. . . .

"Ubwenge n'impano zose bizakomeza gutera imbere, ubushobozi bushya buzajya bwungukwa. Kunguka ubumenyi ntabwo bizananiza ubwenge cyangwa ngo bicogoze imbaraga z'umubiri. Ahongaho umushinga mwiza watekerejwe uzagerwaho, ndetse n'icyifuzo cyatangiwe kizashimisha abantu, n'icyo umuntu yifuje kugeraho kizashoboka; kandi bazahora batera intambwe zo kuzamuka mu rwego rw'ubumenyi, bazahora bunguka ibishya bitangaje, ukuri gushya bazaba bagomba kumenya ndetse n'imbaraga z'ubwenge, umutima,n'umubiri, bizahora bivugururwa." – *Intambara Ikomeye*, p. 677.

**b. Ni uwuhe mugisha mwiza cyane uzagera ku bacunguwe? Yesaya 66:22, 23. Ni gute dushobora kuba twitegurira ibyo ubungubu?**

"Kandi mu bihe bidashira, uko imyaka ihita indi igataha, niko abacunguwe bazarushaho kubona amahishurwa y'ubwiza bw'Imana na Kristo. Uko ubumenyi buzakomeza kugwira, ni nako n'urukundo,no kubaha Imana, n'umunezero bizakomeza kugwira. Uko abantu bazarushaho kwiga kumenya Imana, niko bazakomeza gutangazwa n'imico yayo." - Ibid., p. 678.

"Iki nicyo gihe cyo kwegurira amasaha yacu y'igiciro asigaye y'imbabazi ku kumesa amakanzu yacu y'imico mu maraso y'Umwana w'Intama, kugirango tuzabe muri ba bantu benshi bambaye imyenda yera bazaba bakikije intebe yera y'ubwami." – *Kugirango Mumenye*, p. 65.

## *Kuwa Gatandatu* **30 Ukuboza**

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

1. **Tubwirwa n'iki ko abacunguwe bose bazishimira iyo ngororano?**
2. **Ni gute dushobora kubona ubunararibonye bw'umunezero w'ijuru uyu munsi?**
3. **Niba tuzishingikiriza ku Mana yonyine mu bihe by'akaga ni kuki dukwiye kwimukira mu cyaro?**
4. **Ni gute kandi kuki isi nshya izaba nziza kuruta ishaje?**
5. **Uko ubumenyi bwacu ku Mana bwiyongera, ni iki kizaba ingaruka yabyo?**

## Isiraeli y'Umwuka – Ihamagarirwa Kurabagirana

Igihe Mesiya wasezeranijwe yendaga kuboneka, ubutumwa bw'uwabanjirije Kristo bwari ubu ngo: Nimwihane, bakoresha b'ikoro n'abanyabyaha; nimwihane, Bafarisayo n'Abasadukayo; "Kuko ubwami bw'Imana buri bugufi" (Matayo 3:2).

Uyu munsi, mu mwuka n'imbaraga bya Eliya na Yohana Umubatiza, intumwa z'Imana zashyizweho zirahamagarira isi yenda kujyanwa mu rubanza kumenya igikorwa cyenda kubaho bidatinze kigendanye n'amasaha aheruka y'imbabazi no kuboneka kwa Kristo Yesu nk'Umwami w'Abami n'Umutware w'abatware. Bidatinze buri muntu agiye gucirwa urubanza kubw'ibikorwa byakorewe mu mubiri. Isaha y'urubanza rw'Imana iregereje, kandi ku bizera b'itorero Ryayo hano ku isi bafite inshingano zikomeye zo kuburira abihagarariye gusa nk'abatazi ko hari ikintu gishya cyo kurimbuka kw'iteka ryose. Kuri buri muntu wese wo mu isi yose hagomba kumenyekanishwa amahame akomeye agenderwaho mu ntambara ikomeye, amahame agaragaza ibizaba kuri buri kiremwamuntu.

Muri aya masaha aheruka y'imbabazi ku bana b'abantu, ubwo ibigomba kuba kuri buri muntu bigiye gutegekwa by'iteka, Umutware w'ijuru yiteze ko itorero rye rigiye guhaguruka rigatangira gukora birenze uko byari mbere. Ababatuwe muri Kristo binyuze mu kumenya ukuri kw'igiciro cyinshi, babonwa na Kristo Yesu nk'abatoranijwe, bakaba barahawe amahirwe akomeye kuruta abandi bantu bose bo ku isi; kandi yiteze ko bagomba kwerekana icyubahiro cy'Uwabahamagaye akabakura mu mwijima w'icuraburindi abajyana mu mucyo w'itangaza. Imigisha igenda igaragazwa igomba no kwerekwa n'abandi. Amakuru meza y'agakiza agomba kugera kuri buri shyanga, umuryango, indimi, ndetse n'amoko.

Mu iyerekwa ry'abahanuzi ba kera Umwami w'icyubahiro yerekanywe atanga umucyo udasanzwe ku itorero Rye mu minsi y'umwijima no gushidikanya bibanziriza kugaruka kwe. We nka Zuba ryo Gukiranuka, yagombaga guhaguruka kubw'itorero rye, ''afite gukiza mu mababa ye'' (Malaki 4:2). Kandi imbaraga y'ubugingo yagombaga kugera ku bandi ivuye kuri buri mwigishwa w'ukuri, ufite ubutwari, gufasha, no gukiza nyakuri.

Kuza kwa Kristo kuzabaho mu gihe cy'umwijima ukabije w'amateka y'iyi si. Iminsi ya Nowa n'iya Loti itanga ishusho y'imiterere y'isi mbere yo kuza k'Umwana w'Umuntu. Ibyanditswe biganisha kuri iki gihe, bivuga ko Satani azakoresha imbaraga zose 'afite gushukana kose no gukiranirwa' (2 Abatesaloniki 2:9, 10). Imikorere ye igaragazwa neza no kwiyongera cyane k'umwijima, amafuti menshi cyane akomeza kwiyongera, ubwaka, n'urujijo by'iyi minsi iheruka. Ntabwo Satani ariho ashyira isi mu bubata bwe gusa, ahubwo ibinyoma bye byabaye umusemburo mu biyita amatorero y'Umwami wacu Yesu Kristo. Ubuhakanyi bukomeye buzahindukamo umwijima ukomeye nk'uw'igicuku. Ku bwoko bw'Imana rizaba ari ijoro iry'ibigeragezo, ijoro ryo kurira, ijoro ry'akarengane kubw'ukuri. Ariko inyuma y'iryo joro ry'umwijima umucyo w'Imana uzamurika.

Itera ''umucyo kumurikira mu mwijima'' (2 Abakorinto 4:6). Igihe "isi yari itagira ishusho yariho ubusabusa, umwijima wari hejuru y'imuhengeri" "maze Umwuka w'Imana yagendagendaga hejuru y'amazi. Imana iravuga iti habeho

umucyo: umucyo ubaho“ (Itangiriro 1:2,3) Ni nako bimeze rero mu gihe cy'ijoro ry'umwijima w'igicuku mu by'umwuka, ijambo ry'Imana rikomeza kuvuga riti "Habeho umucyo." Ku bwoko bwayo ivuga iti, "Byuka urabagirane kuko umucyo wawe uje, kandi ubwiza bw'Uwiteka bukaba bukurasiye" (Yesaya 60:1).

"Dore,"Niko Ibyanditswe bivuga, "Umwijima uzatwikira isi, umwijima w'icuraburindi uzatwikira amahanga: ariko Uwiteka azakurasira kandi ubwiza bwe buzakugaragaraho" (Umurongo wa 2).

Kristo we kurabagirana k'ubwiza bwa Data wa twese, yaje ku isi nk'umucyo wa Data. Yaje kumenyesha abantu Imana, kandi kuri we handitswe ko yasizwe" Imana yamusutseho Umwuka Wera n'imbaraga, akagenda agirira abantu neza" (Ibyakozwe 10:38). Mu isinagogi i Nazareti Yaravuze ati, " Umwuka w'Uwiteka ari muri jye nicyo cyatumye ansigira, kugirango mbwirize abakene ubutumwa bwiza; yantumye kumenyesha imbohe ko zibohorwa, n'impumyi ko zihumuka, no kubohora ibisenzegeri, no kumenyesha abantu iby'umwaka Umwami agiriyemo imbabazi" (Luka 4:18, 19).

Uyu rero niwo murimo yashinze abigishwa be gukora. "Muri umucyo w'isi,"arongera aravuga ati. "Abe ariko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza bahereko bahimbaze So wo mu ijuru" (Matayo 5:14, 16).

Uyu niwo murimo umuhanuzi Yesaya yasobanuraga ubwo yavugaga ati: Kandi ukarekura ugatanga ibyokurya byawe ukagaburira abashonji, ukazana abakene bameneshejwe ukabashyira mu nzu yawe, wabona uwambaye ubusa ukamwambika, ntiwirengagize bene wanyu. Maze rero umucyo wawe uzaherako utambike nk'umuseke, ubukire bwawe buzatoha vuba, gukiranuka kwawe kuzakujya imbere, kandi icyubahiro cy'Uwiteka kizaba kigushoreye" (Yesaya 58:7,8).

Bityo rero mu ijoro ry'umwijima w'iby'umwuka ubwiza bw'Imana bugomba kumurika bunyuze mu itorero ryayo maze bugahagurutsa abunamye ndetse kikanahumuriza ababoroga.

Ahatuzengurutse humvikanira imiborogo y'agahinda k'abari mu isi. Buri ruhande ruriho abakene n'abishwe n'agahinda. Biri mu nshingano zacu gukiza no korohoshya ibirushya byo mu buzima n'imibabaro. Ubukene bw'umutima bushobora guhazwa n'urukundo rwa Kristo gusa. Kristo niba aba muri twe, imitima yacu izuzura impuhwe z'ijuru. Amasoko yo gushikama ariho ikimenyetso, urukundo rwa Gikristo ruzagaragazwa.

Hariho benshi batakaje ibyiringiro. Nimubamurikishirize imirasire y'izuba. Benshi batakaje umuhati wabo. Nimubaganirize amagambo y'ihumure. Nimubasengere. Hariho abakeneye umutsima w'ubugingo. Nimubasomere mu ijambo ry'Imana. Kuri benshi hariho uburwayi bw'umutima budashobora gukizwa n'umuti wo mu isi cyangwa se ngo umuganga wo mu isi abe yabukiza. Nimusengere aba bantu. Nimubazanire Yesu. Nimubabwire ko i Galeyadi hariyo umuti hakaba n'Umuganga.

Umucyo ni umugisha, umugisha w'isi yose, usuka ubutunzi bwawo ku isi idashima, idatunganye, yatentebutse. Keretse babonye umucyo wa Zuba ryo

Gukiranuka. Isi yose itwikiriwe nk'iri mu mwijima w'icyaha n'agahinda n'uburibwe, ikaba igomba kumurikirwa no kumenya urukundo rw'Imana.

Hatirengagijwe buri bwoko, buri rwego ndetse n'ibyiciro abantu barimo hagomba kubonekamo kumurika k'umucyo uturuka ku ntebe y'ubwami bw'ijuru.

Ubutumwa bw'ibyiringiro n'imbabazi bugomba kugezwa ku mpera z'isi. Ubishaka wese, ashobora guhaguruka akakira imbaraga z'Imana maze akiyunga nayo, kandi baziyunga. Ntibikiri ibyo guheza abapagani mu mwijima wo mu gicuku. Umwijima ugomba kuzimirira imbere y'imirasire ya Zuba ryo Gukiranuka ibonetse.

Kristo yatanze ibikenewe byose ngo itorero rye ribe umubiri uhinduwe, rimurikirwa n'umucyo uza ku isi, rikanagira icyubahiro cya Emanweli. Biri mu mugambi Wayo ko buri Mukristo agomba kuzengurukwa n'ikirere cy'ijuru cy'umucyo n'amahoro. Yifuza ko tugaragaza umunezero We mu mibereho yacu.

"Byuka urabagirane: kuko umucyo wawe uje, kandi ubwiza bw'Uwiteka bukaba bukurasiye (Yesaya 60:1). Kristo azanye imbaraga n'icyubahiro gikomeye. Aje mu cyubahiro cye n'icya Se. Kandi n'abamalayika bera bazamuherekeza mu rugendo rwe. Mu gihe isi yose izaba irigise mu mwijima, hazabaho umucyo ahantu hose abera batuye. Bazabona umucyo wa mbere wo kuboneka kwe kwa kabiri. Umucyo utavangiye uzamurika uva ku kuboneka kwe, kandi Kristo Umucunguzi azishimirwa n'abamukoreye bose. Mu gihe abakiranirwa bazahunga, abakurikiye Kristo bazanezezererwa mu kuhaba kwe.

Bityo rero ni muri icyo gihe abacunguwe bazaherwa umurage wabo wasezeranijwe. Bityo umugambi w'Imana kuri Isiraeli ube urasohojwe nk'uko biteganywa. Uwo mugambi w'Imana umuntu adafite ububasha bwo gukoma mu nkokora. Ndetse no hagati mu mikorere y'ibibi, umugambi w'Imana wakomeje kugenda utajegajega ugana ku isohozwa ryawo. Ni uko byagenze ku nzu ya Isiraeli mu gihe cy'ubwami bwigabanijemo; kandi ni nako bimeze muri Isiraeli y'ubungubu.

Uwahishuriwe w'i Patimosi, arebye ku bihe byose akageza ku gihe cy'isanwa rya Isiraeli mu isi yagizwe nshya, yahamije ati;

"Hanyuma y'ibyo mbona abantu benshi umuntu atabasha kubara, bo mu mahanga yose n'imiryango yose n'amoko yose n'indimi zose, bahagaze imbere ya ya ntebe n'imbere u'Umwana w'Intama, bambaye ibishura byera kandi bafite amashami y'imikindo mu ntoki zabo, bavuga ijwi rirenga bati "Agakiza ni ak'Imana yacu yicaye ku ntebe n'ak'Umwana w'Intama.

"Nuko abamarayika bose bagose ya ntebe na ba bakuru na bya bizima bine, bikubita hasi bubamye imbere y'intebe, baramya Imana bati, Amena, amahirwe n'icyubahiro n'ubwenge n'ishimwe, no guhimbazwa n'ubutware n'imbaraga bibe iby'Imana yacu iteka ryose.(Ibyahishuwe 7:9-12; 19:6, 7;

"Numva ijwi risa n'iry'abantu benshi n'irisa n'iry'amazi menshi asuma n'irisa n'iryo guhinda kw'inkuba gukomeye kwinshi rivuga riti "Haleluya! Kuko Umwami Imana yacu Ishoborabyose iri ku ngoma. Tunezerwe twishime, tuyihimbaze." "Kuko ariwe Mutware utwara abatware n'Umwami w'abami, kandi abari hamwe nawe bahamagawe batoranijwe bakiranutse." - 17:14). Abahanuzi n'Abami, pp. 715-721.

# Ituro ry'Isabato ya Mbere




**1 Ukwakira, 2016**
azagenerwa Vankuva, muri Kanada.

**Reba p 4**

**5, Ugushyingo, 2016**
azagenerwa Ibitabo byo gufastha za Mission Fields

**Reba p 30**






**3, ukuboza, 2016**
azagenerwa Icyiciro cy'Uburezi cya Union yo muri Amerika yo hagati

**reba p51**